



REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
P.o. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2021
Nyakanga, 2021



RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 3 - 2021
July, 2021



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

**Icyegeranyo V. 3 - 2021
Nyakanga, 2021**



RWANDA LAW REPORTS

**Law Reports V. 3 - 2021
July, 2021**

ISHAKIRO

| | |
|---|------|
| ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI | iii |
| I. ITSINDA RY’ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA..... | iii |
| II. KOMITE YEMEZA IMANZA..... | v |
| IRIBURIRO | ix |
| IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO..... | xi |
| INYITO..... | xi |
| AMATEGEKO YASHINGIWEHO | xiii |
| IMANZA ZIFASHISHIJWE | xvii |
| AMAGAMBO MPINE..... | xix |
| NDITIRIBAMBE v GATERA N’UNDI | 1 |
| SALIMINI v LETA Y’U RWANDA (MINISITERI Y’UBUZIMA) | 33 |
| MUKANKUBITO v NABIMANA | 55 |
| RIZIKI v MUBIRIGI..... | 89 |
| UWAMWEZI v RANGHELLA | 105 |
| RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB) | 147 |
| RWAGASANA v. BANKI YA KIGALI (BK LTD) | 163 |

ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI

I. ITSINDA RY’ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

II. KOMITE YEMEZA IMANZA

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Perezida wa Komite,
Umucamanza mu Rukiko
rw'Ubujurire
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Visi Perezida wa Komite,
Umwarimu muri
Kaminuza y'u Rwanda
- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Umwanditsi wa Komite,
Umugenzuzi w'Inkiko
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Perezida w'Urukiko
rw'Ubujurire
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ikirenga
- NDAHAYO Xavier** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- RUTAZANA Angeline** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
- KALIWABO Charles** : Umucamanza w'
Urukiko rw'Ubujurire
- Dr. KAYIHURA Didas** : Umuyobozi wa ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE
Bibiane** : Visi Perezida wa Komisiyo
y'u Rwanda ishinzwe
Ivugururwa ry'Amategeko

| | |
|-----------------------------------|---|
| BWIZA N. Blanche | : Umugenzuzi w'Inkiko |
| KIBUKA Jean Luc | : Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi |
| HABARUREMA Jean Pierre | : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu |
| BUNYOYE Grace | : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu |
| KABIBI Specioza | : Intumwa ya Leta |
| MUREREREHE Saouda | : Umucamanza mu Rukiko Rukuru |
| Lt. col. MADUDU A. Charles | : Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare |
| GIRANEZA Clémentine | : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye |
| Dr. NSHIMIYIMANA Didace | : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye |

| | |
|---------------------------|---|
| BAGABO Faustin | : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka |
| GAPARAYI Idi | : Umwarimu muri University of Kigali |
| Dr. SHEMA Pierre | : Umwarimu muri ULK |
| KARAKE Canisius | : Umwarimu muri UNILAK |
| HABIMANA Pie | : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka |
| RWIGEMA Royck | : Umucamanza mu Rukiko rw'Ubucuruzi |
| YANKURIJE Dorothée | : Perezida w'Urukiko rw'Ibanze |

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejewe no kubagezaho icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 3 [2021]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no buzima bwa buri muni.

Muri iyi numero murasangamo imanza zirindwi (7) zirimo esheshatu (6) zaburanishijwe mu mizi zikurikira: urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsi, imanza eshatu (3) z'imbonezamubano, imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi n'urundi rumwe (1) rwerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: <http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki Cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga n’Urukiko rw’Ubujurire.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2021] 3 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

a. Amategeko akoreshwa ubu

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;
ingingo ya 9 n'ya 63.....5

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo 8 n'ya 242.....91

Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.....167

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/05/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo,
ingingo ya 11.....58
ingingo ya 76.....167

Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigenga uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, ingingo ya 5 n'ya 15.....36

b. Amategeko yakuweho ariko yakoreshejwe igihe ikibazo cyavukaga

Itegeko Nshinga ryo ku wa 20/12/1978 rya Repubulika y'u Rwanda, ingingo ya 25 na 98.....58

Itegeko Nshinga ryo ku wa 24/11/1962, rya Repubulika y'u Rwanda, ingingo ya 28.....58

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga;

ingingo ya 815

ingingo za 33, 78, 79, 80 na 81108

Itegeko Ngenga N°08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 34 na 35167

Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta, ingingo ya 76, 77 na 7936

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

ingingo ya 9167

ingingo ya 9 n'ya 11108

ingingo ya 11 n'ya 815

Itegeko N° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko N° 05/2013 ryo ku wa 13/2/2013, ingingo ya 88 n'ya 89149

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe;

ingingo ya 19 n'ya 24108

ingingo ya 21167

Iteka N° 01/81 ryo ku wa 16 Mutarama 1981 ryerekeye ibarura ry'abaturage, ikarita ndangamuntu, ingingo ya 5,6 n'ya 758

*Iteka ryo ku wa 04/05/1895 rishyiraho Urwunge rw'Amategeko
Mbonezamubano, Igitabo cya mbere, ingingo ya 18,20 n'iya
117.....58*

*Itegeko ryo ku wa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa
imirimo nshinganwa,
 ingingo ya 258.....167
 *ingingo ya 258.....36**

IMANZA ZIFASHISHIJE

Forest Company Volcanoes Gorillas (FCVG) Ltd v Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA), RCOMAA 00055/2016/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 29/9/2017.....149

Murayire v Sindikubwabo, RS/REV/INJUST/CIV 0029/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 01/06/2018.....91

AMAGAMBO MPINE

- 1. Amategeko agenga amasezerano** – Amasezerano y’ubugure – Inshingano y’umugurisha – Umugurisha yishingira ko umuguzi atazavutswa uburenganzira bwe ku cyo yaguze (garantie contre l’éviction).

NDITIRIBAMBE v GATERA N’UNDI.....1

Amasezerano y’ubwishingizi – Inshingano z’uwinshingiye umwenda – Inshingano z’uwishingiye umwenda zikurwaho n’uko umwenda wishingiwe urangije kwishyurwa cyangwa se n’uko umwishingizi asimujwe undi mwishingizi mu buryo bwemewe n’amategeko; ntizivanwaho no kuba igihe cyo kwishyura giteganijwe mu masezerano y’ubwishingizi kirangiye

RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB)..... 147

Amasezerano y’inguzanyo – Inshingano zo kwishyura inyungu zikomoka ku masezerano yo kurangiza neza imirimo z’amafaranga yishyurwe na banki mu mwanya w’uwahawe umwenda – Nta kosa banki iba ikoze iyo yishyuye inyungu ku mafaranga yishyuriye rwiyezeza mirimo nk’ingwate yo kurangiza neza imirimo (performance guaranty) ku rwego rwatanze isoko iyo uwaritsindiye atarangije imirimo neza – Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.

RWAGASANA v. BANKI YA KIGALI (BK LTD)163

Amasezerano y’inguzanyo – Kudahakana umwenda umwishingizi yasinyiye – Umwishingizi washakanye n’uwahawe umwenda na banki ntiyahakana umwenda

wafashwe n'uwo bashakanye yitwaza ko atawusinyiye kandi basangiye uwo mutungo mu gihe bigaragaye ko imyenda yose yafashwe n'uwo bashakanye yayishyizeho umukono.

RWAGASANA v. BANKI YA KIGALI (BK LTD)
.....163

- 2. Amategeko agenga amasoko ya Leta – Amafaranga ahabwa uwatsindiye isoko rya Leta kugirango atangire imirimo (Avansi) – Isubizwa rya avansi ntibireberwa ku gaciro k'imirimo imaze gukorwa kuko Avansi ubwayo atari ubwishyu.**

RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB).....147

- 3. Amategeko agenga imanza z'ubutegetsu – Gutanga igihano ku mukozi wa Leta – Umukozi wa Leta utubahirije ibyo ashinzwe cyangwa udakoze ibyo asabwa – Iyo umukozi wa Leta atubahirije inshingano ze agakora amakosa atari ateganyijwe mu mategeko afatirwa ibihano byo mu rwego rw'akazi hakurikijwe uburemere bw'ikosa bigenwa n'umuyobozi w'urwego umukozi yakoragamo abanje kugezwaho raporo n'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa – Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, ingingo ya 15.**

SALIMINI v LETA Y'U RWANDA (MINISITERI Y'UBUZIMA)33

Ibihano mu rwego rw'akazi – Gushyingura dosiye y'inshinjabyaha – icyemezo gifashwe mu rwego rw'imanza nshinjabyaha ntikibangamira cyangwa ngo gikureho ko umukozi wa Leta atakurikiranwa ngo anafatirwe n'ibihano mu rwego rw'akazi kuko aba

ashobora guhanirwa mu rwego rw'akazi ibikorwa yagizweho umwere mu manza nshinjabyaha.

SALIMINI v LETA Y'U RWANDA (MINISITERI Y'UBUZIMA)

.....33

4. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane –

Imbibi z'ikiburanwa – Ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe narwo hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano.

NDITIRIBAMBE v GATERA N'UNDI.....1

Imbibi z'ikiburanwa – Ibirego bishya bitari mu murongo w'ibyaburanywe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu rubanza rwasabiwe gusuburwamo ku mpamvu y'akarengane

NDITIRIBAMBE v GATERA N'UNDI.....1

5. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi

– Igihembo cy'avoka – Amafaranga y'ikurikiranarubanza, n'igihembo cya avoka agenwa mu bushishozi bw'urukiko n'ubwo impande zombi zaba zarabyumvikanyeho mu masezerano iyo bigaragaye ko ari ukwihesha indonke ikabije kandi n'uyasaba ntagaragaze ikimenyetso cy'uburyo yayakoresheje.

RWAGASANA v. BANKI YA KIGALI (BK LTD)

.....163

Igihembo cy'umuhanga – Iyo igihembo cy'umuhanga cyishyuwe na banki mu mwanya w'umukiliya wayo, ategakwa kucyishyura mu gihe atsinzwe urubanza

RWAGASANA v. BANKI YA KIGALI (BK LTD)

.....163

- 6. Amategako agenga umuryango** – Ishyingirwa mu buryo bukurikije amategako – Ikimenyetso cy'ishyingirwa – Ikimenyetso cyemeza nta mpaka ko abantu bashyingiranywe ni icyemezo cy'ishyingirwa, iyo cyatakaye cyangwa ibitabo by'ishyingirwa bidashoboka kuboneka, muri icyo gihe hashyingirwa ku buhamya – Kuba umwe mu babanaga nk'umugore n'umugabo yanditse mu ikarita ndangamuntu ya kera nk'umugabo cyangwa umugore wa kanaka, si ikimenyetso cyashyingirwaho mu kwemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategako.

MUKANKUBITO v NABIMANA.....55

Ubutane – Kugabana imitungo – Iyo abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo batanye, ihame ni uko bagabana umutungo ku buryo bungana; yaba ukugurisha umutungo basangiye bakagabana amafaranga avuyemo, yaba kugabana ibintu uko bimeze hatagize ikigurishwa cyangwa se kuba umwe yaha undi agaciro k'umutungo ubazwe mu mafaranga akawugumana batagombye kugabana – Mu gihe batumvikanye muri bumwe muri ubwo buryo, umucamanza niwe utegeka igikwiye kitagize uwo kibangamiye mu bashakanye.

RIZIKI v MUBIRIGI.....89

Umutungo w'abashyingiranwe – Ivangamutungo – Kugabana umutungo – Amasezerano y'ubwumvikane yo kugabana umutungo akozwe hagati y'abashyingiranye

ivangamutungo rusange, nta gaciro aba afite igihe atakozwe hagamijwe guhinduza uburyo bwo gucunga umutungo hagati yabo, kuko ivangamutungo riba rigikomeje igihe cyose batari bahabwa ubutane.

UWAMWEZI v RANGHELLA.....105

**IMANZA ZEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA**

**URUBANZA RWEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA
ZASABIWE GUSUBIRISHAMO KU
MPAMVU Z'AKARENGANE**

NDITIRIBAMBE v GATERA N’UNDI

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/ INJUST/ RC
00007/2018/ SC (Mukamulisa, P.J, Nyirinkwaya, Cyanzayire,
Rukundakuvuga na Hitiyaremye, J.) 13 Werurwe 2020]

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane – Imbibizi z’ikiburanwa – Ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciye ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z’akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe narwo hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano.

Amategeko agenga imiburanishirije y’imanza zasabiwe gusubirishamo ku mpamvu z’akarengane – Imbibizi z’ikiburanwa – Ibirego bishya bitari mu murongo w’ibyaburanywe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu rubanza rwasabiwe gusuburwamo ku mpamvu y’akarengane.

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y’ubugure – Inshingano y’umugurisha – Umugurisha yishingira ko umuguzi atazavutswa uburenganzira bwe ku cyo yaguze (garantie contre l’éviction).

Incamake y’ikibazo: Urubanza rwahereye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Nditiribambe arega Gatera asaba indishyi zirebana n’inzu ye yari mu kibanza yamugurishije yasenywe barangiza urubanza Gatera yaburanyemo na Nyamaswa wamureze ko yagurishije ikibanza cye Urukiko rwemeza ko icyo kibanza ari icya Nyamaswa nibwo urubanza rwarangijwe inzu Nditirimana yubatsemo zirasenywa. Muri urwo

rubanza Nditiribambe yarezemo Gatera, Urukiko rwafashe icyemezo ko Gatera agomba gusubiza Nditiribambe ikiguzi cy'inzu yashenywe ndetse n'amafaranga y'igihombo cy'ubukode yabonaga. Kubera ko urubanza rwaciwe Gatera adahari yaje gusubirishamo urwo rubanza muri urwo Rukiko maze rufata icyemezo rushingiye ku rubanza Nditiribambe yari yatambamiye rwaburanagamo Gatera na Nyamaswa aho Urukiko rutakiriye ikirego cye, ariko mu myanzuro akaba yaragaragazaga ko ajya kugura icyo kibanza yari azi ibibazo birimo kuko yari azi ko yari yarigeze ku kigurisha Nyamaswa, bityo Urukiko ruvuga ko ibi bigaragaza ko Gatera atamugurishije azi ko ibyo agurisha atari ibye, bityo akaba ataryozwa ibyashenywe harangizwa urubanza yatsinzwe na Nyamaswa.

Nditiribambe ntiyishimiye imikirize ajurira Urukiko Rukuru avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwirengagije ko yaguze ikibanza na Gatera nta buryarya, ndetse ko mafaranga yahise ayishyura banki bitewe n'uko inzu yari mu bugwate kubera umwenda Gatera yari ayibereyemo, akaba yarumvaga nta wundi ikibanza cyanditseho kuko Gatera atari kugitangaho ingwate atari icye, Urukiko Rukuru rwafashe icyemezo rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite kubera ko amasezerano ya Gatera yemera gusubiza Nyamaswa amafaranga baguze atasimbura ay'ubugure bakoze mbere.

Nditiribambe yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urwo rubanza rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo kubera impamvu zakarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo urubanza rugomba kongera kuburanishwa. Muri uru rubanza hagobokeshejwemo Nyamaswa,

Mu gusobanura akarengane yagiriwe, uregwa avuga ko inkiko zakoze amakosa kuko zemeje ko habaye amasezerano y'ubugure hagati ye na Nyamaswa kandi uyu atarigeze agaragaza amasezerano y'ubugure yanditse baba baragiranye cyangwa agaragaze igiciro bemeranyijeho n'ingano z'ikibanza baguze, ariyo mpamvu nawe asanga urubanza rwakimweguriye rukwiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kuko ibyakozwe binyuranyije n'amategeko.

Mu kwiregura kuri iyi mpamvu, Gatera avuga ko inkiko zakoze amakosa kuko zemeje ko habaye amasezerano y'ubugure hagati ye na Nyamaswa kandi uyu atarigeze agaragaza amasezerano y'ubugure yanditse baba baragiranye cyangwa agaragaze igiciro bemeranyijeho n'ingano z'ikibanza baguze, ariyo mpamvu nawe asanga urubanza RCA0086/09/HC/KIG rwakimweguriye rukwiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, akaba asanga nta karengane kari mu rubanza RCA0379/12/HC/KIG rwasabiwe kusubirishwamo, kuko urukiko rutari kumutegeka gusubiza ikibanza kandi atagifite, ariko ko Urukiko rusanze imanza zose zasubirwamo, hasuzumwa urubanza RCA0086/09/HC/KIG yaburanye na Nyamaswa rwamweguriye icyo kibanza. Ku bijyanye nindishyi arasanga we atazibazwa ahubwo zabazwa Nyamaswa weguriwe ikibanza mu buriganya inzu zigasenywa.

Iyindi mpamvu, uregwa avuga ko akwiye guhabwa indishyi zishingiye ku nzu ye yasenywe harangizwa urubanza RCA0086/09/HC/KIG, kuko yaguze icyo kibanza nta buryarya.

Kuri iyi mpamvu, Gatera yiregura avuga ko nta ndishyi akwiye gutegekwa kwishyura, ahubwo zakwishyurwa na Nyamaswa waburanye amahugu agahabwa umutungo utari uwe, naho Nyamaswa avuga ko, Nditiribambe atagombye kumurega kubera ko yagiranye amasezerano y'ubugure na Gatera azi neza ko

uwamugurishije yari atararangiza ikibazo cyari hagati yabo kuko cyagombaga kurangira amaze kumwishyura amafaranga bumvikanye mu masezerano yo kwikiranura. Urega asoza asaba amafaranga yatanze ku manza yaburanye.

Naho uregwa avuga ko amafaranga yatanze yose yagiye ayategekwa n'inkiko harangizwa imanza yatsinzwe kandi ko izo ndishyi zose atari ko zose zashyizwe mu nyandiko isaba gusuzuma akarengane, bityo nta ndishyi akwiye gutegekwa kumwishyura.

Incamate y'icyemezo: 1. Ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, ntibishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rutari mu ruhererekane rumwe narwo hashingiwe gusa ku kuba zifitanye isano, bityo icyemezo cyafashwe murubanza Gatera yaburanye na Nyamaswa rwabaye itegeko ntabwo bigomba kuburanwaho cyangwa guhindurwa mu rubanza Nditiribambe yasubirishijemo ku mpamvu z'akarengane.

2. Umugurisha yishingira ko umuguzi atazavutswa uburenganzira bwe ku cyo yaguze (garantie contre l'éviction).

3. Ibirego bishya bitari mu murongo w'ibyaburanywe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo ntibyakirwa mu rubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu y'akarengane bityo Nditiribambe ntagomba gusaba mu rubanza ruburanishwa ku mpamvu z'akarengane ko ahabwa ibyo atigeze asaba mbere muri urwo rubanza.

Gusubirishamo urubanza kumpamvu z'akarengane bifite ishingiro.

Imikirize y'urubanza rwasubirishijwemo irahindutse.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 9 n'ya 63

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 81

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 11 n'ya 81

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga:

François Collart Dutilleul et Philippe Delebecque, Contrats civils et commerciaux, Dalloz, 7ème éd., 2004, n°246 p.230

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 10/10/2004, Nditiribambe Samuel yaguze na Gatera Jason ikibanza ku mafaranga 850.000. Nyuma ariko Nditiribambe Samuel yaje kwamburwa icyo kibanza n'inzu yari yubatsemo bitewe n'imanza zabaye hagati ya Gatera Jason na

Nyamaswa Faustin, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo mu rubanza RCA 0096/06/TGI/GSBO rwaciye ku rwego rwa nyuma ku wa 15/06/2006 rukemeza ko ikibanza inzu yubatsemo ari icya Nyamaswa Faustin, Nditiribambe Samuel yatambamira urwo rubanza agatsindwa ku rwego rwa nyuma mu rubanza RCA 0086/09/HC/KIG rwaciye n'Urukiko Rukuru ku itariki ya 21/10/2009.

[2] Urubanza RCA 0086/09/HC/KIG rwararangijwe, Nditiribambe Samuel ategukwa gusenya inyubako zari mu kibanza cyeguriwe Nyamaswa Faustin, nyuma arega Gatera Jason mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo asaba indishyi zirebana n'inzu ye yari mu kibanza yamugurishije yasenywe barangiza urubanza rwavuzwe.

[3] Ku wa 17/12/2010, urwo rukiko rwaciye urubanza RC 0389/10/TGI/GSBO, rwemeza ko ikirego cya Nditiribambe Samuel gifite ishingiro kuko Gatera Jason yamugurishije inzu n'ikibanza atamumenyesheje ko ikibanza cyubatseho iyo nzu yari yarakigurishije Nyamaswa Faustin, rutegeka Gatera Jason kumwishyura amafaranga yasabye angana na 9.450.000 Frw, akubiyemo 8.000.000 Frw y'agaciro k'inzu ye yashenywe na 1.200.000 Frw kubera igihombo cy'ubukode yabonaga na 250.000 y'igihombo cya Avoka.

[4] Gatera Jason yasubirishijemo urwo rubanza rwaciye adahari, maze Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, mu rubanza RC 0069/11/TGI/GSBO rwo ku wa 24/05/2012, rwemeza ko ikirego cya Nditiribambe Samuel nta shingiro gifite kubera ko mu rubanza RC 0026/08/TGI/GSBO yatambamiragamo imikirize y'urubanza RCA 0096/06/TGI/GSBO yasobanuye mu myanzuro no mu mvugo ye ko ajya kugura na Gatera Jason yashingiye ku masezerano yo ku wa 03/10/2004, aho Gatera Jason yemeraga

gusubiza Nyamaswa Faustin amafaranga bakiguze, agaragaza ko nta kibazo Gatera Jason agifitanye na Nyamaswa Faustin no ku byangombwa byose yamuhaye, bivuze ko agura yari azi amateka y'icyo kibanza, ibi bikaba bigaragaza ko Gatera Jason atamugurishije azi ko ibyo agurisha atari ibye, bityo akaba ataryozwa ibyashenywe harangizwa urubanza yatsinzwe na Nyamaswa Faustin.

[5] Nditiribambe Samuel yajuriye mu Rukiko Rukuru avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwirengagije ko yaguze ikibanza na Gatera Jason nta buryarya, Se n'umugore ba Gatera Jason bamusinyiye kimwe n'abagize nyobozi ya Ruhura ya II bese, ndetse ko ayo mafaranga yahise ayishyura banki bitewe n'uko inzu yari mu bugwate kubera umwenda Gatera Jason yari ayibereyemo, akaba yarumvaga nta wundi ikibanza cyanditseho kuko Gatera Jason atari kugitangaho ingwate atari icye, ko yagombye kumwishyura ibyo yavukijwe kubera kwikungahaza agurisha icyo kibanza abantu babiri.

[6] Urwo rukiko rwaciye urubanza RCA 0379/12/HC/KIG ku wa 19/07/2013, rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite ku mpamvu zikurikira:

- Amasezerano yo ku wa 03/10/2004, aho Gatera Jason yemera gusubiza Nyamaswa Faustin amafaranga bakiguze, ntabwo asimburira ayo bari baragiranye mbere Nyamaswa Faustin akigura kandi muri ayo masezerano nta hagaragaramo ko uyu yemeye gusesa amasezerano y'ubugure bw'ikibanza bagiranye mbere;
- Ababajijwe bemeje ko Nditiribambe Samuel yaguze azi neza ko ikibanza kiri mu bibazo kuko cyari cyaraguzwe na Nyamaswa Faustin;

- Nditiribambe Samuel yubatse muri icyo kibanza agendeye ku byangombwa Gatera Jason yamuhaye mbere kandi byarateshejwe agaciro n'Abunzi mu rubanza rwaburanywe hagati ya Nyamaswa Faustin na Gatera Jason.

[7] Nyuma yo gusubirishamo urwo rubanza ingingo nshya (urubanza RCA 0494/13/HC/KIG rwaciwe ku wa 16/05/2015), ikirego cye nticyakirwe, Nditiribambe Samuel yandikiye Urwego rw'Umuwunyoni asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[8] Nyuma yo gusuzuma icyo kibazo, Urwego rw'Umuwunyoni rwasanze urubanza RCA 0379/12/HC/KIG, arirwo rukwiriye gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera ko arirwo rwaburanishijwe mu mizi bwa nyuma, maze ku wa 03/02/2018, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[9] Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, nyuma yo gusuzuma raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko kuri urwo rubanza, yemeje ko rwandikwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo ruzongere ruburanishwe.

[10] Urubanza rwahamagawe ku wa 26/02/2019, ntirwaburanishwa kubera ko ababuranyi basabye Urukiko ko Nyamaswa Faustin yagobokeshwa, maze Urukiko rwemera ubwo busabe, rutegeka ko Nyamaswa Faustin agobokeshwa mu rubanza, ndetse ko ababuranyi bagomba guhererekanya nawe imyanzuro, urubanza rwimurirwa ku wa 14/05/2019.

[11] Uwo munsu ugeze, ababuranyi baritabye, Nyamaswa Faustin nawe aritaba ariko aza nta mwunganizi. Haje n'uwitwa

Uwimana Coloneria wasabye kugoboka mu rubanza ku bushake avuga ko arufitemo inyungu zirebana n'uko hari ikibanza Gatera Jason yari yaramuhaye akubakamo inzu nayo yashenywe mu gihe harangizwaga urubanza RCA 0086/09/HC/KIG. Nyuma yo kumva ababuranyi icyo babivugaho, Urukiko rwemeye ubusabe bwe, rusubika iburanisha kugira ngo we na Nyamaswa Faustin bashake ba Avoka babunganira kandi batange imyanzuro.

[12] Nyuma urubanza rwagiye rusubikwa ku mpamvu ziturutse ku baburanyi, ruburanishwa mu ruhamwe ku wa 07/11/2019, Nditiribambe Samuel ahagarariwe n'umugore we Nyirahabimana Rehema, uyu nawe yunganiwe na Me Nzabamwita Jean Claude, Gatera Jason yunganiwe na Me Katushabe Mary, Nyamaswa Faustin yunganiwe na Me Mulingande Jean Claude, Uwimana Coloneria yunganiwe na Me Murekatete Marigarita.

[13] Nyuma yo kumva imiburanire y'ababuranyi, Urukiko rwasanze hari ibyo rugomba gusobanukirwa kurushaho ku bijyanye n'imiterere y'ikibanza n'amazu yari muri icyo kibanza yasenywe harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru tariki ya 21/10/2009, maze ku wa 13/01/2020 rujya aho ikiburanwa kiri, rwumva abatangabuhamya runakora igishushanyo cy'ahaburanwa cyemeranyijweho n'ababuranyi, ku wa 06/02/2020, ababuranyi bongera guhamagarwa mu rukiko kugira ngo niba hari icyo bongeraho bakivuge, bose baritaba bahagarariwe cyangwa bunganiwe nka mbere, usibye Uwimana Coloneria wivanye mu rubanza.

[14] Mu miburanire ye, Nditiribambe Samuel yasobanuye ko akarengane ke mu rubanza RCA 0379/12/HC/KIG gashingiye ku kuba yarimwe indishyi zishingiye ku nzu ye yashenywe no ku manza 13 yaburanye, asaba ko yarenganurwa maze akazihabwa,

ndetse akanasubizwa ikibanza cye cyeguriwe Nyamaswa Faustin mu buryo bunyuranyije n'amategeko mu rubanza n° RCA 0086/09/HC/KIG.

[15] Gatera Jason yasobanuye ko Nyamaswa Faustin yaburanye amahugu, inkiko zimwegurira umutungo utari uwe, ariyo mpamvu nawe asanga urubanza rwamweguriye icyo kibanza rukwiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kuko ibyakozwe binyuranyije n'amategeko, maze Nditiribambe Samuel agasubizwa ikibanza cye.

[16] Nyamaswa Faustin we yaburanye avuga ko Nditiribambe Samuel atagombye kumurega kubera ko yagiranye amasezerano y'ubugure bw'ikibanza na Gatera Jason azi neza ko kitari kikiri mu maboko ye. Yasabye kandi ko Nditiribambe Samuel yategekwa kumusubirizaho bornes z'ikibanza yarimbuye, akanategekwa gutanga igice cy'ikibanza yasigaranye cya metero 3 kuri 20 ubwo harangizwaga RCA 0086/09/HC/KIG .

[17] Ibibazo byasuzumwe muri uru rubanza ni ibi bikurikira:

- Kumenya niba Nditiribambe Samuel yasubizwa ikibanza Nyamaswa Faustin yeguriwe mu rubanza n° RCA 0086/09/HC/KIG;
- Kumenya niba Nditiribambe Samuel yahabwa indishyi asaba zishingiye ku nzu ye yashenywe;
- Kumenya niba Nditiribambe Samuel yahabwa indishyi asaba zishingiye ku manza yaburanye na Gatera Jason na Nyamaswa Faustin;
- Kumenya niba Nyamaswa Faustin yahabwa ibyo asaba.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO:

A. Kumenya niba Nditiribambe Samuel yasubizwa ikibanza Nyamaswa Faustin yeguriwe mu rubanza RCA 0086/09/HC/KIG

[18] Me Nzabamwita Jean Claude wunganira Nyirahabimana Rehema uhagarariye Nditiribambe Samuel avuga ko amasezerano yo kwikiranura yabaye ku wa 3/10/2004 hagati ya Gatera Jason na Nyamaswa Faustin agaragaza neza ko ikibanza yakiguze mu buryo bukurikije amategeko, ko rero akwiye kugisubizwa.

[19] Gatera Jason avuga ko inkiko zakoze amakosa kuko zemeje ko habaye amasezerano y'ubugure hagati ye na Nyamaswa Faustin kandi uyu atarigeze agaragaza amasezerano y'ubugure yanditse baba baragiranye cyangwa agaragaza igiciro bemeranyijeho n'ingano z'ikibanza baguze, ariyo mpamvu nawe asanga urubanza rwakimweguriye rukwiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kuko ibyakozwe binyuranyije n'amategeko.

[20] Asobanura ko Nyamaswa Faustin yamuguriye amafaranga, mu kumwishyura amusigaramo 50,000 Frw, bumvikana ko namara kubona icyangombwa bazagura ikibanza amwongeye andi mafaranga, ariko ko batigeze bumvikana ku ngano y'ikibanza kizagurishwa n'ingano y'amafaranga kizagurwa, ko rero nta kuntu Nyamaswa Faustin yavuga ko yaguze.

[21] Akomeza avuga ko nyuma bananiwe kumvikana ku kuntu kigomba kugurishwa, ndetse no ku mafaranga y'ikiguzi, ubugure

bunaniranye bagirana amasezerano y'ubwumvikane ku wa 3/10/2004, bemeranya ko azishyura Nyamaswa Faustin amafaranga 50.000 yari amubereyemo, akamuha n'amafaranga 67.272 bitarenze ku wa 30/1/2015 kuko yari yaratindanye amafaranga yamuguriye, ko bamaze kubyumvikanaho yagurishije ikibanza Nditiribambe Samuel kugira ngo yishyure amafaranga yose abereyemo Nyamaswa Faustin, ariko agiye kuyamwishyura uyu arayanga, ahubwo ajya kurega.

[22] Avuga ko n'ubwo inkiko zakoze amakosa, Nditiribambe Samuel atagomba kuburana ikibanza cyose baguze cya metero 20 kuri 30 kuko abizi neza ko hari igice cyacyo agifite. Asobanura ko ikibanza Nyamaswa Faustin yatwaye kirimo ibice bibiri, igice atamugurishije gifite metero 15 kuri 10 n'igice cya Nditiribambe Samuel gifite metero 15 kuri 20. Asoza avuga ko kugira ngo habeho ubutabera ari uko Nyamaswa Faustin yasubiza buri wese igice cy'ikibanza yabatwaye.

[23] Me Katushabe Mary umwunganira avuga ko inyandiko y'ubwumvikane yo ku wa 3/10/2004 hagati ya Gatera Jason na Nyamaswa Faustin yerekana ko uyu ataguze ikibanza kiburanwa, akaba asanga nta karengane kari mu rubanza RCA 0379/12/HC/KIG kuko urukiko rutari gutegeka Gatera Jason gusubiza ikibanza kandi atagifite, ariko ko Urukiko rusanze imanza zose zasubirwamo, hasuzumwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG rwacyeguriye Nyamaswa Faustin.

[24] Nyamaswa Faustin avuga ko mu mwaka wa 2003, Gatera Jason yamubwiye ko afite ikibanza kigurishwa, amaze kukimwerekana bumvikana ku mafaranga 50.000, aramwishyura, amubwiye ngo bakorane inyandiko Gatera Jason akomeza kumubeshya agenda abisunika, abonye ko ari kumuryarya ahamagara abaturanyi, babaza Gatera Jason niba hari amafaranga

yamusigayemo, avuga ko ari ntayo, bamubajije niba yarayamuhaye amuguriza, avuga ko bateganyaga kugura ikibanza, bamubaza impamvu atamuha inyandiko, avuga ko ashaka gusubiza ayo yahawe n'inyungu zayo gusa, bakorana amasezerano y'ubwumvikane ku wa 03/10/2004, Gatera Jason yemera ko azamusubiza 50.000Frw, yongeyeho 67.272 Frw y'inyungu bitarenze ku wa 30/01/2005.

[25] Akomeza avuga ko Nditiribambe Samuel atagombye kumurega kubera ko yagiranye amasezerano y'ubugure na Gatera Jason ku wa 10/10/2004 azi neza ko kuri iyo tariki Gatera Jason yari atararangiza ikibazo cyari hagati yabo kuko cyagombaga kurangira ku wa 30/01/2005 amwishyuye amafaranga yemeye mu masezerano yo kwikiranura, ubutaka bukaba rero bwari bukiri mu maboko ye igihe yaguraga na Gatera Jason.

[26] Me Muligande Jean Claude umwunganira avuga ko ibivugwa mu nyandiko yo ku wa 03/10/2004, Nyamaswa Faustin yabyemeye nk'amaburakindi kuko yabonye abuze ikibanza bari baguze yemera gusubizwa amafaranga.

UKO URUKIKO RUBIBONA:

[27] Mu rubanza RCA 0379/12/HC/KIG rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, Nditiribambe Samuel yaregaga Gatera Jason asaba indishyi zishingiye ku nzu ye yashenywe harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG rwemeje ko ikibanza iyo nzu yubatsemo ari icya Nyamaswa Faustin kubera ko yakiguze na Gatera Jason.

[28] Iyo ariko Nditiribambe Samuel asobanura akarengane abona mu rubanza RCA 0379/12/HC/KIG rusubirishwamo ku

mpamvu z'akarengane n'ibyo asaba ko bikosorwa cyangwa bihindurwa, ndetse n'iyi Gatera Jason yiregura, bigaragara ko bombi bagaruka ku byo batsindiwe mu rubanza RCA 0086/09/HC/KIG kuko basaba ko uru rukiko rwemeza ko nta bugure bw'ikibanza bwabaye hagati ya Gatera Jason na Nyamaswa Faustin, ko ahubwo habaye kuguza amafaranga.

[29] Ikibazo rero kigomba gusobanuka kikaba ari kumenya niba ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma bishobora kuvuguruzwa binyuze mu nzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rutari mu ruhererekane narwo hashingiwe ku kuba zifitanye isano.

[30] Ingingo ya 11 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi yateganyaga ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, n'inziya yo kurubirishamo ku mpamvu z'akarengane yararangiye, ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'abaturanyi bamwe baburana ikirego kimwe.

[31] Ku birebana no gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, ingingo ya 81 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yateganyaga ko umuburanyi utishimiye imikirize y'urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ashobora gusaba ko rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane¹.

¹Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera impamvu zikurikira:

[32] Iryo Tegeko Ngenga ryanateganyaga uburyo n'ibihe isubirwamo ry'imanza ku mpamvu z'akarengane zaciwe ku rwego rwa nyuma bikorwamo, ndetse mu ngingo zaryo z'inziyacyaho n'izisoza ryanateganyaga uko byakorwa ku manza zaciwe ku rwego rwa nyuma mbere y'uko ritangazwa. Ingingo ya 86 y'iryo tegeko yateganyaga ko imanza zivugwamo akarengane zaciwe burundu nyuma y'ishyirwaho ry'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2003 zaba izarangijwe cyangwa izitararangizwa zizashyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) kuva iri Tegeko Ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Ibi bivuze ko kuva iryo tegeko ritangajwe, umuburanyi waburanye urubanza rukaba itegeko mbere y'uko iri tegeko risohoka, ariko akumva rwabayemo akarengane, nawe yahawe inzira yo kuba yarusubirishamo.

[33] Urukiko rurasanga rero mu gihe iyo nzira yari ihari ariko ntikoreshe ngo Nditiribambe Samuel cyangwa Gatera Jason basubirishemo urubanza RCA 0086/09/HC/KIG rweguriye ikibanza Nyamaswa Faustin, ibyaburanyweho hagati yabo muri urwo rubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma byarabaye ndakuka. Ibi bivuze ko icyo kibanza cyeguriwe Nyamaswa Faustin ku buryo budasubirwaho, Nditiribambe Samuel akaba nta burenganzira akigifiteho kuko kudasubirishamo urwo rubanza byatumye rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya

1° iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;

2° iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko cyangwa ibimenyetso bigaragarira buri wese; 3° iyo urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije imikirize yarwo

nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 11 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe.

B. Kumenya niba Gatera Jason na Nyamaswa Faustin bategekwa guha Nditiribambe Samuel indishyi zishingiye ku nzu ye yasenywe harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG

[34] Me Nzabamwita Jean Claude avuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko Nditiribambe Samuel adakwiye guhabwa indishyi zishingiye ku nzu ye yasenywe harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG ngo kuko yaguze ikibanza inzu yari yubatseho azi ko cyari cyaramaze kugurwa na Nyamaswa Faustin, rwirengagije ko amasezerano yo kwikiranura yabaye ku wa 3/10/2004 hagati ya Gatera Jason na Nyamaswa Faustin agaragaza neza ko ikibanza yakiguze nta buryarya mu buryo bwemewe n'amategeko.

[35] Gatera Jason yiregura avuga ko nta ndishyi akwiye gutegekwa kwishyura, ahubwo zakwishyurwa na Nyamaswa Faustin waburanye amahugu Urukiko rukamwegurira umutungo utari uwe, ko we nta ruhare yagize mu karengane Nditiribambe Samuel yagiriwe kuko ntako atagize ngo yereke inkiko ko ikiburanwa ari icye ariko bombi bagatsindwa.

[36] Me Katushabe Mary umwunganira avuga ko Nditiribambe Samuel atagombye kuba yarareze Gatera Jason kuko nawe yemera ko nta bugure bwabaye hagati ye na Nyamaswa Faustin, akaba nta ruhare yagize kugira ngo atsindwe urubanza RCA 0086/09/HC/KIG cyangwa mu kurangiza urwo rubanza, ibyabaye byose bikaba byarashingiwe ku byemezo by'inkiko, bitarashingiye ku gikorwa cyangwa ku mabwiriza ya Gatera Jason.

[37] Me Muligande Jean Claude wunganira Nyamaswa Faustin avuga ko uyu atigeze aba mu rubanza rusubirishwamo, ko uwaba yararangije imanza nabi ariwe wakwishyura indishyi zisabwa, ko uwo yunganira ntacyo yaryozwa kuko nta ruhare yagize mu gusenyza inzu ya Nditiribambe Samuel.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[38] Nk'uko byasobanuwe haruguru, ibyemejwe mu rubanza RCA 0086/09/HC/KIG ko ikibanza kiburanwa ari icya Nyamaswa Faustin byabaye itegeko. Ibi bisobanuye ko ataryozwa ibyasenywe mu irangiza ry'urwo rubanza kuko nta ruhare yabigizemo ku giti cye. Ibi kandi bisobanuye ko Gatera Jason yagurishije Nditiribambe Samuel ikibanza kitari kikiri icye kuko kubitwara ukundi byaba ari ukuvuguruzwa icyemezo cy'urukiko cyabaye itegeko. Mu ngingo zikurikira, hakaba hariye gusuzumwa niba Gatera Jason yategekwe kubitangira indishyi.

[39] Nta ngingo y'itegeko mu Rwanda isobanura uko bigenda mu gihe umuntu yaguze ikintu n'utari nyiracyo, nyuma akagomba kugisubiza nyiracyo. icyakora ingingo ya 9 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa gihari umucamanza ashobora kwifashisha amahame rusange agenga amategeko (*principes généraux du droit*)².

² Iyo ngingo igira iti Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko,

[40] Muri urwo rwego, Urukiko rurasanga hari ihame rusange ryakwifashishwa mu gukemura iki kibazo. Iryo hame rivuga ko ugurishije (*vendeur*) yishingira ko uwo agurishije ikintu atagira ikimuhungabanya mu butunzi b'icyaguzwe (*garantie contre l'éviction*). Mu yandi magambo, iyo umuguzi avukijwe uburenganzira bwe ku cyo yaguze, ashobora gusaba uwamugurishije gusubizwa amafaranga y'ikiguzi, umusaruro yategetswe gusubiza, amafaranga yatanze ku kirego, indishyi (*dommages et intérêts*), ndetse n'amafaranga yatanze hakorwa amasezerano. Birumvikana ariko ko uwagurishije atabisabwa iyo umuguzi yari azi ko ashobora kwamburwa icyo yaguze igihe yaguraga. Abahanga mu mategeko basobanura ko inkomoko y'iryo hame ari ubwubahane n'ubunyangamugayo mu masezerano (*obligation de loyauté*)³.

[41] Ku bireba uru rubanza, Urukiko rurasanga Gatera Jason wagurishije Nditiribambe Samuel ikibanza akaba abisabirwa indishyi, nawe ubwe yemera ko Nditiribambe Samuel yaguze ikibanza cyaburanyweho mu rubanza RCA 0086/09/HC/KIG azi ko akiguze na nyiracyo, ibi ubwabyo bikaba byumvikanisha ko yakiguze nta buryarya, atazi ko yacyamburwa. Kuba rero yaracyambuwe n'uwabaye nyiracyo byemejwe n'inkiko, bikaba bimuhesha uburenganzira bwo gusaba indishyi uwamugurishije hashingiwe ku ihame ryavuzwe rivuga ko ugurisha yishingira ko uwo agurishije atagira ikimuhungabanya mu butunzi bw'icyaguzwe, ikibazo akaba ari icyo kumenya ingano yazo, ari nabyo bigiye gusuzumwa mu gice cy'urubanza gikurikira.

umuco, amahame rusange agenga amategeko n'inyandiko z'abahanga mu mategeko.

³François Collart Dutilleul na Philippe Delebecque, Contrats civils et commerciaux, Dalloz, 7ème éd., 2004, n° 246 p.230

C. Kumenya ingano y'indishyi zishingiye ku nzu za Nditiribambe Samuel zashenywe Gatera Jason yategekwa kwishyura

[42] Me Nzabamwita Jean Claude asaba ko hashingiwe ku karengane Nditiribambe Samuel yagiriwe yakwishyurwa agaciro k'inzu ze zasenywe kangana na 3.867.000 Frw nk'uko kagaragazwa n'igenagaciro yashyize muri IECMS, akishyurwa na 1.200.000 Frw yavanaga mu bukode bw'izo nzu zari zifite ibyumba bitanu, bitatu bikodeshwa buri cyumba 25.000 Frw ku kwezi, bibiri bikodeshwa buri cyumba 15.000 Frw ku kwezi.

[43] Ubwo Urukiko rwageraga aho ikiburanwa kiri, rwabajije ababuranyi uko inyubako zasenywe zari ziteye, bemeranya ko inzu imwe yari ifite imiryango itatu, indi ifite imiryango ibiri n'umusarani, ko zari zubakishije rukarakara, inzu imwe isakaje ibati rimwe, indi isakaje amabati abiri.

[44] Ku birebana n'agaciro k'inzu za Nditiribambe Samuel zasenywe, Gatera Jason yavuze ko agereranyije asanga ubu zaba zifite agaciro ka 3.000.000 Frw ariko ko kuri ako gaciro hagombye kvanwamo agaciro k'ibyo yaramuye kangana na 500.000 Frw agereranyije.

[45] Me Katushabe Mary umwunganira yavuze ko amafaranga 3.867.000 Nditiribambe Samuel asaba y'agaciro k'inzu zashenywe akubiyemo ibikoresho yaramuye igihe urubanza rwarangizwaga, birimo amabati, inzugi n'idirishya nk'uko bibaruwe mu igenagaciro yatanze, ko atakagombye gusaba agaciro kabyo, ko ahubwo icyagombye kuba gisabwa ari ubutaka na *main d'oeuvre*.

[46] Nyamaswa Faustin yavuze ko agereranyije asanga inzu za Nditiribambe Samuel zashenywe ubu zaba zifite agaciro ka 3.000.000 Frw ariko ko kuri ako gaciro hagomba kuvianwamo 300.00 Frw y'agaciro k'ibikoresho byaramuwe.

[47] Umutangabuhamya Ngarambe Félix, akaba n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Ruhuha, ari nawe warangije urubanza RCA 0086/09/HC/KIG yavuze ko agereranyije asanga inzu zaba ubu zifite agaciro ka 4.500.000 Frw ariko ko kuri ako gaciro hagomba kuvianwamo 500.00 Frw y'agaciro k'ibikoresho byaramuwe.

[48] Umutangabuhamya Gasana Athanase, ari nawe wakiraga amahoro yaturukaga kuri izo nzu, yavuze ko inzu zashenywe yari azizi, ko abona zahabwa agaciro ka 5.000.000 Frw.

[49] Ku birebana n'ibikoresho yaba yararamuye igihe inzu zasenywaga, Nditiribambe Samuel yavuze ko iyo umuntu bamusenye, ibyashenywe nta mumaro bigira.

[50] Ku birebana n'amafaranga y'ubukode Nditiribambe Samuel asaba, Gatera Jason yavuze ko yagaragaza amasezerano yaba yaragiranye byibuze n'umuntu umwe ngo abe yaherwaho hasuzumwa indishyi asaba.

[51] Yavuze kandi ko asanga ibyumba bitatu byabariirwa buri cyumba ku mafaranga 7.000 Frw ku kwezi, ibindi bibiri bikabariirwa buri cyumba ku mafaranga 4.000F ku kwezi, ariko ko amazu yashenywe ibyo byumba byose bitagikodeshwa kuko nta cyashara cyabonekaga, ko iyo biza kuba bigikodeshwa byose Nditiribambe Samuel atari gusaba amafaranga y'ubukode bw'umwaka umwe gusa kuko urubanza rwarangijwe mu mwaka

wa 2010 arega mu mwaka wa 2013, ahubwo yari gukuba n'iyo myaka yose.

[52] Nyamaswa Faustin yavuze ko amafaranga Nditiribambe Samuel asaba ari umurenge, ko we yumvaga bavuga ko icyumba kimwe cyakodeshwaga 10.000 Frw ku kwezi, kandi yabonaga hari igihe habaga hakora umuryango umwe indi idakora.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[53] Ababuranyi baremeranywa ku miterere y'inzu zashenywe, ku ngano yazo no ku byumba byari bizigize, ikibazo akaba ari icyo kumenya agaciro izo nzu zaba zifite ubu n'uko ibyumba byari bizigize byakodeshwaga niba byaranakodeshwaga.

[54] Ku birebana n'agaciro k'inzu zashenywe, mu gihe nta genagaciro ryakozwe inzu zitarasenywa, Urukiko rurasanga mu bushishozi bwarwo, hagendewe ku byo ababuranyi bemeranywaho ku miterere yazo, ibyumba byari bizigize, rukurikije kandi aho zari zubatse muri centre y'ubucuruzi, hakwemezwa ko ako gaciro kangana na 3.500.000 Frw.

[55] Ku birebana n'ibikoresho byaba byararamuwe igihe inzu zasenywaga, Urukiko rurasanga usibye Nditiribambe Samuel ubihakana, ababajijwe bese, haba ababuranyi, haba abatangabuhamy, bese bemeza ko byari bihari, hakaba rero hagomba kugenwa agaciro kabyo kakavanwa mu gaciro k'amazu yashenywe.

[56] Mu gihe nta bindi bimenyetso rushobora kwifashisha mu kugena ako gaciro, harebwe ibiciro byatanzwe n'ababuranyi n'abatangabuhamyi kandi hazirikanywe ko ibikoresho bita agaciro iyo byavanwe ku nzu, Urukiko rurasanga, mu bushishozi bwawo ibikoresho byaramuwe byahabwa agaciro ka 150.000 Frw.

[57] Hakurikijwe ibisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, Urukiko rurasanga Gatera Jason agomba guha Nditiribambe Samuel 3.350.000 Frw y'agaciro k'inzu ze zasenywe (3.500.000 Frw-150.000 Frw).

[58] Ku birebana n'indishyi zishingiye ku mafaranga y'ubukode Nditiribambe Samuel yavanaga ku nzu ze zasenywe, Urukiko rurasanga kuba inzu ze zari zigamije ubucuruzi kandi ziri ahantu hakorerwa ubucuruzi byumvikanisha ko hari igihombo yatejwe no kubura amafaranga yavanaga mu bukode bwazo.

[59] Urukiko rurasanga kandi n'ubwo nta masezerano y'ubukode Nditiribambe Samuel yatanze ngo abe yaherwaho hagaragazwa uko buri cyumba cyakodeshwaga, mu bushishozi bwawo, hakurikijwe imiterere yabyo, aho biherereye muri centre y'ubucuruzi, hakwemezwa ko buri cyumba cyakodeshwaga 8.000Frw ku kwezi, bityo igihombo yagize mu gihe cy'umwaka umwe kubera kubura amafaranga y'ubukode yavanaga mu nzu ze zasenywe akaba ari 480.000 Frw (8.000 Frw x 5 x amezi 12), ayo mafaranga nayo Gatera Jason akaba agomba kuyamwishyura

[60] Muri rusange rero Urukiko rukaba rusanga Gatera Jason agomba kwishyura Nditiribambe Samuel 3.830.000 Frw (3.350.000 Frw +480.000Frw).

D. Ku birebana n'amafaranga Nditiribambe Samuel asaba ashingiye ku manza yaburanye

[61] Nzabamwita Jean Claude asaba ko hashingiwe ku karengane Nditiribambe Samuel yagiriwe yakwishyurwa 402.000 Frw yahaye Gatera Jason harangizwa urubanza RC 0196/13/TB/RHHA⁴, 235.000 Frw yamuhaye harangizwa urubanza RCA 0084/14/TGI/GSBO⁵ nk'uko bigaragazwa n'inyandikomvugo y'irangizwa ry'izo manza, na 73.200 Frw yatanze harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG aho yategetswe gukuraho inyubako ku neza bitarenze tariki ya 03/02/2010 kandi ko ibirebana n'ivanwaho ry'iyo nyubako ariwe ugomba kubyishyura, 6.000.000 Frw yishyuye aba Avoka bamuburaniye mu manza 13 yaburanye na Gatera Jason na Nyamaswa Faustin, 1.000.000 Frw yishyuye Avoka umuburanira uru rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[62] Gatera Jason avuga ko amafaranga Nditiribambe Samuel yatanze yose yagiye ayategekwa n'inkiko harangizwa imanza yatsinzwe, ku buryo nta ndishyi akwiye gutegekwa kumwishyura.

[63] Me Katushabe Mary umwunganira avuga ko imanza zose Nditiribambe Samuel avuga ko yaburanye atazisabira indishyi

⁴Ni urubanza rwo ku wa 31/10/2013, Gatera Jason yareze Nditiribambe Samuel asaba indishyi zishingiye ku manza yamushoyemo, Urukiko rukemeza ko Nditiribambe Samuel agomba kumuha 400.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

⁵ Ni urubanza rwo ku wa 29/07/2015, rukomoka ku kirego Gatera Jason yareze Nditiribambe Samuel asaba indishyi zishingiye ku rubanza n°RCA 0494/13/HC/KIG rwasubirishagamo ku ngingo nshya urubanza n° RCA 0379/12/HC/KIG, Urukiko rukemeza ko Nditiribambe Samuel agomba kumuha 235.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

kuko atari ko zose zashyizwe mu nyandiko isaba gusuzuma akarengane.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[64] Muri uru rubanza hasuzumwa niba urubanza RCA 0379/12/HC/KIG Nditiribambe Samuel yasabagamo indishyi zijyanye n'inzu ze zasenywe, igihombo cy'ubukode "igihembo cya Avoka rurimo akarengane. Iyo ariko harebwe ibyo Nditiribambe Samuel asaba, Urukiko rurasanga hakubiyemo ibyo atigeze asaba mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Muri byo, harimo amafaranga yahaye Gatera Jason harangizwa imanza zavuzwe, amafaranga yatanze harangizwa urubanza RCA 0086/09/HC/KIG, ndetse n'amafaranga yishyuye aba Avoka bamuburanyie mu manza yaburanye na Gatera Jason na Nyamaswa Faustin zitari mu ruhererekane rw'uru rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

[65] Ikibazo kigomba gusobanuka ni icyo kumenya niba ibivugwa mu ngingo ya 63 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko ko Urukiko rushyikirijwe urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rurusuzuma mu mizi bundi bushya, binemerera umuburanyi kuzana ibirego bishya bitaburanweho mu rubanza rusubirishwamo.

[66] Urukiko rurasanga kuba umuburanyi wumva ko urubanza yaburanye rwabayemo akarengane yarahawe inzira yo kuba yarusubirishamo rukaburanishwa bundi bushya nk'uko byateganywaga mu ngingo ya 81 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, bitavuga ko yakwitwaza iyo

nzira kugira ngo abe yazana ibirego bishya bitari mu murongo w'ibyaregewe urubanza rugishingwa mu rwego rwa mbere cyangwa ingingo zitasuzumwe mu rubanza rusubirishwamo kuko yaba avuye mu mbibi z'urwo rubanza.

[67] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku bisobanuro bivuzwe mu gika kibanziriza iki, ibirebana n'amafaranga Nditiribambe Samuel yahaye Gatera Jason:

- a. 402.000 Frw harangizwa urubanza n°RC 0196/13/TB/RHHA;
- b. 235.000 Frw yamuhaye harangizwa urubanza n° RCA 0084/14/TGI/GSBO;
- c. 73.200 Frw yatanze harangizwa urubanza n° RCA 0086/09/HC;
- d. Amafaranga yishyuye aba Avoka mu manza zitari mu ruhererekane rw'uru rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane; bitasuzumwa muri uru rubanza kuko bitari mu mbibi zarwo.

[68] Ku birebana n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka angana na 2.000.000 Frw Nditiribambe Samuel asaba ashingiye kuri uru rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, Urukiko rurasanga akwiye kuyahabwa kuko hari ibyo yatakaje akurikirana uru rubanza, akaba atsinze urubanza, kandi rukaba rusanga ayo asaba ari mu rugero harebwe inzego eshatu yaburaniyemo.

E . Ku birebana n'ibyo Nyamaswa Faustin asaba

[69] Nyamaswa Faustin asaba ko Nditiribambe Samuel yategekwa gusubizaho imbibi z'ikibanza (*bornes*) yarimbuye atangira kuburana, agategekwa no gutanga igice cy'ikibanza

yasigaranye cya metero 3 kuri 20 kuko atagitanze ubwo harangizwaga urubanza RCA 0086/09/HC.

[70] Arasaba kandi ko yakwishyurwa ibyo yatakaje aburana, birimo: 200.000 frw y'ingendo, 100.000 Frw y'ifunguro, 200.000 Frw y'igihombo, 500.000 Frw yo kumushora mu manza, 1.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro na 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka, yose hamwe akaba 2.500.000 Frw.

[71] Abo baburana ntacyo bavuze ku bisabwa na Nyamaswa Faustin, haba ku bijyanye n'imbibi z'ikibanza, haba ku bijyanye n'indishyi, nyamara biri mu mwanzuro w'inyongera yashyize muri IECMS.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[72] Urukiko rurasanga ibijyanye no gusubirizwaho imbago bitari mu mbibi z'ikiburanwa muri uru rubanza rusubirishamo urubanza RCA 0379/12/HC/KIG ku mpamvu z'akarengane, bikaba rero bitagomba gusuzumwa.

[73] Urukiko rurasanga ariko Nyamaswa Faustin akwiye kugenerwa amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza kuko byabaye ngombwa ko yishyura Avoka wo kumuburanira akagira n'ibyo atakaza akurikirana urubanza yagobokeshejwemo, mu bushishozi bwawo rukaba rumugeneye 800.000 Frw akubiyemo 500.000 frw y'igihembo cya Avoka na 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, akaba agomba kuyishyurwa na Nditiribambe Samuel na Gatera Jason bafatanyije kuko ari bo basabye ko agobokeshwa muri uru rubanza.

[74] Ku bijyanye na 200.000 Frw y'igihombo, 500.000 Frw yo kumushora mu manza na 1.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro, Urukiko rurasanga ntayo yagenerwa kuko atayatangiyeye ibisobanuro.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO:

[75] Rwemeje ko ikirego cya Nditiribambe Samuel cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA 0379/12/HC/KIG rwaciwe n' Urukiko Rukuru ku wa 19/07/2013 gifite ishingiro kuri bimwe.

[76] Rwemeje ko urubanza RCA 0379/12/HC/KIG rwaciwe n' Urukiko Rukuru ku wa 19/07/2013 ruhindutse kuri byose;

[77] Rutegetse Gatera Jason guha Nditiribambe Samuel 5.830.000 Frw, akubiyemo:

-3.350.000 Frw y'agaciro k'inzu ze zashenywe;

-480.000 Frw yavanaga mu bukode bw'inzu ze zashenywe;

-2.000.000 Frw y'igihembo cy'Avoka n'ikurikiranarubanza.

[78] Rutegetse Gatera Jason na Nditiribambe Samuel guha Nyamaswa Faustin 800.000 Frw, akubiyemo 500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka na 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza, buri wese akamuha 400.000 Frw.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

URUBANZA RW'UBUTEGETSI

SALIMINI v LETA Y’U RWANDA (MINISITERI Y’UBUZIMA)

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RADA 0002/16/CS–
(Nyirinkwaya, P.J., Mukandamage na Rugabirwa, J.) 23
Gashyantare 2018]

Amategako agenga imanza z’ubutegetsi – Gutanga igihano ku mukosi wa Leta – Umukosi wa Leta utubahirije ibyo ashinzwe cyangwa udakoze ibyo asabwa – Iyo umukosi wa Leta atubahirije inshingano ze agakora amakosa atari ateganyijwe mu mategeko afatirwa ibihano byo mu rwego rw’akazi hakurikijwe uburemere bw’ikosa bigenwa n’umuyobozi w’urwego umukosi yakoragamo abanje kugezwaho raporo n’akanama gashinzwe gukurikirana amakosa – Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakosi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, ingingo ya 15.

Amategako agenga imanza z’ubutegetsi – Ibihano mu rwego rw’akazi – Gushyingura dosiye y’inshinjabyaha – icyemezo gifashwe mu rwego rw’imanza nshinjabyaha ntikibangamira cyangwa ngo gikureho ko umukosi wa Leta atakurikiranwa ngo anafatirwe n’ibihano mu rwego rw’akazi kuko aba ashobora guhanirwa mu rwego rw’akazi ibikorwa yagizweho umweme mu manza nshinjabyaha.

Incamate y’ikibazo: Salimini wari umutekinisiye wa “maintenance” mu bitaro bya Byumba yareze mu Rukiko Rukuru Leta y’u Rwanda (Minisiteri y’ubuzima) avuga ko yamwirukanye mu buryo budakurikije amategako, asaba ko

yasubizwa mu kazi, ikamuhemba ibirarane by'imishahara atahembwe mbere y'uko yirukanwa burundu ku kazi, ikanamuha n'indishyi zinyuranye zirimo iz'uko atahawe icyemezo cy'umurimo.

Leta y'u Rwanda yireguye ivuga ko yirukanye Salimini mu buryo bukurikije amategeko kubera amakosa akomeye yakoreye muri ibyo bitaro ajyanye no guhindura moteri nshyashya na'''*amortisseurs*''' bya moto yakoresheye mu kazi, kugira uburangare bwatumye moteri yacaniraga ibyo bitaro "*groupe électrogène*" ihagarara kandi byashoboraga kugira ingaruka zikomeye kuri serivisi zitangirwa muri ibyo bitaro ndetse no ku barwayi bari barwariye muri ibyo bitaro harimo n'abana bari muri za "*couveuses*".

Urukiko Rukuru nyuma yo kwemeza ko Salimini agomba kwirukanwa burundi ku kazi, rwanemeje ko ikirego cye gifite ishingiro kuri bimwe kuko atahawe icyemezo cy'umurimo no ku mafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka, bituma rutegeka Leta y'u Rwanda kumuha amafaranga y'indishyi zijyanye nabyo.

Salimini yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko agomba kwirukanwa burundu ku kazi, rwirengagije ko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko atakoze amakosa yaregwaga, kandi ko yirukanwe atabanje kuyisobanuraho, ndetse ko yaba yarahawe igihano kinyuraniye n'amategeko kandi dosiye yari yarezwe mu bugenzacyaha yari yarashyinguwe.

Leta y'u Rwanda yireguye ivuga ko kuba Urukiko Rukuru rwemeje ko Urega atasubizwa mu kazi ari uko rwasanze yarakoze amakosa yaregwaga yashoboraga kugira ingaruka kuri serivisi zatangirwaga mu bitaro no barwayi bari babirwarimo.

Ku kibazo kijyanye no kwisobanura, Leta y'u Rwanda yireguye ivuga ko Uwajuriye atirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera yahawe uburenganzira bwe bwo kwisobanura ku makosa akomeye yakoze yavuzwe haruguru.

Ku ngingo ijyanye no kwirukanwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko no guhabwa ibihano binyuranyije nayo, Leta y'u Rwanda yabyisobanuyeho ivuga ko Urukiko Rukuru rwasanze Uwajuriye akwiye kwirukanwa burundu ku kazi kubera uburemere bw'amakosa akomeye yakoze ajyanye n'imicungire mibi y'ibikoresho bya Leta yari ashinzwe kurinda, kandi ayo makosa yashoboraga guteza ingaruka zikomeye ku buryo atareberwa gusa ku gaciro k'amafaranga y'igikoresho cyangijwe.

Leta y'u Rwanda yatanze ubujurire bwuririye kubwa Salimini isaba guhabwa indishyi z'ikurikiranarubanza zingana na 5.000.000 frw. Salimini yireguye avuga ko ntazo yatanga kuko Leta itigeze ijuririra ibyo yatsindiwe ku rwego rwa mbere.

Incamate y'icyemezo: 1. Umukozi wa Leta utubahirije inshingano ze agakora amakosa atari ateganyijwe mu mategeko afatirwa ibihano byo mu rwego rw'akazi hakurikijwe uburemere bw'ikosa bigenwa n'umuyobozi w'urwego umukozi yakoragamo abanje kugezwaho raporo n'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa. Bityo, Salimini akaba yarakoze amakosa akomeye yaregwaga ajyanye n'imicungire mibi y'ibikoresho bya Leta byari mu nshingano ze.

2. Kuba ubushinjacyaha bushyinguye dosiye bwari bukurikiranyeho umukozi mu rwego rw'inshinjabyaha ntibikuraho kuba yakurikiranwa ngo afatirwe ibihano mu rwego rw'akazi. Bityo, Salimini yirukanwe burundu mu kazi mu buryo bukurikije amategeko kubera amakosa akomeye yakoze, n'ubwo yayagizweho umwere mu rwego rw'inshinjabyaha.

**Ubujurire nta shingiro bufite;
Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro;
Amagarama ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 76, 77 na 79.

Itegeko ryo kuwa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 258.

Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigenga uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, ingingo ya 5 n'iya 15.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:

Jean Rivero, « Droit Administratif », Dalloz, 2011, p. 374.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru, Salimini Saidi wari umutekinisiye wa “Maintenance” mu bitaro bya Byumba arega Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima), asaba ko yamusubiza ku kazi kubera ko yamwirukanye mu buryo bunyuranije n'amategeko, ikamuhemba ibirarane by'imishahara atahembwe mbere y'uko yirukanwa burundu ku kazi, ikanamuha n'indishyi zinyuranye.

[2] Mu myiregurire ye, uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko itirukanye Salimini Saidi mu buryo bunyuranije n'amategeko, ko ahubwo yamwirukanye

kubera amakosa akomeye yakoreye muri ibyo bitaro arimo kuba Moto Yamaha AG 100 (GPM) 319 B yakoresheye mu kazi ke yahinduriwe moteri nshashya yari ifite ishyirwamo ishaje, kandi ko yanahinduriwe za “*amortisseurs*” zayo, no kuba yaragize uburangare bwatumye moteri icanira ibyo bitaro “*groupe électrogène*” ihagarara kandi ko byashoboraga kugira ingaruka zikomeye ku barwayi bari barwariye muri ibyo bitaro harimo n’abana bari muri za “*couveuses*”.

[3] Urwo rukiko rwaciye urubanza RAD 0003/15/HC/KIG ku wa 30/11/2015, rwemeza ko ikirego cya Salimini Saidi gifite ishingiye kuri bimwe bijyanjye n’uko atahawe icyemezo cy’umurimo no ku mafaranga y’ikurikiranarubanza n’igihembo cy’Avoka, rutegeka Leta y’u Rwanda (Minisiteri y’Ubuzima) kumuha 460.000 Frw (ariko rwasobanuye ko agomba guhabwa 462.000 Frw) y’indishyi z’uko atahawe icyemezo cy’umurimo na 500.000 Frw y’ikurikiranarubanza n’igihembo cy’Avoka.

[4] Salimini Saidi yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw’Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko agomba kwirukanwa burundu ku kazi, rwirengagije ko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n’amategeko kubera ko atakoze amakosa yaregwaga, kandi ko yirukanwe atabanje kuyisobanuraho, ndetse ko yaba yarahawe igihano kinyuraniye n’amategeko mu gihe rwasanga yarakoze ayo makosa.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 16/01/2018, Salimini Saidi yunganiwe na Me Nsengiyumva Enos, naho Leta y’u Rwanda (Minisiteri y’Ubuzima) ihagarariwe na Me Rubango Epimaque.

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

**Kumenya niba Salimini Saidi yarirukanwe ku kazi mu
buryo bunyuranyije n'amategeko**

- 1. Kumenya niba Salimini Saidi yarirukanwe ku kazi
mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko
atakoze amakosa y'akazi.**

[6] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko yirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yirukanwe burundu ku kazi kandi atarakoze amakosa yaregwaga ajyanye no kwangiza moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) yakoresheye mu kazi ke kuko yangijwe na Biraguma, igihe yayimuhaga kugira ngo ayikorere “*entretien*”. Bavuga kandi ko atangije “*groupes électrogènes*” z'ibitaro bya Byumba, ko ahubwo bishoboka ko hari umukozi wa *Garage Tropical* washyize “*code*” muri “*groupe électrogène*” imwe y'ibyo bitaro kugira ngo azibonere amafaranga ya “*main d'oeuvre*” kuko ikimenyetso kigaragaza ko atakoze ayo makosa, ari uko yayagizweho umwera na Polisi ikorera kuri “*Station*” ya Byumba kuko yashyinyuye burundu dosiye ye.

[7] Bavuga na none ko Urukiko Rukuru rwemeje ko Salimini Saidi akwiye kwirukanwa burundu ngo kuko amakosa akomeye yakoze yateje ingaruka zikomeye ku barwayi bari barwariye mu bitaro bya Byumba, no ku bana bari muri za “*couveuses*”, rwirengagije ko nta kimenyetso kigaragaza ko izo ngaruka zabayeho koko. Basaba ko Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) ikwiye kumusubiza ku kazi, bitashoboka kubera ko umwanya yakoragamo utagihari, ikamuha 12.000.000 Frw

y'indishyi z'uko yamwirukanye mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

[8] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko Salimini Saidi atirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko Urukiko Rukuru rwasanze yarakoze amakosa akomeye yo guhindura moteri na “*amortisseurs*” bya moto yari ashinzwe kurinda, no kuba yaragize uburangare bwatumye moteri icanira ibitaro bya Byumba ihagarara ku buryo byashoboraga kugira ingaruka ku barwayi bari barwariye muri ibyo bitaro barimo ababagwaga n'abababwaga umwuka, ndetse n'abana bari muri za “*couveuses*”, bityo ko atasubizwa mu kazi cyangwa ngo ahabwe indishyi asaba zavuzwe haruguru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[9] Ingingo ya 77 y'Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta, iteganya ko “Igihe umukozi wa Leta adakoze ibyo ashinzwe cyangwa atubahirije ibyo asabwa biba ikosa rihanishwa kimwe mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 76 y'iri tegeko hakurikijwe uburemere bw'iryo kosa”. Naho ingingo ya 15 y'Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, iteganya ko iyo umukozi akoze igikorwa cyangwa agize imyitwarire binyuranyije n'inshingano ze z'akazi bikabyara ikosa ridateganyijwe muri iri teka, umuyobozi w'urwego akorera ashingiye ku myanzuro y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa, akena uburemere bw'icyabyaye ikosa n'ubwoko bw'igihano bikwiranye mu bihano biteganyijwe n'iri teka.

[10] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Umuyobozi Mukuru w'ibitaro bya Byumba yandikiye Salimini Saidi, “*Technicien*” wa “*Maintenance*” wakoreraga muri ibyo bitaro, ibaruwa numero 20/02.1/OPH BY/2009 yo ku wa 27/12/2013, amusaba gutanga ibisobanuro ku makosa yakoze ajyanye n’uko moto GPM 319 B yatwaraga ikanamufasha kuzuza inshingano ze yahinduriwe moteri na “*amortisseurs*” byayo ku buryo moteri yayo nshya yasimbujwe ishaje, Salimini Saidi yamwandikiye ibaruwa yo ku wa 08/01/2014, amumenyesha ko atariwe wahinduye moteri na “*amortisseurs*” by’iyo moto, ko ahubwo byahinduwe na Biraguma, igihe yayimuhaga kugira ngo ayikorere “*entretien*” kubera ko Kevin wari usanzwe uyikorera “*entretien*” atari ahari. Ku bijyanye na “*groupe électrogène*”, avuga ko atariwe wayishyizemo “*code*” yatumaga itaka, ko ahubwo akeka ko yaba yarashyizwemo n’umukozi wa *Garaje Tropical* wazikoreraga “*entretien*” kugira ngo azibonere amafaranga ya “*main d’oeuvre*”.

[11] Nk’uko raporo ya Garaje Tropical yo ku wa 17/02/2014 ibigaragaza, “*Générateur*” ya mbere y’ibitaro bya Byumba yitwa SDM yibweho “*chargeur automatique*” yayo inangirika “*Solnoïde*” na “*démarrreur*” byayo, naho iya kabiri yitwa PRAMAC 65 KVA yashyizwemo “*code*” yayibuzaga kwaka no gutanga umuriro, kandi ko “*chargeur automatique*” yayo yahiye, nyamara ari Salimini Saidi wari ufite urufunguzo rw’ahantu zari ziri.

[12] Dosiye igaragaza kandi ko Umuyobozi Mukuru w’ibyo bitaro, ashingiye kuri raporo yo ku wa 17/02/2014 imaze kuvugwa haruguru, no ku mabaruwa menshi Salimini Saidi yagiye yandikirwa mu kazi ke yamumenyeshaga amakosa atandukanye yakoze, ariko ntiyikosore, yamuhagaritse

by'agateganyo ku kazi guhera ku wa 17/02/2014 kubera amakosa yakoze yatumye moto na “*Générateurs*” ebyiri z’ibyo bitaro zibwaho moteri n’ibindi byuma bigateza ingaruka mbi kuri ibyo bitaro kuko bitashoboraga gutanga serivisi nziza ku bakiriya babyo nk’uko bivugwa mu ibaruwa nimeru 20/87/OPH BY/2014 yo ku wa 17/02/2014.

[13] Raporo yo ku wa 02/05/2014 yakozwe n’itsinda rigizwe n’abakozi ba Minisiteri y’Ubuzima na Minisiteri y’Abakozi ba Leta n’Umurimo igaragaza na none ko Salimini Saidi akwiye kuryozwa amakosa akomeye yakoze yo kwangiza ibikoresho by’ibitaro bya Byumba yari ashinzwe kurinda kubera ko Moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) yahinduriwe moteri nk’uko bigaragazwa na nimeru za “chassis” zayo, kandi ariwe wari ushinzwe icyo kinyabiziga, ndetse ko “*Generateur*” yamurikiraga ibyo bitaro yananiwe gutanga ingufu z’amashanyarazi mu buryo bwa “automatisme” inahindurirwa “ceronoïde” yayo, kandi ari Salimini Saidi wabikaga imfunguzo zayo, maze iryo tsinda risaba ko yahanishwa igihano cyo guhagarikwa amezi atatu (3) adahemberwa kubera ayo makosa yakoze yo kutuzuzura inshingano ze no gufata nabi ibikoresho bya Leta.

[14] Muri dosiye hari raporo yo ku wa 17/06/2014 yatanze n’abagize Komite ya Discipline y’ibitaro bya Byumba, ishimangira na none ko Salimini Saidi akwiye guhagarikwa burundu ku kazi kubera ko amakosa akomeye yakoze yo kwangiza ku bushake Moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) n’imashini zitanga umuriro w’amashanyarazi z’ibitaro bya Byumba nk’uko bigaragazwa na raporo y’abatekinisiye ba *Garaje Tropical* yavuzwe haruguru, ku buryo ayo makosa yashoboraga gushyira ubuzima bw’abarwayi mu kaga

nk'ababaga bari ku iseta, abari mu byuma nk'ama “*Cuveuses*”, abahabwaga umwuka, bikanahesha ibitaro bya Byumba isura mbi, no kuba Salimini Saidi yaragiye yandikirwa amabaruwa menshi agaragarizwa amakosa y'imikorere mibi yakoraga mu kazi ke, ariko ntiyikosore.

[15] Ashingiye ku mabaruwa n'amaraporo atandukanye yavuzwe haruguru, Minisitiri w'Ubuzima yandikiye Salimini Saidi ibaruwa yo ku wa 03/07/2014, amumenyesha ko yirukanwe burundu ku kazi kubera amakosa akomeye yakoze yavuzwe haruguru.

[16] Urukiko rurasanga, amabaruwa n'amaraporo amaze kuvugwa haruguru agaragaza ko Salimini Saidi yakoze amakosa akomeye yaregwaga ajyanye n'imicungire mibi y'ibikoresho bya Leta byari mu nshingano ze kubera ko Moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) y'ibitaro bya Byumba yibweho moteri na “*amortisseurs*” zayo, kandi ko “*groupe électrogène*” ya mbere y'ibyo bitaro yibweho “*chargeur automatique*” yayo, inangirika “*Solnoïde*” na “*démarrreur*” byayo, naho iya kabiri ishyirwamo “*code*” ku buryo itashoboraga kwaka no gutanga umuriro w'amashanyarazi muri ibyo bitaro, kandi ariwe wari ushinze ibyo bikoresho kubera ko ariwe wakoreshaga iyo moto mu kazi ke ka buri munsu akanabika urufunguzo rw'aho “*groupes électrogènes*” zabaga nk'uko bivugwa muri raporo yo ku wa 17/02/2014 yatanze n'abatekinisiye ba *Garaje Tropical* yavuzwe haruguru.

[17] Ku bijyanye n'imvugo ya Salimini Saidi y'uko atahamwa n'amakosa y'akazi mu gihe yagizwe umwera ku cyaha cyo kwangiza moto na “*Générateurs*” yari akurikiranyweho kubera ko dosiye ye yashyinguwe burundu “*classement sans suite*” n'Ubugenzacyaha bukorera kuri Station ya Polisi iri i Byumba,

ingingo ya 78 y'Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta, iteganya ko igihano cy'umukozi wa Leta mu rwego rw'akazi ntikibangamira uburyozwe bw'icyaha n'igihano giteganywa n'amategeko ahana, ku buryo ikosa ry'umukozi wa Leta rishobora gukurikiranwa mu kazi no mu nkiko.

[18] Na none umuhanga mu mategeko witwa Jean Rivero, mu gitabo cye yise “*Droit Administratif*”, asobanura ko igikorwa kimwe gishobora gutuma umukozi akurikiranwaho icyarimwe ikosa mu rwego rw'akazi n'icyaha mu rwego rw'imanza nshinjabyaha, kandi ko icyemezo gifashwe mu rwego rw'imanza nshinjabyaha kitabangamira icyemezo gishobora gufatwa mu rwego rw'akazi, keretse ku birebana n'ibikorwa umucamanza uburanisha imanza nshinjabyaha yemeje ko byabaye cyangwa bitabaye mu buryo bwabaye ndakuka, ariko ko umukozi ashobora guhanirwa mu rwego rw'akazi ibikorwa yagizweho umwere mu manza nshinjabyaha¹.

[19] Hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 78 y'Itegeko ryavuzwe haruguru no ku bisobanuro by'umuhanga bimaze kuvugwa haruguru, Urukiko rurasanga ntacyabuzaga ko Salimini Saidi akurikiranwa ngo anafatirwe ibihano mu rwego rw'akazi kabone n'ubwo atakurikiranwe mu rwego rw'imanza

¹ « (...) lorsqu'un même fait constitue, à la fois, une faute disciplinaire et une faute pénale, les deux formes de répression peuvent s'exercer parallèlement; si la décision pénale intervient la première, elle est sans conséquence sur la décision disciplinaire, sous une seule réserve: les constatations de fait du pénal juge, en vertu de l'autorité de la chose jugée, lient l'autorité disciplinaire; mais elle peut déclarer disciplinairement punissables les faits qui, au pénal, ont entraîné l'acquiescement, et inversement. C'est ce que l'on exprime en parlant de l'autonomie de la répression disciplinaire », par Jean Rivero, « *Droit Administratif* », Dalloz, 2011, p.374.

nshinjabyaha nk'uko abivuga, bityo ibyo Salimini Saidi aburanisha by'uko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko nta makosa yakoze nta shingiro bifite.

2. Kumenya niba Salimini Saidi yarirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko atabanje kwisobanura ku makosa yaregwaga

[20] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rwemeje ko akwiye kwirukanwa burundu ku kazi, rwirengagije ko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yirukanwe atabanje kwisobanura ko makosa yaregwaga ajyanye no kwangiza moto na za “*groupes électrogènes*” z'ibitaro bya Byumba.

[21] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko Salimini Saidi atirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yisobanuye ku makosa akomeye yakoze yavuzwe haruguru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 79 y'Itegeko N° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta, iteganya ko nta kosa na rimwe umukozi wa Leta ashobora guhanirwa atabanje guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nyandiko.

[23] Nk'uko byasobanuwe haruguru, nyuma y'uko Umuyobozi Mukuru w'ibitaro bya Byumba yandikiye Salimini Saidi ibaruwa nimeru 20/116/HOPBYABA 2014 yo ku wa 27/12/2013, amusaba kwisobanura ku makosa akomeye yakoze yavuzwe haruguru ajyanye n'uko Moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) y'ibyo bitaro yahinduriwe moteri na “amortisseurs”

byayo, kandi ariwe wari ushinzwe kuyirinda, Salimini Saidi yamwandikiye ibaruwa yo ku wa 08/01/2014, amumenyesha ko atakoze ayo makosa, ko ahubwo yakozwe na Biraguma, ubwo yamuhaga iyo moto kugira ngo ayikorere “*entretien*” kubera ko Kevin wari usanzwe uyikorera “*entretien*” atari ahari.

[24] Amaze kubona iyo baruwa, Umuyobozi Mukuru w’ibitaro bya Byumba yandikiye Salimini Saidi ibaruwa yo ku wa 17/02/2014, amumenyesha ko amuhagaritse ku kazi by’agateganyo kubera ko yakoze amakosa akomeye yavuzwe haruguru, bituma Salimini Saidi yandikira Umuyobozi w’Inama y’Ubutegetsi w’ibitaro bya Byumba ibaruwa yo ku wa 24/02/2014, amusaba kumurenganura, anamusobanurira ko Umuyobozi we atagombaga kumuhagarika ku kazi by’agateganyo, kandi nta ruhare yagize mu kwangiza moteri na “*amortisseurs*” bya Moto Yamaha AG 100 (GPM 319 B) kuko byahinduwe na Biraguma, kandi ko atangije “*groupes électrogènes*” z’ibyo bitaro kubera ko ku wa 14/02/2014, atari afite urufunguzo rw’umuryango winjira aho ziri, ko ahubwo rwari rufitwe na mugenzi we witwa Serge.

[25] Dosiye igaragaza na none ko nyuma y’aho, abagize itsinda ryari rigizwe n’abakozi ba Minisiteri y’Ubuzima na Minisiteri y’Abakozi ba Leta n’Umurimo batanze raporo yo ku wa 17/06/2014, aho basobanuye ko batanyuzwe n’ibisobanuro bahawe na Salimini Saidi kubera ko yikuragaho uburyozwe bw’amakosa yaregwaga yatumye “*Generateur*” na Moto bihindurirwa ibyuma “*pieces*” kandi ariwe wari ushinzwe kubirinda, ahubwo akayashyira kuri bagenzi be barimo “*Charroi*” w’ibyo bitaro na Serge, maze Minisitiri w’Ubuzima, ashingiye ku ma raporo atandukanye yavuzwe haruguru, yandikiye Salimini Saidi ibaruwa yo ku wa 03/07/2014,

amumenyesha ko yirukanwe burundu ku kazi guhera ku wa 17/02/2014, igihe yahagarikwaga by'agateganyo ku kazi, kubera amakosa akomeye yakoze yo kwangiza ibyo bikoresho bya Leta yari ashinzwe kurinda, no ku yandi makosa y'imikorere mibi yagiye agaragarizwa mu kazi ke, ariko ntiyikosore.

[26] Urukiko rurasanga, amabaruwa n'amaraporo yavuzwe haruguru agaragaza ko mbere y'uko Salimini Saidi yirukanwa burundu ku kazi na Minisitiri w'Ubuzima ku wa 03/07/2014, yari yabanje kwisobanura ku birebana n'amakosa yaregwaga yavuzwe haruguru imbere y'Umuyobozi we n'imbere y'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi w'ibitaro bya Byumba, ndetse n'imbere y'abagize itsinda ryari rigizwe n'abakozi ba Minisiteri y'Ubuzima na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo nk'uko byasobanuwe haruguru, bityo imvugo ye y'uko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko atisobanuye ku makosa yaregwaga nta shingiro ifite.

3. Kumenya niba Salimini Saidi yarirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yahawe ibihano binyuranyije n'amategeko

[27] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yahawe igihano kidakwiranye n'uburemere bw'amakosa yaregwaga, kuko iyo Urukiko Rukuru rugaragarizwa ibimenyetso by'uko yangije moto ifite agaciro kari hejuru ya 1.000.000 Frw, ariko katarengeje 1.500.000 Frw, yari guhanishwa igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera giteganywa n'ingingo ya 12 y'Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, cyangwa yari guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa giteganywa n'ingingo ya 13 y'Iryo Teka rya

Perezida, aho guhabwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi kuko kidakwiranye n'uburemere bw'amakosa ashobora kuba yarakoze yavuzwe haruguru.

[28] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko Salimini Saidi atirukanwe ku kazi mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko Urukiko Rukuru rwashingiye ku ngingo ya 5 y'Iteka rya Perezida ryavuzwe haruguru, iteganya uburyo bwo gupima uburemere bw'ikosa, rusanga akwiye kwirukanwa burundu ku kazi kubera uburemere bw'amakosa akomeye yakoze ajyanye n'imicungire mibi y'ibikoresho bya Leta yari ashinzwe kurinda, kandi ayo makosa yashoboraga guteza ingaruka zikomeye ku buryo atareberwa gusa ku gaciro k'amafaranga y'igikoresho cyangijwe nk'uko n'Urukiko Rukuru rwabisobanuye mu gace ka 8 k'urubanza rwajuririwe muri uru rukiko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[29] Ingingo ya 5 y'Iteka rya Perezida N° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, iteganya ko uburemere bw'ikosa ryo mu kazi bupimwa hitawe ku buryo ryabayemo n'ingaruka zaryo. Naho ingingo ya 15 y'iryo Teka rya Perezida, igateganya ko iyo umukozi akoze igikorwa cyangwa agize imyitwarire binyuranyije n'inshingano ze z'akazi bikabyara ikosa ridateganyijwe muri iri teka, umuyobozi w'urwego akorera ashingiye ku myanzuro y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa, akena uburemere bw'icyabyaye ikosa n'ubwoko bw'igihano bikwiranye mu bihano biteganyijwe n'iri teka.

[30] Ku byerekeranye n'igihano Salimini Saidi agomba guhabwa, hashingiwe ku ngingo ya 5 na 15 z'Iteka rya Perezida ryavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga, kuba Salimini Saidi yarakoze ikosa ry'imicungire mibi y'ibikoresho bya Leta nk'uko byasobanuwe haruguru, kandi iryo kosa rikaba ryaratumye “*groupes électrogènes*” ebyiri zangirika kubera ko zibweho ibyuma (ama pièces) zinashyirwamo “*code*” bituma zidashoboraga kwaka no gutanga umuriro w'amashanyarazi muri ibyo bitaro ku buryo byashoboraga guteza ingaruka zikomeye zirimo gutakaza ubuzima kw'abarwayi babagwaga, abahabwaga umwuka, n'abana bari muri za “*Couveuses*”, kandi ayo makosa akaba yaranatumye ibyo bitaro bigira isura mbi kuko bitashoboraga gutanga serivisi zinogeye abakiriya babyo nk'uko bivugwa muri raporo ya Komisiyo ya “*Discipline*” yo ku wa 04/06/2014 yavuzwe haruguru, bigaragara ko imvugo ye y'uko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko yahawe igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi kinyuranyije n'amategeko nta shingiro ifite, bityo akaba atasubizwa mu kazi ngo anahabwe indishyi z'akababaro asaba zijyanye n'uko yirukanwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kandi akaba atari ngombwa gusuzuma ibibazo bijyanye n'uko yahabwa ibirarane by'imishahara atahembwe igihe yari yarahagaritswe ku kazi by'agateganyo n'igihe cy'amezi 16 amaze yarirukanwe burundu ku kazi, ndetse n'imperekeza.

4. Kumenya niba Salimini Saidi yahabwa indishyi zihwanye n'umushahara we w'amezi 6 kubera ko atahawe icyemezo cy'umurimo

[31] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) ikwiye kumuha indishyi z'uko atahawe icyemezo cy'umurimo zihwanye n'umushahara we w'amezi 6, ni ukuvuga $154.000 \text{ Frw} \times \text{amezi } 6 = 924.000 \text{ Frw}$,

aho kuba izihwanye n'umushahara we w'amezi 3, zingana na 462.000 Frw yagenewe n'Urukiko Rukuru.

[32] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko Salimini Saidi atahabwa 924.000 Frw ahwanye n'umushahara we w'amezi 6 kuko ntacyo anenga urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwamugeneye indishyi zingana na 462.000 Frw zihwanye n'umushahara we w'amezi atatu (3) z'uko atahawe icyemezo cy'umurimo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[33] Kopi y'urubanza RAD 0003/15/HC/KIG rwajuririwe muri uru rukiko, igaragaza ko Urukiko Rukuru rwageneye mu bushishozi bwawo, Salimini Saidi 460.000 Frw (ariko rwasobanuye ko agomba guhabwa 462.000 Frw = 154.000 Frw x 3) y'indishyi ahwanye n'umushahara we w'amezi atatu (3) z'uko Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) itamuhaye icyemezo cy'umurimo igihe yamwirukanaga burundu ku kazi.

[34] Urukiko rurasanga izo ndishyi Salimini Saidi yagenewe n'Urukiko Rukuru mu bushishozi bwawo z'uko atahawe icyemezo cy'umurimo ziri mu rugero rukwiye, bityo akaba atahabwa indishyi zihwanye n'umushahara we w'amezi 6 asaba kuko atagaragaza aho azishingira mu rwego rw'amategeko.

5. Kumenya niba Salimini Saidi yahabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka

[35] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) ikwiye kumuha 800.000 Frw y'ikurikiranarubanza yo kuva ku rwego rwa mbere kugera muri

uru rukiko na 1.500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka yakoresheje mu nkiko zose yaburaniyemo, yose hamwe akaba 2.300.000 Frw.

[36] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko itaha Salimini Saidi ayo mafaranga kuko yakoze amakosa akomeye yavuzwe haruguru, arangije, yishora mu manza nta mpamvu.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[37] Urukiko rurasanga Salimini Saidi atahabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka asaba kubera ko ubujurire bwe nta shingiro bufite.

6. Kumenya niba ubujurire bwa Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) bwuririye ku bundi bufite ishingiro

[38] Uburanira Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) avuga ko atanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba ko Salimini Saidi ayiha 5.000.000 Frw y'indishyi z'ikurikiranarubanza.

[39] Salimini Saidi n'umwunganira bavuga ko ataha Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) izo ndishyi kubera ko itajuririye ibyo yatsindiwe ku rwego rwa mbere.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano, iteganya ko igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse.

[41] Hashingiwe kuri iyo ngingo, Urukiko rurasanga Salimini Saidi akwiye guha Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) 800.000 Frw y'ikurikiranarubanza agenwe n'urukiko mu bushishozi bwawo kuko hari ibyo yatakaje bitari ngombwa ikurikirana ubu bujuri inabuburana kandi byagaragaye ko ubujuri bwe nta shingiro bufite.

[42] Ku bijyanye no guhwanya imyenda, hakurikijwe ibisobanuro byavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) igomba guha Salimini Saidi 462.000 Frw y'indishyi z'uko itamuhaye icyemezo cy'umurimo na 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yagenewe ku rwego rwa mbere, yose hamwe akaba 962.000 Frw, naho Salimini Saidi akayihaga 800.000 Frw y'ikurikiranarubanza. Hakozwe ihwanya ry'iyi myenda yombi, Urukiko rusanga Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) igomba guha Salimini Saidi ikinyuranyo cy'iyi myenda yombi, ni ukuvuga 962.000 Frw - 800.000 Frw = 162.000 Frw.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[43] Rwemeje ko ubujuri bwa Salimini Saidi nta shingiro bufite;

[44] Rwemeje ko ubujuri bwuririye ku bundi bwatanzwe na Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) bufite ishingiro;

[45] Rutegetse Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) guha Salimini Saidi 162.000Frw nyuma yo guhwanya imyenda nk'uko byasobanuwe haruguru;

[46] Rutegetse ko 100.000Frw y'ingwate y'amagarama yatanzwe na Salimini Saidi ajurira ahwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

IMANZA MBONEZAMUBANO

MUKANKUBITO v NABIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC
00009/2019/SC (Ntezilyayo, P.J, Mukamulisa, Nyirinkwaya;
Cyanzayire na Hitiyaremye, J.) 03 Werurwe 2020]

Amategako agenga umuryango – Ishyingirwa mu buryo bukurikije amategako – Ikimenyetso cy'ishyingirwa – Ikimenyetso cyemeza nta mpaka ko abantu bashyingiranywe ni icyemezo cy'ishyingirwa, iyo cyatakaye cyangwa ibitabo by'ishyingirwa bidashoboka kuboneka, muri icyo gihe hashyingirwa ku buhamya – Kuba umwe mu babanaga nk'umugore n'umugabo yanditse mu ikarita ndangamuntu ya kera nk'umugabo cyangwa umugore wa kanaka, si ikimenyetso cyashyingirwaho mu kwemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategako.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwahereye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, Mukankubito asaba urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa rye na Nabimana, Urukiko rwafashe icyemezo ko nta bimenyetso bidashidikanywaho yatanze byemeza ko habaye gushyingirwa hagati ye na Nabimana.

Mukankubito yajuriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge agaragaza ko Urukiko rw'Ibanze rwirengagije ibimenyetso yatanze byemeza ko yashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategako na Nabimana, Urukiko Rwisumbuye rwemeje ko ikirego cye gifite ishingiro ko habaye ishyingirwa hagati ye na Nabimana bityo ko urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose, rwemeza ko Mukankubito ahabwa urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa, Urukiko mu gufata icyo cyemezo

rwasobanuye ko nta mpamvu yabuza Mukankubito guhabwa urubanza rusimbura inyandiko yo gushyingirwa, kuko yagaragarije Urukiko ibimenyetso bihamya ko yasezeranye byemewe n'amategeko na Nabimana, bigizwe n'amafoto yerekana uburyo basezeranye, ibyemezo by'Umurenge wa Kacyiru, icyemezo cya Paruwasi kigaragaza ko basezeranye mu Kiliziya, rusobanura ko abantu batashoboraga gusezerana mu kiliziya batabanje gusezerana muri Komini, ruvuga kandi ko bitashobokaga ko yandikwa mu irangamuntu ya kera nk'umugore we batarasezeranye.

Nabimana yaje kumenya imikirize y'urwo rubanza ararutambamira agaragaza gusa ko babanye na Mukankubito nk'umugore n'umugabo guhera mu mwaka w'1978, cyane ko Mukankubito yari ataruzuzwa imyaka y'ubukure kuko yari afite 17 gusa, ku buryo batari kubasezeranya imbere y'ubutegetsi, ko rero basezeranye imbere y'Imana mu Kiliziya mu mwaka wa 1983. Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Nabimana gifite ishingiro, rutegeka ko urubanza rutambamirwa ruhindutse mu ngingo zarwo zose, ko nta bimenyetso bifatika bigaragaza ko habayeho ubushyingiranywe imbere y'ubutegetsi hagati ya Mukankubito na Nabimana. Mukankubito yaje gusubirishamo urwo rubanza ingingo nshya yifashishije icyemezo cyatanzwe n'Ikigo gishinzwe Indangamuntu (NIDA) ariko Urukiko Rwisumbuye rwemeza ko ikirego cye kitakiriwe hagumye imikirize y'urubanza rwasubirishijwemo ingingo nshya, rwasobanuye ko inyandiko yatanzwe na NIDA atari ikimenyetso gishya cyagaragaye nyuma y'iburanisha kuko ibiyikubiyemo ari nabyo biri mu nyandiko yindi nubundi yari yatanze.

Mukankubito yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwo rwego rumaze gusuzuma ubwo busabe, rwandikira Perezida w'Urukiko

rw'Ikirenga rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengene. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amaze kubisuzuma yafashe icyemezo ko urubanza rusubirwamo n'Urukiko rw'Ikirenga.

Mu Rukiko rw'Ikirenga Mukankubito yagaragaje ko Urukiko Rwisumbuye hari amategeko rwirengagije yakoreshwaga icyo gihe kuko ngo ubwo bashyingirwaga mu idini byari byemewe n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko ko gushyingirwa mu idini byafatwaga nko kuba barashyingiwe imbere y'amategeko kuko bashyingiwe mu idini muri 1983, yakomeje avuga ko hari n'ibimenyetso byirengagijwe birimo irangamuntu ya Nabimana yanditswemo ko bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko ndetse n'abana babo bakaba banditsemu, bityo ko ibyandikwaga mu irangamuntu byavanwaga mu bitabo by'irangamimerere bikaba ari icyemeza ko bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko.

Nabimana we avuga ko ikirego cy'iremezo cyatanzwe mu Rukiko rw'Ibanze na Mukankubito cyasabaga Urukiko urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa ryabaye muri 1978 ariko ubu bakaba bagaragaza ko ibyakwemerwa ari ugushyingirwa kwabereye mu idini muri 1983, bakaba basanga ari uguhindura ikirego kandi bitemewe, ko kandi Itegeko Nshinga bavuze ntaho ryavugaga ko gushyingirwa mu idini byafatwaga nko gushyingirwa imbere y'amategeko kuko Iteka bavugaga ryabyemeraga atariko ryavugaga kandi ko iryo teka ryari ryanavanyweho. Nahimana avuga kandi ko indangamuntu atari ikimenyetso gishingirwaho mu kwemeza ko umuntu yashyingiranywe n'undi. Asoza avuga ko Urukiko nta tegeko rwirengagije.

Incamake y'icyemezo: 1. Ikimenyetso cyemeza nta mpaka ko abantu bashyingiranywe ni icyemezo cy'ishyingirwa, iyo cyatakaye cyangwa ibitabo by'ishyingirwa bidashoboka kuboneka, muri icyo gihe hashyingirwa ku buhamya, bityo izindi nyandiko zatangiwe mu Bubiligi Mukankubito agaragaza avuga ko yashyingiwe zikaba zitashyingirwaho ngo hemezwe ko habaye ishyingirwa ryemewe n'amategeko

2. Kuba umwe mu babanaga nk'umugore n'umugabo yanditse mu ikarita ndangamuntu ya kera nk'umugabo cyangwa umugore wa kanaka, si ikimenyetso cyashyingirwaho mu kwemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko, bityo kuba Mukankubito agaragaza ko yari yanditse mu ndangamuntu ya Nabimana atari ikimenyetso rwashyingiraho rwemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko.

**Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane nta shingiro bifite;
Imikirize y'urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ntihindutse.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga ryo ku wa 20/12/1978 rya Repubulika y'u Rwanda (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 25 na 98

Itegeko Nshinga ryo ku wa 24/11/1962, rya Repubulika y'u Rwanda (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 28

Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/05/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 11;

Iteka ryo ku wa 04/05/1895 rishyiraho Urwunge rw'Amategeko Mbonezamubano, Igitabo cya mbere, ingingo ya 18,20 n'iya 117;

Iteka N° 01/81 ryo ku wa 16 Mutarama 1981 ryerekeye ibarura ry'abaturage, ikarita ndangamuntu, ingingo ya 5,6 n'iya
7

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'Abahanga zifashishijwe:

Ntampaka Charles, Droit des personnes et de la famille, Manuel de droit rwandais, 1993, pge 108:

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Uru rubanza rukomoka ku kirego Mukankubito Daphrose yatanze mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, asaba urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa rye na Nabimana Pierre, avuga ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko ku wa 18/08/1978 mu cyahoze ari Komini Nyarugenge, ariko ko yagiye mu Murenge wa Nyarugenge gushaka icyemezo cy'uko yashyingiranywe nawe agasanga nta bitabo by'abashyingiranywe byo muri icyo gihe bihari.

[2] Ku wa 02/04/2015, Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, rwacye urubanza RC0088/15/TB/NYGE, rwemeza ko nta bimenyetso Mukankubito Daphrose yagaragaje byerekana nta gushidikanya ko yashyingiranywe na Nabimana Pierre ku wa 18/08/1978. Rusobanura ko icyemezo cy'ubushyingiranywe cya Nabimana Pierre na Mukankubito Daphrose cyatanzwe na Komini ya Kacyiru ku wa 12/03/2003 kitaba ikimenyetso cyashingirwaho kuko cyatanzwe kera, urega akaba atagaragaza

umwimerere wacyo kandi n'Ubuyobozi bwagitanze nabwo butabifitiye amakuru kuko urega avuga ko yasezeraniye muri Nyarugenge, mu gihe icyemezo (*A qui de droit*) cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyarugenge, kigaragaza ko nta bitabo by'abashyingiranywe bihari muri uwo Murenge byemeza ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre baba barashyingiranywe bikurikije amategeko. Ruvuga kandi ko ifoto igaragaza ko basezeranye mu idini nayo itaba ikemenyetso kuko itagaragaza ko bafotowe nibura bari imbere y'ubutegetsu bw'Igihugu bafashe ku ibendera ry'Igihugu nk'uko amategeko abiteganyaga, ndetse ko n'ibyangombwa by'ubutaka bitaba ikimenyetso gishingirwaho kuko umugore n'umugabo bashobora gutungana ubutaka batarashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko. Rusanga inyandiko zigaragaza ko bashyingiranywe mu idini zigizwe n'ifoto ndetse n'inyandiko zatanzwe n'Ikigo gishinzwe ubutaka (*Land center*) nta gaciro zahabwa kuko amategeko adafata abasezeraniye mu idini runaka nk'abashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko.

[3] Mukankubito Daphrose ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza arujurira mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, avuga ko Urukiko rwirengagije ibimenyetso bitandukanye yarugaragarije, byemeza ko yashyingiranywe na Nabimana Pierre, birimo indangamuntu y'uyu ya kera igaragaza ko ayanditswemo nk'umugore we, icyemezo cyatanzwe na Komini Kacyiru ku wa 12/03/2003 cyemeza ko basezeranye, ikarita itangwa na Paruwasi igaragaza ko Mukankubito Daphrose yasezeranye na Nabimana Pierre muri Paruwasi Nyamirambo, amafoto basezerana, ndetse n'ibindi byangombwa byerekana ko aho batuye mu Bubiligi bemeza ko basezeranye. Ku wa 30/04/2015, Urwo Rukiko rwaciye urubanza RC0076/15/TGI/NYGE, rwemeza ko ubujurire bwa

Mukankubito Daphrose bufite ishingiro, rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose, rwemeza ko Mukankubito Daphrose ahabwa urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa, rwemeza ko uru rubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa rwoherezwa mu Murenge wa Nyarugenge.

[4] Urukiko mu gufata icyo cyemezo rwasobanuye ko nta mpamvu yabuza Mukankubito Daphrose guhabwa urubanza rusimbura inyandiko yo gushyingirwa, kuko yagaragarije Urukiko ibimenyetso bihamya ko yasezeranye byemewe n'amategeko na Nabimana Pierre, bigizwe n'amafoto yerekana uburyo Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre basezeranye, ibyemezo by'Umurenge wa Kacyiru, icyemezo cya Paruwasi ya Nyamirambo kigaragaza ko basezeranye mu Kiliziya, rusobanura ko abantu batashoboraga gusezerana mu kiliziya batanyuze muri Komini, irangamuntu y'umugabo we yatanze kera, ruvuga ko bitashobokaga ko yandikwamo nk'umugore wa Nabimana Pierre batarasezeranye.

[5] Nabimana Pierre yatambamiye urwo rubanza, avuga ko atigeze asezerana na Mukankubito Daphrose mu buryo bwemewe n'amategeko, ko babanye nk'umugore n'umugabo gusa guhera mu mwaka w'1978, dore ko Mukankubito Daphrose yari ataruzura imyaka y'ubukure kuko yari afite 17 gusa, ku buryo batari kubasezeranya imbere y'ubutegetsi, ko rero basezeranye imbere y'Imana mu Kiliziya mu mwaka wa 1983, ariko ko batigeze basezerana mu buryo bwemewe n'amategeko. Ku wa 18/05/2015, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE, rwemeza ko ikirego cya Nabimana Pierre gifite ishingiro, rutegeka ko urubanza rutambamirwa RCA 0076/15/TGI/NYGE ruhindutse mu ngingo zarwo zose, rutegeka ko nta bimenyetso bifatika bigaragaza ko

habayeho ubushyingiranywe imbere y'ubutegetsi hagati ya Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre.

[6] Urukiko rwasobanuye ko ibimenyetso byashingiweho mu rubanza rutambamirwa rwasanze ari ibyo Mukankubito Daphrose ubwe yemeza ko yabonye mu mwaka wa 1983 asezerana mu idini (Kiliziya), ariko ibyo bimenyetso ubwabyo bikaba bitemeza ko yasezeranye mu 1978 mu butegetsi, ahubwo byemeza ko yasezeranye mu idini kandi atagaragaza itegeko ryamwemereraga ko kuba yarasezeranye mu idini mu mwaka wa 1983, byafatwa nk'amasezerano yo gushyingirwa mu butegetsi, ko rero ibimenyetso Urukiko rwashingiyeho bidahagije ku buryo byashingirwaho hemezwa ko basezeranye byemewe n'amategeko.

[7] Urukiko rwasanze kandi harashingiwe ku ngingo ya 13 y'Itegeko N°15/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Urukiko rukemeza ko icyemezo cy'ishyingirwa cyo ku wa 12/03/2003 ari inyandikomvaho ikemura impaka kuri bose, mu gihe icyo cyemezo kitanditswe cyangwa ngo cyakiranywe imihango yabugenewe n'umukozi wa Leta ufite ububasha bwo gukora mu ifasi, rusobanura ko Mukankubito Daphrose avuga ko basezeraniye mu Murenge wa Nyarugenge, ariko icyemezo cy'ishyingirwa kikaba cyarakorewe mu cyahoze ari Komini Kacyiru, atari n'umwimerere, ko rero uwagikoze ntacyo yashingiyeho yemeza ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bashyingiranywe.

[8] Urukiko rwasanze kandi hari abatangabuhamya bari baturanye nabo bemeza ko batigeze basezerana mu butegetsi ko ibyo bazi ari ugusezerana mu Kiliziya, ko batari gusezerana mu butegetsi ngo babiyoberwe, rusanga kandi na Mukankubito Daphrose nta mutangabuhamya atanga wemeza ibyo avuga

cyangwa se ngo agaragaze umutegetsi (*Officier de l'état civil*) waba waramusezeranyije cyangwa se umutangabuhamya wamusinyiye basezerana.

[9] Mukankubito Daphrose yasubirishijemo urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE ingingo nshya, avuga ko hari ikimenyetso gishya kigizwe n'inyandiko yatanzwe na NIDA ku wa 05/10/2015. Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza no RCA0222/15/TGI/NYGE ku wa 15/12/2015, rwemeza ko gusubirishamo urubanza ingingo nshya kwa Mukankubito Daphrose kutakiriwe, rutegeka ko urubanza n° RCA0106/15/TGI/NYGE rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rugumanye agaciro, rutegeka kandi Mukankubito Daphrose kwishyura Nabimana Pierre indishyi zihwanye n'amafaranga 2.000.000Frw zikubiyemo amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka.

[10] Urukiko rwasobanuye ko inyandiko yatanzwe na NIDA ku wa 05/10/2015 atari ikimenyetso gishya cyagaragaye nyuma y'iburanisha kuko ibiyikubiyemo ari nabyo biri mu nyandiko yo ku wa 21/05/2015, kandi zose zikaba zarasabwe na Mukankubito Daphrose, byumvikana ko mu gihe cyo kuburana Mukankubito Daphrose yari azi amakuru akubiye muri izo nyandiko ariko ntiyabiburanisha, akaba ataranagaragaje impamvu ntagobotorwa zatumye atagaragaza icyo kimenyetso, rwemeza rero ko inyandiko yo ku wa 05/10/2015 atari ikimenyetso gishya.

[11] Mukankubito Daphrose yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwo rwego rumaze gusuzuma ubwo busabe, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amaze kubisuzuma yafashe icyemezo ko

urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rukandikwa mu bitabo byabugenewe kugirango ruzongere ruburanishwe, ikirego cyandikwa kuri RS/INJUST/RC00009/2019/SC.

[12] Me Mugeni Anita avuga ko Mukankubito Daphrose yasubirishijemo urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE ku mpamvu z'akarengane kuko Urukiko rwirengagije amategeko n'ibimenyetso bigaragaza nta gushidikanya ko yasezeranye na Nabimana Pierre mu buryo bwemewe n'amategeko ku buryo byateje akarengane.

[13] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 05/02/2020, Nabimana Pierre yunganiwe na Me Niyomugabo Christophe na Me Ndagijimana Emmanuel naho Mukankubito Daphrose ahagarariwe na Me Mugeni Anita. Mbere yo gusuzuma ibibazo bigize urubanza, Urukiko rwabanje gusuzuma ikibazo kijyanye n'uko hari urubanza RCA0034/03/2017/HC/KIG ruri mu bujirire mu Rukiko Rukuru, aho Mukankubito Daphrose yareze asaba kugabana umutungo na Nabimana Pierre nk'umuntu babanye nk'umugore n'umugabo, hakibazwa niba nta ngaruka urwo rubanza rushobora kugira kuri uru ruburanwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

[14] Kuri icyo kibazo, Me Mugeni Anita yatangiye asobanura uko urwo rubanza rugamije kugabana umutungo hagati ya Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre nk'umuntu babanye nk'umugore n'umugabo. Avuga ko gutangiza urwo rubanza byatewe n'uko Mukankubito Daphrose yabonaga nta yindi nzira yari ashigaje amaze kubona ko Nabimana Pierre yatangiye kumwandukiza ku mitungo yabo. Avuga ko uru rubanza rw'akarengane rudashobora kugira ingaruka ku rubanza rwo mu Rukiko Rukuru kuko ngo icyemezo cy'Umuvunyi Mukuru

kimaze gusohoka, basabye ko urwo rubanza ruhagarara rugategereza icyemezo cy’Urukiko rw’Ikirenga.

[15] Ku ruhande rw’abunganira Nabimana Pierre, bo bavuga ko icyo kibazo bari bakigaragaje, bibaza ukuntu Mukankubito Daphrose asaba urukiko kwemeza ko yashyingiranywe ku buryo bwemewe n’amategeko na Nabimana Pierre ku ruhande rumwe, ku rundi ruhande agasaba ko bagabana umutungo nk’umuntu babanye nk’umugore n’umugabo kuko ibyo byemeza ko yemera ko batashyingiranywe ku buryo bwemewe n’amategeko. Bavuga ko ahubwo ibyo byafatwa nka *aveu judiciaire* itsindisha uwemeye, bagasanga ikirego cy’akarengane kitagomba kwakirwa kubera urwo rubanza.

[16] Nyuma yo kumva impande zombi kuri iki kibazo, Urukiko rwariherereye rufata icyemezo ko nyuma yo kubona ko hari urubanza RCA0034/03/2017/HC/KIG ruri mu bujurire mu Rukiko Rukuru haburanwa gusaba kugabana umutungo, mu nyungu z’ubutabera no kugira ngo hatazabaho kuvuguruzanya kw’imanza, urwo rubanza rwaba ruhagaze kugeza igihe Urukiko rw’Ikirenga ruzafatira icyemezo.

[17] Nyuma y’aho na none mbere yo gusuzuma ibibazo bigize urubanza, Urukiko rwabanje gusuzuma inzitizi yatanzwe n’abunganira Nabimana Pierre bavuga ko niba Me Mugeni Anita uhagarariye Mukankubito Daphrose yemeye ko azakomeza kuburanisha ikimenyetso cyitwa inyandiko yatanzwe na Paruwasi Nyamirambo, iyo nyandiko bayiregera kugira ngo hemezwe ko ari impimbano.

[18] Me Mugeni Anita yavuze ko, kubera ko uburyo bwo kuregera ko inyandiko ari impimbano butinda kandi akaba yari yasobanuye ko icyo kimenyetso atari cyo kamara ahubwo

gishimangira ibindi, iyo nyandiko yatanzwe na Paruwasi ya Nyamirambo aretse kuyiburanisha, bituma iburanisha rikomeza.

[19] Mu gusaba ko urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE rusubirwamo kubera impamvu z'akarengane, Urukiko rusanga ibibazo bikurikira aribyo bigomba gusuzumwa, nk'uko byanasabwe n'ababuranyi:

i. Gusuzuma niba mu rubanza RCA0106/15/TGI/NYGE harirengagijwe amategeko yakoreshwaga mu gihe Mukankubito Daphrose yashyingiranwaga na Nabimana Pierre.

ii. Gusuzuma niba mu rubanza RCA0106/15/TGI/NYGE harirengagijwe ibimenyetso byatanzwe na Mukankubito Daphrose byemeza ugushyingirwa kwe na Nabimana Pierre.

iii. Kumenya niba indishyi ababuranyi basaba bazihabwa.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

(i) Gusuzuma niba mu rubanza RCA 0106/15/TGI/NYGE harirengagijwe amategeko yakoreshwaga mu gihe Mukankubito Daphrose yashyingiranwaga na Nabimana Pierre

[20] Hashingiwe ku myanzuro n'imiburanire ya Me Mugeni Anita uhagarariye Mukankubito Daphrose, ikigomba gusuzumwa kuri iki kibazo ni ukumenya niba ugushyingiranwa kwa Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre mu idini kwabaye tariki ya 17/12/1983 kwari kwemewe n'Itegeko Nshinga ryo ku wa 20/12/1978 nk'ugukurikije amategeko.

[21] Me Mugeni Anita avuga ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bemeranya ko babanye kuva mu mwaka wa 1978 bamaze gusezerana imbere y’ubutegetsi kuko umwana wabo wa mbere yavutse muri 1979. Avuga kandi ko nyuma y’aho Nabimana Pierre arigitishirije inyandiko z’ubushyingiranwe bwabo imbere y’ubutegetsi, aribwo Mukankubito Daphrose yashakishije ibindi bimenyetso by’aho basezeraniye mu idini muri 1983, kandi ko na Nabimana Pierre yemera ko basezeraniye mu Kiliziya gusa akavuga ko bitari byemewe n’amategeko.

[22] Asobanura ko mu rubanza rusabirwa gusubirwamo, Umucamanza yirengagije amategeko yakoreshwaga icyo gihe yemezaga ko ugushyingirwa imbere ya Kiliziya Gatulika byari byemewe n’amategeko, avuga ko Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo ku wa 24/11/1962 ingingo yaryo ya 28, yateganyaga ko Ugushyingirwa hagati y’umugabo umwe n’umugore umwe bikozwe imbere y’amategeko cyangwa imbere y’idini ari byo byemewe n’Itegeko Nshinga”, ko iryo Tegeko Nshinga ryaje gusimburwa n’iryo ku wa 20/12/1978, aho mu ngingo yaryo ya 25 ivuga ko Gushyingirwa hagati y’umugabo umwe n’umugore umwe bikozwe mu buryo bukurikije amategeko rusange aribyo byemewe”, kandi iyo ngingo ikaba ariyo yakurikizwaga mu gihe Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre basezeranaga mu idini muri 1983.

[23] Akomeza avuga ko amategeko rusange yakurikizwaga mu gushyingirwa hari Iteka ryo ku wa 04/05/1895 rishyiraho Urwunge rw’Amategeko Mbonezamubano, Igitabo cya mbere. Muri iryo teka, mu ngingo yaryo ya 17 hari hateganyijwe ko abamisiyoneri gatulika bari barahawe n’abakoloni ububasha bwo gusezeranya abaturage b’abenegihugu (*indigènes*), kandi iryo sezerano rikemerwa nk’iryakorewe imbere y’Ubutegetsi, ko rero

ugushyingirwa kwa Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre muri Kiliziya Gatulika kwabaye tariki ya 17/12/1983 kwemewe n'amategeko. Avuga ko Urukiko rwagombaga kubishingiraho rukemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko, cyane cyane ko ingingo ya 26 y'iryo Teka kimwe n'iya 476 n'iya 458 z'Itegeko ryo muri 1988 (ryasimbuye iryo muri 1948) ryahinduye Iteka ryo muri 1895, zavugaga ko ibyakozwe bigumana agaciro kabyo, bityo Mukankubito Daphrose akaba ariho ashingira asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko ahabwa urubanza rusimbura inyandiko yo gushyingirwa (*Jugement Supplétif de l'acte de mariage*).

[24] Asobanura ko ku birebana n'urubanza RC00258/2017/TGI/NYGE Mukankubito Daphrose yaregeye kugabana umutungo na Nabimana Pierre, nk'abantu babanye batarasezeranye, Urukiko rutabifata nk'ikimenyetso cy'uko uwo ahagarariye yemera ko atashyingiranywe na Nabimana Pierre mu buryo bukurikije amategeko, ahubwo yabitewe n'uko yabonye amaze gutsindwa mu manza zabanje, kandi ikibazo yashyikirije Urwego rw'Umuwunyi gitinda gusubizwa, kandi Nabimana Pierre yaratangiye kumwandukuza ku mitungo bafitanye, ahitamo gutanga icyo kirego kubera ko ariyo mahirwe yari asigaranye.

[25] Me Niyomugabo Christophe uhagarariye Nabimana Pierre, avuga ko intandaro y'uru rubanza ari ikirego Mukankubito Daphrose yaregeye urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge asaba urubanza rusimbura inyandiko y'ishyingirwa yo ku wa 18/8/1978 kuko ariho yasezeranye mu butegetsi mu buryo bukurikije amategeko na Nabimana Pierre, urwo rubanza rukaba rwarahawe RC0088/15/TB/NYGE, ariko ko Mukankubito Daphrose ntaho agaragaza ko mu rubanza

RCA0106/15/TGI/NYGE, Urukiko rwirengagije ibimenyetso bigaragaza ko yashyingiranywe na Nabimana Pierre mu 1978, ahubwo agaragaraza ibimenyetso by'uko bashyingiranywe mu 1983 imbere ya Kiliziya, akaba asanga ari uguhindura ikirego mu gihe ingingo ya 6 y'Itegeko N° 21/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi itamwemerera kuba yahindura ikirego kuri uru rwego.

[26] Akomeza avuga ko, ku byerekeye ibyo uhagarariye Mukankubito Daphrose avuga ko Itgeko Nshinga ryo muri 1978 ryemeraga ko ugushyingirwa mu idini kwari kwemewe n'amategeko hashingiwe ku ngingo ya 25 y'iryo Tegeko Nshinga n'ingingo ya 17 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru, iyo ngingo ya 17 Me Mugeni Anita ayivuga igice kuko ivuga ko abamisiyoneri gatulika bari barahawe n'abakoloni ububasha bwo gusezeranya abaturage b'abenegihugu kandi iryo sezerano rikemerwa nk'iryakorewe imbere y'ubutegetsi. Akavuga kandi ko iyo ngingo isobanura neza uburyo abamisiyoneri gatulika bashoboraga gusezeranya abaturage, bakabasezeranya mu buryo bw'idini, barangiza bakabasezeranya mu buryo bw'amategeko, babihereye ububasha na Gouverneur General bikemerwa nk'ibikozwe imbere y'ubutegetsi,¹ kuko atari

¹*Dans chaque ressort, il peut en outre donner délégation aux agents de la colonie ou à des particuliers, aux fins de dresser ces actes dans l'étendue du territoire pendant le délai et aux conditions qu'il fixe. Ils remplissent ces fonctions sous la direction de l'officier du ressort qui veille à ce que les actes soient régulièrement dressés, constate les irrégularités commises et les signale au gouverneur général. La délégation dont il est question à l'alinéa précédent sera accordée sur leur demande aux missionnaires catholiques avec pouvoir pour eux de célébrer civilement le mariage des indigènes dont ils auront célébré l'union religieuse. Les particuliers et les missionnaires catholiques ne pourront recevoir délégation qu'aux fins de dresser les actes relatifs aux indigènes (du Congo ou des colonies limitrophes)*

umumisiyoneri wese wari ufite uburenganzira bwo gusezeranya ngo byemerwe kuko hari conditions ziteganyijwe n'iyi ngingo ya 17 zagombaga kuba zuzuye harimo kuba uwo mu misiyoneri yabisabye akabihabwa kandi akabikora mu buryo no mu bihe byateganyijwe muri urwo ruhushya, kandi agasezeranya abaturage babaga baramaze gusezerana mu kiliziya. Yongeraho ko nyuma yo kubasezeranya, ako kanya yabikorera inyandiko y'ishyingirwa (*acte de mariage*) yashyikirizwaga umwanditsi w'irangamimerere (*officier de l'état civil*) kugira ngo abasezeranye bandikwe mu gitabo cyabigenewe.

[27] Abunganira Nabimana Pierre bavuga kandi ko ibyateganywaga n'ingingo ya 17 y'Iteka ryavuzwe byavanyweho n'Itegeko Nshinga ryo muri 1962 kubera ko mu ngingo yaryo ya 28 iteganya ku buryo bweruye ko “ugushyingirwa hagati y'umugabo umwe n'umugore umwe bikoze imbere y'amategeko cyangwa y'idini,” bivuze ko abakuriye amadini yose yemewe bashoboraga gushyingira mu idini bigahabwa agaciro batiriwe bubahiriza imihango iteganywa n'amategeko yanditse, batiriwe kandi babisabira uburenganzira nk'uko byari biteganyijwe mu ngingo ya 17 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895.

[28] Bongeraho ko Itegeko Nshinga rya 1962 ryahinduwe n'Itegeko Nshinga rya 1978 ari naryo ryakurikizwaga muri 1983 igihe Mukankubito Daphrose yasezeranaga mu kiliziya na Nabimana Pierre, aho ingingo ya 25 yagiraga iti: “gushyingirwa hagati y'umugabo umwe n'umugore umwe bikoze mu buryo bukurikije amategeko rusange nibyo byemewe”, kandi mu ngingo yaryo ya 93 hateganywaga ko amategeko yose yakurikizwaga atanyuranyije naryo mu giheatavanyweho cyangwa ngo ahindurwe azakomeza gukurikizwa. Bakavuga rero ko ingingo zose z'amategeko yo mu Iteka ryo ku wa 04/05/1895

zinyuranyije n'iryo Tegeko Nshinga zavuyeho harimo n'ingingo ya 17 yavuzwe haruguru. Bavuga na none ko kuva taliki ya 28/12/1978 aba Burugumesitiri aribo bashyingiraga mu buryo bwemewe n'amategeko, bakaba barabikoraga mu buryo bukurikije amategeko rusange kuko Itegeko ryagengaga ama Komini aribo bonyine ryahaga uburenganzira bw'abakozi b'irangamimerere (*officier de l'état civil*). Abakuriye amadini ntibashoboraga gushyingira ku buryo bwemewe n'amategeko, babikoraga gusa mu rwego rw'idini.

[29] Bongeraho ko uwo murongo ari nawo wafashwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/INCONST.PEN0003/10/CS rwa Gatera Johnson na Kabarisa Teddy rwaciwe ku wa 07/01/2011, aho urukiko rwemeje ko ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe bikorewe mu butegetsi bwa Leta aribwo bwemewe," urwo rukiko rukaba rwarabyemeje rushingiye ku ingingo ya 26 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda uko ryavuguruwe kugeza ubu, bakavuga ko mutatis mutandis ari uko ingingo ya 25 y'Itegeko Nshinga rya 1978 igomba kumvikana, kuko izo ingingo zivuga bimwe.

[30] Ikindi abunganira Nabimana Pierre bavuga ni uko ugushyingirwa kwa Mukankubito Daphrose na Nabimana kudashobora gufatwa nk'ukwemewe n'amategeko hashingiwe ku mafishi yatanzwe na Paruwasi Nyamirambo. Bongeye gusobanura ko iyo umumisiyoneri gatulika yahabwaga ububasha bwo gusezeranya, yakoraga nk'umukozi w'irangamimerere (*officier de l'état civil*) agatanga acte de mariage. Bongeyeho ko mu gihe Mukankubito Daphrose atagaragaza inyandiko y'ishyingirwa (*acte de mariage*) yaba yarahawe n'uwo mumisiyoneri akayihabwa hari abatangabuhamya babiri nk'uko

ingingo ya 20 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ibivuga,² ndetse akagaragaza ko abo batangabuhamya bayisinyeho, nawe akayisinyaho nk'uko ingingo ya 24 y'iryo Teka ibivuga,³ bakavuga ko ntaho Mukankubito Daphrose yahera avuga ko yashyingiwe mu buryo bukurikije amategeko ashingiye ku ifishi ya paruwasi ya Nyamirambo.

[31] Bashingiye kuri iyo myanzuro yabo yose, abunganira Nabimana Pierre bavuga ko nta mategeko urukiko rwirengagije mu ica ry'urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE rwemeje ko gushyingiranwa mu kiliziya mu 1983 hagati ya Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bitavuze ko bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko yakurikizwaga icyo gihe.

[32] Naho ku birebana n'urubanza Mukankubito Daphrose yaregeye Urukiko asaba kugabana na Nabimana Pierre imitungo nk'abantu babanye batarashyingiranywe, abunganira Nabimana Pierre bavuga ko ibyo byemeza ko Mukankubito Daphrose yemereye Urukiko ko batasezeranye (*aveu judiciaire*), bityo ko atari akwiye kubirengaho ngo atange iki kirego

[33] Kuri ibi byose bimaze kuvugwa n'abunganira Nabimana Pierre, Me Mugeni Anita yavuze ko Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru ritakuweho n'Itegeko Nshinga ryo mu 1962, ahubwo ryakuweho n'Itegeko N°42/1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano. Yanavuze kandi ko ku byerekeye ishyingirwa

² *Les actes de l'état civil sont reçus en présence de deux témoins »*

³ *Les actes sont signés par l'officier de l'état civil, par les comparants et les témoins, ou mention est faite de la cause qui empêche, les comparants et les témoins de signer*

mu kiliziya ryo muri 1983, abapadiri basimbuye abamisiyoneri mu bubasha bwose bari bafite.

[34] Naho ku bijyanye no kuvuga ko bahinduye ikirego imbere y’Urukiko rw’Ikirenga, avuga ko nabyo atari byo kuko kuva urubanza rwatangira basabaga inyandiko isimbura inyandiko y’ishyingirwa kandi ari nacyo bakomeje gusaba, ko umucamanza yasuzuma niba harabayeho gushyingirwa imbere y’amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[35] Ingingo ya 25 y’Itegeko Nshinga ryo ku wa 20/12/1978 ryakurikizwaga mu mwaka wa 1983 ubwo Nabimana Pierre na Mukankubito Daphrose basezeranaga mu kiliziya, yateganyaga ko Gushyingirwa hagati y’umugabo umwe n’umugore umwe bikozwe mu buryo bukurikije itegeko n’uburyo bugenwa naryo aribyo byemewe”, naho ingingo yaryo ya 98 igira iti: Iri Tegeko Nshinga rikuyeho Itegeko – Nshinga ryo ku wa 24 Ugushyingo 1962 uko ryahinduwe kugeza ubu”.

[36] Isesengura ry’Itegeko Nshinga ryo ku wa 24/11/1962 cyane cyane ingingo ya 28 yavuzwe haruguru ryerekana ko ishyingirwa ryari ryemewe ari iry’umugore n’umugabo umwe, mu gihe iryo shyiringirwa ryakorewe imbere y’Ubutegetsu bwa Leta cyangwa barasezeraniye imbere y’idini. Ibi bihujwe n’ikibazo kirimo gusuzumwa, byumvikanisha ko iyo uhagarariye idini ryari ryemewe mu Rwanda yasezeranyaga abantu hakurikijwe amategeko y’idini, iryo shyiringirwa ryari ryemewe nk’irikoze ku buryo bwemewe n’amategeko. Mu Itegeko Nshinga ryo ku wa 20/12/1978, iyo ingingo ya 28 yavuzwe haruguru ntiyagarutsemo, kuko ingingo ya 25 y’Itegeko Nshinga ryo muri 1978 itongeye kuvuga kw’ishyingirwa rikoze imbere

y'idini, ahubwo ikavuga gusa ko ishyingirwa ry'umugabo umwe n'umugore umwe bikoze mu buryo bukurikije itegeko n'uburyo bugenwa naryo aribyo byemewe.

[37] Ku bijyanye n'uburyo amategeko yateganyaga ishyingirwa mu mwaka wa 1983 ubwo Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre basezeraniraga mu kiliziya, Me Mugeni Anita avuga ko amategeko yakurikizwaga yari Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru, cyane cyane ingingo yaryo ya 17 nayo yavuzwe haruguru. Mu iburanisha ry'urubanza ku itariki ya 05/02/2020, Me Mugeni Anita yabajijwe guhuza ibivugwa mu ngingo ya 17, ndetse n'ibiteganyijwe n'ingingo ya 16 aho bavuga inzira umumisiyoneri yanyuragamo kugira ngo ishyingirwa yakoze ryemerwe amaze kubiharerwa ububasha, n'ishyingirwa mu kiliziya ryabaye muri 1983. icyibazwaga ahanini ni ukumenya niba ibyo izo ngingo zateganyaga byarashoboraga gukurikizwa muri 1983 kugira ngo iryo shyingirwa mu idini ribe ryemewe n'amategeko, cyane cyane ko, nka *Gouverneur Général* wagombaga guha umumisiyoneri ububasha bwo gushyingira ku buryo bwemewe n'amategeko, wariho mu gihe cya gikoloni, atari akiriho muri 1983. Me Mugeni Anita ntianavuze niba hari uwamusimbuye ngo abe yarakoze ibiteganyijwe n'ingingo za 16 na 17 zavuzwe haruguru. Kuri iki kibazo, abunganira Nabimana Pierre bo bavuga ko guhera ku itariki ya 20/12/1978, ishyingirwa mu idini ritari rigifatwa nk'ishyingirwa ryemewe n'amategeko, kuko kuva icyo gihe, aba Burugumesitiri aribo bonyine bari bafite ububasha bwo gushyingira ku buryo bwemewe n'amategeko, babishingiye ku itegeko rigenga amakomini ryo muri 1963.

[38] Itegeko ryo ku wa 23 Ukuboza 1963 rigenga amakomini, nk'uko ryahinduwe n'Itegeko-teka ryo ku wa 26 Nzeli 1977 rivuga mu ngingo yaryo ya 58 ko Burugumesitiri yari ashinzwe

gufata neza ibitabo by'imimerere n'iby'ibarura ry'abaturage. Muri urwo rwego, yari ashinzwe gukusanya no kwandika amakuru yose areba ibijyanye n'abaturage babaga muri Komini ye. Iyo mirimo ubundi ikorwa n'umukozi w'irangamimerere. Ku bijyanye no gusezeranya by'umwihariko, hari umuhanga mu mategeko uvuga ko muri Butare, yari imwe mu ma Perefegitura yari agize Igihugu, Perefefe wayo yatanze amabwiriza ku ba Burugumesitiri b'ama Komini yose yari agize iyo Perefegitura ko aribo bagombaga gukora imirimo yo gushyingira hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko mbonezamubano. Hanatanzwe n'ibwiriza rivuga imihango yagomba gukurikizwa. Iyo mikorere yaje gukwira mu Gihugu cyose. Akomeza avuga ko Itegeko N° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano, mu ngingo yaryo ya 87, ryemeje ba Burugumesitiri muri iyo mirimo yo kuba umukozi w'irangamimerere, naho ingingo ya 456 y'iryo Tegeko ivuga ko ibyakozwe byose n'ubutegetsi bw'amaperefegitura n'ubw'amakomini mbere y'uko rijya mu bikorwa byemewe, n'ubwo nta tegeko ryihariye ryari ryarahaye Burugumesitiri ububasha bwo kuba umukozi w'irangamimerere.⁴

[39] Urukiko rushingiye ku bimaze kuvugwa mu bika bibanziriza iki, rurasanga ibyo Mukankubito Daphrose avuga ko ishyingirwa mu idini na Nabimana Pierre ryabaye muri 1983 muri Paruwasi Nyamirambo, rifatwa nk'iryabaye imbere y'ubutegetsi nta shingiro bifite.

⁴ NTAMPAKA, Charles, *Droit des personnes et de la famille*, *Manuels de droit rwandais*, 1993, pages 17, 66 et 67.

(ii) Gusuzuma niba mu rubanza RCA 0106/15/TGI/NYGE harirengagijwe ibimenyetso byatanzwe na Mukankubito Daphrose byemeza ugushyingiranwa kwe na Nabimana Pierre.

a. Indangamuntu ya Nabimana Pierre

[40] Me Mugeni Anita uhagarariye Mukankubito Daphrose avuga ko mu rubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, Urukiko rwirengagije ibimenyetso birimo indangamuntu ya Nabimana Pierre igaragaza ko bashyingiranywe, kuko yandikwagamo n'umukozi ushinze irangamimerere, ko kuba Mukankubito Daphrose yaranditswemo nk'umugore bashakanye ari ikimenyetso kidashidikanywaho cyane cyane ko hanagaragaramo abana Nabimana Pierre yabyaranye na Mukankubito Daphrose.

[41] Me Niyomugabo Christophe avuga ko Urwego rw'Umuvunyi mu bimenyetso rwavuze ko byirengagijwe, harimo indangamuntu kuko igaragaza ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bashyingiranywe, ariko ko basanga atari ikimenyetso kigaragaza ko umuntu yashyingiranywe n'undi, ndetse ko n'Umucamanza mu gika cya 18 cy'urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane yabisobanuye. Avuga kandi ko n'ingingo ya 86 CCLI ivuga ko irangamimerere y'abantu yemezwa, ikanagaragazwa n'inyandiko zitangwa mu buryo buteganywa n'iyi nteruro, ko nta kimenyetso cyemeza ko umuntu yashyingiranywe n'undi uretse *acte de mariage* cyangwa *jugement supplétif d'acte de mariage*.

[42] Mw'iburanisha ryo ku wa 05/02/2020, Nabimana Pierre yahawe ijambo asobanura ko indangamuntu ye yari asanzwe akoresha mbere ya 1994 yayatswe muri jenocide yakorewe

abatutsi yo mu 1994, ko rero indangamuntu Mukankubito Daphrose akoresha ari inyandiko yahimbye ashaka kujya mu mahanga, dore ko atariyo nyandiko yahimbye yonyine, ahubwo ko yanahimbye ko yize amashuri yisumbuye ku Karubanda akahakura diplôme T-568/79 ku wa 25/7/1979, kandi yararangije amashuri abanza gusa, anahimba n'inyandiko y'urugendo (*titre de voyage*) avuga ko ari umunyekongo, agahindura amazina yiyita Caroline. Abamwunganira kandi bavuze ko mu rubanza rusubirishwamo, Urukiko rutirengagije iyo ndangamuntu ahubwo nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa 9 mu gika cya 18 cy'urubanza RCA0106/15/TGI/NYGE, rwasobanuye ko itaba ikimenyetso cy'irangamimerere, hashingiwe ku by'amategeko ateganya, kuko ikimenyetso cyemewe n'amategeko ari inyandiko y'ishyingirwa cyangwa urubanza rusimbura iyo nyandiko, dore ko ngo avuga ko basezeraniye Nyarugenge, ariko iyo ndangamuntu ikaba yaratangiwe Kacyiru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[43] Ingingo ya 117 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru yateganyaga ko ikimenyetso cy'ugushyingiranwa gitangwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu nteruro irebana n'ibyemezo by'irangamimerere, naho ingingo ya 109 y'iryo Teka ikavuga ibyerekeranye n'umuhango wo gusezeranya, aho bavugaga ko nyuma yo kwemeza ko babaye umugore n'umugabo, umwanditsi w'irangamimerere yahitaga akora icyemezo cy'ishyingirwa. Ibikubiye muri izi ngingo bihuza kandi n'ibivugwa n'umuhanga mu mategeko Ntampaka Charles, aho agaragaza ko muri rusange ikimenyetso cyemeza nta mpaka ko abantu bashyingiranywe ari icyemezo cy'ishyingirwa, keretse mu

gihe cyatakaye cyangwa ibitabo by'ishyingirwa bitashoboye kuboneka, muri icyo gihe hashingirwa ku buhamya.⁵

[44] Hagendewe ku bimaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, Urukiko rurasanga kuba Mukankubito Daphrose yanditse muri kopi y'ikarita ndangamuntu ya Nabimana Pierre nk'umugore we bitafatwa nk'ikimenyetso cyemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko, kuko ishyingirwa ryemezwa gusa n'icyemezo cy'ishyingirwa.

[45] Ku bijyanye n'ibivugwa na Me Mugeni Anita ko kugira ngo umugore yandikwe mu irangamuntu y'umugabo bagombaga kuba barashyingiranywe, Urukiko rurasanga nta shingiro bifite kuko mu Itegeko – Teka N° 01/81 ryo ku wa 16 Mutarama 1981 ryerekeye ibarura ry'abaturage, ikarita ndangamuntu, aho umuntu yandikwa n'aho aba, cyane cyane ko mu ngingo ya 5, iya 6 n'ya 7 hateganywaga ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe ikarita ndanga muntu harimo kuba yujuje imyaka 16, kuba uyisaba afite amafoto magufi abiri, imwe igashyirwa ku ikarita ndangamuntu, indi ku ifishi y'ibarura. Mu bisabwa hakaba ntahateganyijwe ko uyisaba yagombaga kubanza kugaragaza ko yashyingiranywe n'umugabo mu buryo bukurikije amategeko. Ahubwo ku mugereka w'iryo teka akaba ariho hagaragara amakuru agomba kuzuzwa mu ikarita ndangamuntu harimo amazina y'uwo bashyingiranywe n'amazina y'abana. Urukiko rusanga kandi irangamuntu Mukankubito Daphrose agaragaza ari kopi, akaba atarabashije kugaragaza umwimerere wayo yahereyeho akora iyo kopi, cyane ko Nabimana Pierre atayemera, akavuga ko yayibuze mu gihe cya Jenocide.

⁵ NTAMPAKA, Charles, Droit *des personnes et de la famille*, Manuel de droit rwandais, 1993, pge 108: « En général la preuve du mariage est faite à suffisance par un extrait de l'acte de mariage. La preuve sera faite par témoins en cas de perte ou d'inexistence de registres de mariage ».

[46] Urukiko rushingiye ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, rurasanga, nk’uko Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwabyemeje mu rubanza Mukankubito Daphrose asubirishamo ku mpamvu z’akarengane, kuba agaragaza ko yari yanditse mu ndangamuntu ya Nabimana Pierre atari ikimenyetso rwashingiraho rwemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko.

b. icyemezo cyo kuba warashyingiwe

[47] Me Mugeni Anita avuga kandi ko ikindi kimenyetso cyirengagijwe n’Urukiko ari icyemezo cyo kuba warashyingiwe cyatanzwe muri 1983 kigaragaza ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bashyingiranywe, kikaba cyaratanzwe igihe Nabimana Pierre yasabaga kwandikwa nk’uwashakanye na Mukankubito Daphrose kugira ngo abone ibyangombwa byo mu Bubiligi. Avuga kandi ko nyuma yo guhabwa ubwo bwenegihugu bw’ababiligi, Ubuyobozi bwa Komini zo mu Bubiligi, bwagiye butanga inyandiko zitandukanye zigaragaza ko Nabimana Pierre yashakanye na Mukankubito Daphrose mu buryo bwemewe n’amategeko ariko urukiko rukaba rutarazihaye agaciro.

[48] Me Niyomugabo Christophe avuga ko ku bw’ibanze, icyemezo cyo kuba warashyingiwe cyatanzwe ku wa 12/3/2003 na Komini Kacyiru kitari gikwiriye gusuzumwa kuko Urwego rw’Umuvunyi rutagifashe nk’ikimenyetso cyirengagijwe, ko ariko Urukiko rusanze kigomba gusuzumwa kitafatwa nk’ikimenyetso cyemeza ko Mukankubito Daphrose yasezeranye na Nabimana Pierre kuko atari umwimerere, ndetse kikaba kitubahirije ibiteganywa n’ingingo ya 11 y’Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/05/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n’itangwa ryabyo. Avuga kandi ko ari nako Umucamanza yabisobanuye mu gika cya 11 cy’urubanza

RCA0106/15/TGI/NYGE, aho yavuze ko icyo nyandiko itagombaga kwitwa inyandiko mvaho hashingiwe ko icya mbere atari umwimerere, icya kabiri ikaba itubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 11 yavuzwe haruguru, kuko Mukankubito Daphrose avuga ko yasezeraniye muri Nyarugenge ariko akaba yaratse icyo cyemezo cyo kuba warashyingiwe muri Komini ya Kacyiru; bityo uwayikoze ubwe akaba ntacyo yashyingiyeho yemeza ko Mukankubito Daphrose yashyingiranwe na Nabimana Pierre. Bavuga kandi ko icyo cyemezo kitagombye gutangwa nk'ikimenyetso kuko ari icya kera muri 2003 kirengeje imyaka 12 gitanzwe.

[49] Mu iburanisha ryo ku wa 05/02/2020, Nabimana Pierre yavuze ko icyo cyemezo cyo kuba warashyingiwe yakiboneye bwa mbere mu rukiko ari Mukankubito Daphrose ukizanye.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[50] Ingingo ya 18 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru yateganyaga ko muri biro y'irangamimerere, ibyemezo by'irangamimerere byandikwa mu bitabo by'irangamimerere naho ingingo ya 20 y'iryo Teka ikavuga ko ibyemezo by'irangamimerere byatangwaga hari abatangabuhamya babiri.

[51] Urukiko rusesenguye ingingo ya 18 imaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, rusanga impamvu yatumye Umushingamategeko ateganya ko ibyemezo by'irangamimerere bigomba kwandikwa mu bitabo (*Registres*) kwari ukugira ngo mu gihe ibyo byemezo bibuze, cyangwa haramutse havutse impaka ku ishyingirwa, abakozi b'irangamimerere bazabone aho bashingira bakora ibindi, no kugira ngo amakuru ari muri ibyo bitabo abe ariyo azafasha mu gukemura izo mpaka.

[52] Dosiye y'uru rubanza igaragaza icyemezo cyo kuba warashyingiwe cyatanzwe na Komini Kacyiru ku wa 12/03/2003 cyemeza ko Nabimana Pierre na Mukankubito Daphrose bashyingiranywe imbere y'Ubutegetsi muri Komini Nyarugenge ku wa 18/8/1978 ndetse banashyingiranwa imbere ya Kiliziya ku wa 17/12/1983.

[53] Urukiko rushingiye ku mvugo za Mukankubito Daphrose, rurasanga yemeza ko yashyingiranywe na Nabimana Pierre ku wa 18/8/1978 muri Komini Nyarugenge, akavuga ko Nabimana Pierre yarigishije icyo cyemezo, ari nayo mpamvu yaregeye Urukiko kugira ngo rumuhe inyandiko isimbura icyemezo cy'ishyingirwa. Rurasanga ariko Mukankubito Daphrose atarigeze arugaragariza byibura abatangabuhamya bazi iby'iryo shyingirwa bagombye kuba barabaherekeje gufata icyo cyemezo nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 20 y'Iteka ryavuzwe haruguru, ikindi no mu Murenge wa Nyarugenge (wasimbuye icyahoze ari Komini Nyarugenge) avuga ko bashyingiraniwemo bakaba baremeje ko ibitabo by'irangamimerere by'icyo gihe byabuze, byumvikanisha ko Komini ya Kacyiru yatanze icyemezo cy'ishyingirwa idashingiye ku makuru mpamo.

[54] Urukiko rushingiye ku bisobanuro byatanzwe haruguru, rurasanga Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rutarirengagije icyemezo cyo kuba warashyingiwe cyatanzwe na Komini Kacyiru ku wa 12/03/2003 cyemeza ko Nabimana Pierre na Mukankubito Daphrose bashyingiranywe imbere y'Ubutegetsi muri Komini Nyarugenge ku wa 18/8/1978 kuko cyatanzwe mu buryo budakurikije amategeko.

c. Inyandiko zitandukanye zatanze n'Ubuyobozi bwa Komini zo mu Bubiligi

[55] Me Mugeni Anita avuga ko ikindi kimenyetso ari uko mu mwaka wa 1999 Mukankubito Daphrose yagiye mu Bubiligi n'abana bose, ariko kugira ngo bakorerwe ihuzwa ry'umulyango (*regroupement familial*), byasabaga ko Nabimana Pierre agaragaza ko yashyingiranywe na Mukankubito Daphrose, arabikora ku buryo mu Bubiligi bafatwa nk'ababana bashyingiranywe, ko aramutse abihakanye yagaragaza ubundi buryo yaba yarabonyemo ubwenegihugu bw'Ubuyobozi.

[56] Me Niyomugabo Christophe avuga ko ku bw'ibanze iki kimenyetso kitari gikwiye gusuzumwa kuko Urwego rw'Umuvunyi rutagifashe nk'ikimenyetso cyirengagijwe, ko ariko Urukiko rubibonye ukundi, ibyo kuba Nabimana Pierre yarabonye ubwenegihugu bw'Ubuyobozi hashingiwe ko bashyingiranywe, atariko byagenze, kandi ko rwakwibaza impamvu, niba Mukankubito Daphrose avuga ko bashyingiranywe mu Bubiligi, atariho yasabye “*acte de mariage*”. Anasobanura ko ibizikubiyemo ari ibyavuzwe na Mukankubito Daphrose (*Simple déclarations*).

[57] Mu iburanisha ryo ku wa 05/02/2020, Nabimana Pierre yavuze ko ku bijyanye na *regroupement familial*, asaba Urukiko kubaza Mukankubito Daphrose kwerekana inyandiko igaragaza aho yaba yaramusabiye iyo *regroupement familial*, asobanura ko yari asanzwe agenda mu bihugu by'iburayi ku buryo batari kumukorera *regroupement familial*, kandi ko kuba ari ku nyandiko igaragaza abantu bagize urugo (*composition de ménage*) bitaba bivuze ko uba mu Bubiligi, atanga urugero kuri Me Mugeni Anita uba mu Rwanda ariko akaba agaragara kuri iyo *composition de ménage* ivugwa, ko rero nawe byitwaga ko aba

mu Bubiligi kandi atariho aba, ko regroupement familial ntayabayeho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[58] Dosiye igaragaza inyandiko zitandukanye zatanzwe na Komini ya Molenbeek yo mu Bubiligi zanditsemo ko Mukankubito Daphrose yashyingiranywe na Nabimana Pierre, izo nyandiko zikaba ari *Certificat de résidence historique, légalisation, Composition de ménage, avertissement – extrait de rôle Impôt des personnes physiques et taxes additionnelles*.

[59] Urukiko, rushingiye ku ngingo ya 117 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru, nk'uko byasobanuwe mu bika bibanziriza iki rugaragaza impamvu icyemezo cyo kuba warashyingiwe kitashyingirwaho hemezwa ko Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre bashyingiwe ku buryo bwemewe n'amategeko, rurasanga kuba mu nyandiko zinyuranye zatangiwe mu Gihugu cy'Ububiligi hagaragaramo ko Mukankubito Daphrose yashakanye na Nabimana Pierre, atari ikimenyetso cyemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko, bityo akaba ari nta kosa Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwakoze rutazishingiraho.

d. Inyandiko zavuye mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe irangamuntu (NIDA) n'izavuye mu Kigo cy'abinjira n'abasohoka.

[60] Me Mugeni Anita avuga ko ikindi kimenyetso cyirengagijwe ari icyavuye muri NIDA kigizwe n'inyandiko yemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko. Avuga kandi ko Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza rugera no mu Kigo cy'abinjira n'abasohoka, aho rwasanze mu nyandiko

Nabimana Pierre yujuje, ahanditse statut yaruzuzagaho ko yashyingiranywe na Mukankubito Daphrose.

[61] Ku birebana n'inyandiko zatanze na NIDA, ababuranira Nabimana Pierre bavuga ko nazo zitaba ikimenyetso gituma urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane kuko ibizikubiyemo by'uko Nabimana Pierre yashakanye na Mukankubito Daphrose, byakosowe muri data base za NIDA, ubu bikaba bigaragara neza ko Nabimana Pierre ari ingaragu nk'uko attestation de célibat yahawe ku wa 20/4/2016 ibigaragaza ndetse na attestation de célibat nshyashya yo ku wa 31/10/2019. Naho ku bijyanye n'inyandiko zo mu kigo gishinzwe abinjira n'abasohoka, aho Nabimana Pierre yagiye yandika ko yashakanye na Mukankubito Daphrose, bavuga ko ibyo yabyujuje ashingiye ko bashyingiranywe mu Kiliziya, ariko ko atemera ko bashyingiranywe muri Komini.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[62] Bigaragara ko Mukankubito Daphrose yandikiye Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'irangamuntu asaba amakuru y'irangamimerere rya Nabimana Pierre maze ku wa 21/5/2015 NIDA imusubiza mu nyandiko ishingiyeye kuri National ID Data ko Nabimana Pierre yashakanye na Mukankubito Daphrose. Ikindi ni uko ku wa 18/12/2019, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Irangamuntu (NIDA), yasohoye inyandiko igenewe uwo bireba imenyesha ko Mukankubito Daphrose yashakanye na Nabimana Pierre. Na none ku wa 28/12/2019, icyo Kigo cyandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimihurura ibaruwa isubiza iye yabazaga amakuru kuri Nabimana Pierre, ivuga ko uyu yubatswe akaba yarashakanye na Mukankubito Daphrose. Urukiko

rusanga izi nyandiko zitafatwa nk'ikimenyetso cyemeza ko bashyingiranywe mu buryo bukurikije amategeko kuko zidasimbura inyandiko yo gushyingirwa nk'uko byateganywaga mu ngingo ya 117 y'Iteka ryo ku wa 04/05/1895 ryavuzwe haruguru, bityo ibivugwa na Me Mugeni Anita ko Urukiko Rwisumbuye rwirengagije ibyo bimenyetso nta shingiro bifite.

(iii) Ku bijyanye n'indishyi zisabwa muri uru rubanza

Gusuzuma indishyi zasabwe na Mukankubito Daphrose na Nabimana Pierre

[63] Mukankubito Daphrose avuga ko nk'uko byagaragaye ko urubanza rusubirwamo rwabayemo akarengane ku ruhande rwe, asaba Urukiko gutegeka Nabimana Pierre kumwishyura amafaranga yo gukurikirana urubanza ahwanye na 15.000.000Frw (akubiyemo ingendo z'indege n'amacumbi) kuri buri rwego urubanza rwanyuzemo (Urukiko rw'Ibanze, Urukiko Rukuru, Urwego rw'Umuvunyi, Urukiko rw'Ikirenga), ndetse n'igihembo cy'Avoka kingana na 1.500.000Frw kuri buri rubanza, akavuga ko habayemo imanza zigera kuri 9, bityo akaba asaba 13.500.000 Frw.

[64] Nabimana Pierre avuga ko asaba Urukiko gutegeka Mukankubito kumwishyura indishyi zo kumushora mu manza ku maherere zingana na 10.000.000Frw n'indishyi z'ikurikiranarubanza zingana na 2.000.000 Frw, akanamwishyura amafaranga y'igihembo cy'aba Avoka angana na 10.000.000Frw.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- **Ku bijyanye n'indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu**

[65] Urukiko rurasanga indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu Nabimana Pierre asaba atazihabwa kuko ari uburenganzira bwa Mukankubito Daphrose bwo kuregera Urukiko ngo rusuzume niba akarengane avuga yagiriwe na Nabimana Pierre gafite ishingiro.

- **Ku bijyanye n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka**

[66] Urukiko rurasanga Mukankubito Daphrose nta mafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yabona kuko Urukiko rwasanze nta karengane yagiriwe biturutse ko haba hatarubahirijwe amategeko cyangwa ngo habe harirengagijwe ibimenyetso mu rubanza asubirishamo ku mpamvu z'akarengane.

[67] Urukiko rurasanga Nabimana Pierre akwiye guhabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuko byabaye ngombwa ko akurikirana urubanza yarezwemo na Mukankubito Daphrose, akishyura n'Abavoka bamwunganiye muri uru rubanza. Urukiko rurasanga ariko atahabwa 2.000.000 Frw asaba kuko atayagaragarije ibisobanuro kandi akaba ari menshi, rukaba mu bushishozi bwarwo, rumugeneye 300.000Frw y'ikurikiranarubanza. Ku bijyanye n'igihembo cy'Avoka, Urukiko rusanga rutamugenera 10.000.00Frw asaba kuko atayagaragarije ibisobanuro byayo kandi akaba ari menshi, mu bushishozi bwarwo rumugeneye 500.000 Frw.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[68] Rwemeje ko ikirego cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane, urubanza RC0106/15/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 18/05/2015 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, cyatanzwe na Mukankubito Daphrose, nta shingiro gifite;

[69] Rwemeje ko urubanza RC0106/15/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 18/05/2015, rudahindutse;

[70] Rwemeje ko indishyi Mukankubito Daphrose asaba nta shingiro zifite;

[71] Rwemeje ko Nabimana Pierre nta ndishyi zo gushorwa mu manza agenewe;

[72] Rutegetse Mukankubito Daphrose guha Nabimana Pierre amafaranga 300.000Frw y'ikurikiranarubanza n'amafaranga 500.000Frw y'igihembo cy'Avoka, yose hamwe akaba amafaranga 800.000Frw.

RIZIKI v MUBIRIGI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA –
RS/INJUST/RC00001/2019/SC (Kayitesi Z, P.J, Nyirinkwaya,
Cyanzayire, Rukundakuvuga na Hitiyaremye, J.) 29
Ugushyingo 2019]

Amategeko agenga umuryango – Ubutane – Kugabana imitungo – Iyo abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo batanye, ihame ni uko bagabana umutungo ku buryo bungana; yaba ukugurisha umutungo basangiye bakagabana amafaranga avuyemo, yaba kugabana ibintu uko bimeze hatagize ikigurishwa cyangwa se kuba umwe yaha undi agaciro k'umutungo ubazwe mu mafaranga akawugumana batagombye kugabana – Mu gihe batumvikanye muri bumwe muri ubwo buryo, umucamanza niwe utegeka igikwiye kitagize uwo kibangamiye mu bashakanye.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwahereye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga aho Riziki yatanze ikirego asaba ubutane agaragaza ko uwo bashakanye Mubiligi amuhoza ku nkenke ko imibanire yabo yabaye mibi, asaba ko bahabwa ubutane maze kuko basezeranye ivangamutungo bakagabana imitungo bari bafitanye; Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko batanye burundu, abana babyaranye bakarerwa na nyina, Se akabasura nabo bakamusura, rutegeka ko imitungo bafitanye igurishwa amafaranga avuyemo bakayagabana.

Uwareze ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza ajuririra Urukiko Rwisumbuye agaragaza ko impamvu zose yatanze asaba ubutane zitasuzumwe, ko hari ibimenyetso Urukiko rwirengagije, ko mu kubagabanya umutungo Urukiko rutitaye ku nyungu z'abana no kuba nta ndezo rwategetse uwo baburana kuzajya

atanga. Urukiko Rwisumbuye rwemeje ko ubujurire bwe bufite ishingiro kuri bimwe, rutegeka uregwa kuzajya atanga indezo buri kwezi ndetse no gufatanya kwishyurira abana amashuri.

Urega kandi yongeye ajuririra Urukiko Rukuru ariko ikirego cye nticyakirwa. Yaje kwandikira Perezida w'Urukiko Rukuru asaba ko urubanza RCA00110/2017/TGI/NYGE rwaciwe n'urukiko Rwisumbuye rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengene, Perezida w'Urukiko Rukuru yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amugaragariza ko muri urwo rubanza harimo akarengane ko rwasubirwamo, maze nawe yemeza ko urwo rubanza rusubirwamo.

Uwasabye gusubirishamo urubanza avuga ko yahabwa inzu aho kuyigurisha akayireramo abana kubw' inyungu zabo, kuko iyo nzu igurishijwe abana babura aho kuba, bityo kuba ariwe urera abana, yagombye kugumana inzu, maze umugabo we akagumana indi mitungo inarusha agaciro iyo nzu.

Mu kwiregura, Mubiligi avuga ko kuba Urukiko rwarategetse ko imitungo igurishwa bakayigabana nta karengane karimo, kuko mu gihe bagabanye buri wese akabona uruhare rwe, yagura indi inzu, ko abana yitwaza bamaze gukura, kandi ko niba indi mitungo avuga bafitanye ifite agaciro kanini kuruta inzu ko nawe yayitwara yose maze we akagumana inzu gusa kugirango azabone aho aba mu kiruhuko cy'izabukuru ari hafi kujyamo.

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo batanye, ihame ni uko bagabana umutungo ku buryo bungana; yaba ukugurisha umutungo basangiye bakagabana amafaranga avuyemo, yaba kugabana ibintu uko bimeze hatagize ikigurishwa cyangwa se kuba umwe yaha undi agaciro k'umutungo ubazwe mu mafaranga akawugumana batagombye kugabana; mu gihe batumvikanye muri bumwe muri

ubwo buryo, umucamanza niwe utegeka igikwiye kitagize uwo kibangamiye mu bashakanye, bityo kubera ko ababuranyi bananiwe kumwikana kuburyo bagabanamo umutungo bafitanye, Urukiko nirwo rugomba gufata icyemezo, bityo imitungo bari batunze igomba kugurishwa, bakagabana kuburyo bungana amafaranga avuyemo.

Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane nta shingiro bifite.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’umuryango nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, ingingo 8 n’iya 242

Imanza zifashishijwe:

Murayire v Sindikubwabo, RS/REV/INJUST/CIV 0029/16/CS
rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 01/06/2018.

Urubanza

I. IMITERERE Y’IKIBAZO

[1] Riziki Nicole yashakanye byemewe n'amategeko na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul ku wa 03/07/1999, mu cyahoze ari Komini Rubavu (ubu ni mu Murenge wa Gisenyi), babyarana abana 3 aribo: Mugisha Daniel, Singiza Prisca, na Ntwari Arnold Peace. Basangiye imitungo ikurikira:

- a. ikibanza UPI N⁰ 1/03/05/04/596 kirimo inzu na “*annexe*” yayo iherereye mu Kagali ka Rubirizi, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro;
- b. ikibanza UPI N⁰ 1/03/05/03/4108 kiri mu Kagali ka Karama, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro;
- c. ikibanza UPI N⁰ 1/02/10/04/3037 giherereye mu Kagali ka Murama, Umurenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo;
- c. umutungo wimukanwa ugizwe n'imodoka Toyota Corolla RAA 864 N, n'ibikoresho byo mu nzu.

[2] Riziki Nicole avuga ko imibanire yabo yaje kuba mibi, Mubirigi Rwamfizi Jean Paul akamuhoza ku nkeke, bituma atanga ikirego asaba ubutane mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugunga. Urubanza rwanditswe kuri RC0296/16/TB/NYRGA, rucibwa ku wa 06/07/2017.

[3] Urukiko rwemeje ko Mubirigi Rwamfizi Jean Paul na Riziki Nicole batanye burundu, ko abana bafitanye bakomeza kurerwa na Riziki Nicole, se akajya abasura nabo bakamusura. Rwategetse ko:

- a. umutungo utimukanwa wavuzwe haruguru ugurishwa Riziki Nicole na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul bakagabana mu buryo bungana amafaranga avuyemo;
- b. umutungo wimukanwa ugizwe n'imodoka n'ibikoresko binyuranye ugurishwa bakagabana mu buryo bungana amafaranga waguzwe.

[4] Riziki Nicole yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, atanga impamvu zikurikira:

- a. kuba hatarasuzumwe impamvu zose zaregewe mu gusaba ubutane;
- b. kuba Urukiko rwarashingiye ku mpamvu zitarizo kandi zivuguruzanya;
- c. Kuba Urukiko rwarirengagije ikimenyetso cy'urubanza RC00447/16/TB/NYRGA rwategetse umugabo kuva mu rugo;
- d. kuba rutarumvise ubuhamya bw'abana, no kuba rutaritaye ku nyungu zabo mu igabana ry'umutungo;
- e. Kuba rwaratanze ubutane bushingiye ku makosa yabo bombi, no kuba nta ndezo rwaciye Mubirigi Rwamfizi Jean Paul.

[5] Urubanza mu bujurire rwanditswe kuri RCA00110/2017/TGI/NYGE rucibwa ku wa 31/05/2018, Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa Riziki Nicole bufite ishingiye kuri bimwe, rutegeka Mubirigi Rwamfizi Jean Paul kujya atanga amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana na makumyabiri (120.000Frw) buri kwezi y'indezo y'abana no kujya afatanyana na Riziki Nicole kubarihira amafaranga y'ishuri.

[6] Riziki Nicole yongeye kujurira mu Rukiko Rukuru ariko ikirego nticyakirwa, ku wa 13/02/2019 yandikira Perezida w'Urukiko Rukuru amusaba gusuzuma akarengane kari mu rubanza RCA00110/2017/TGI/NYGE. Perezida w'Urukiko Rukuru amaze gusuzuma ubusabe bwa Riziki Nicole, yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga amusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[7] Perezida w'Urukiko Rukuru yasobanuye ko akarengane gashingiye ku kuba:

a. mw'icibwa ry'urubanza RCA00110/2017/TGI/NYGE, Urukiko rutarigeze rugira icyo ruvuga ku mafaranga angana na 5.000.000Frw Riziki Nicole avuga ko ari kuri konti, kandi yaravuzweho mu bigomba kugabanwa nk'uko bigaragazwa n'inyandikomvugo y'iburanisha ryo ku wa 01/03/2018;

b. Urukiko rutarigeze rugaragaza ingano y'amafaranga y'ishuri buri wese azajya yishyurira abana hakurikijwe ubushobozi bwe, bikaba byatuma urubanza rudashobora kurangizwa mu gihe ubwabo batabyumvikanyeho.

[8] Ku wa 07/05/2019, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yafashe icyemezo numero 096/CJ/2019 cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA00110/2017/TGI/NYGE rwaciwe bwa nyuma n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, ateguka ko ikirego cyandikwa mu bitabo by'Urukiko, gihabwa numero RS/INJUST/RC00001/2019/SC. Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku wa 11/09/2019.

[9] Ku wa 11/09/2019, iburanisha ryabereye mu ruhame, Riziki Nicole yunganiwe na Me Mukandera Clothilde naho Mubirigi Rwamfizi Jean Paul yunganiwe na Me Subukonoke Emmanuel. Ababuranyi bagiye impaka ku bijyanye n'igabana ry'inzu iri mu kibanza UPI No 1/03/05/04/596 gihereye mu Kagali ka Rubirizi, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro. Riziki Nicole yagaragarije Urukiko ko ashaka kugumana inzu mu nyungu z'abana, kugirango abarereremo. Mubirigi Rwamfizi Jean Paul nawe yabwiye Urukiko ko ariwe ukwiye kuyigumana kugirango azabone aho aba mu kiruhuko cy'izabukuru ari hafi kujiyamo. Ikindi cy'ingenzi cyagiweho impaka, ni amafaranga y'ubwizigame ahabwa abasilikare igihe bafashe ikiruhuko cy'izabukuru. Riziki Nicole avuga ko ayo mafaranga atashyizwe mu bigomba kugabanwa, Mubirigi

Rwamfizi Jean Paul akavuga ko ibyo bitigeze biregerwa mu nkiko zibanza.

[10] Iburanisha ry’urubanza ryarapfundikiwe, ababuranyi bamenyeshwa ko ruzasomwa ku wa 18/10/2019. Mu mwiherero warwo, Urukiko rwasanze mbere yo guca urubanza burundu, ari ngombwa kubanza kubaza muri Zigama CSS ibijyanye n’ amafaranga ari kuri konti numero 0049633 y’ubwizigame ahabwa abasilikare igihe bafashe ikiruhuko cy’izabukuru, by’umwihariko umubare w’amafaranga yashyizwe kuri iyo konti kuva ku itariki ya 13/07/2016 ubwo hatangwaga ikirego cy’ubutane, kugeza ku itariki ya 10/05/2019.

[11] Zigama CSS yashyikirije Urukiko “historique” igaragaza ko ku wa 26/07/2016 konti no 0049633 yariho 5.021.920Frw, naho ku wa 25/04/2019 ikaba yariho 6.741.856 Frw. Urubanza rwasubukuwe ku wa 11/11/2019 kugirango ababuranyi bagire icyo bavuga ku byagaragajwe na Zigama CSS. Mu iburanisha, Riziki Nicole yabwiye Urukiko ko atagikurikiranye ayo mafaranga, ko ayahebeye Mubirigi Rwamfizi Jean Paul, akaba ariyo mpamvu iki kibazo kitirirwa gisuzumwa.

[12] Ikibazo nyamukuru kiri muri uru rubanza akaba ari ugusuzuma niba mu kugabanya imitungo, inzu iri mu kibanza UPI No 1 /03/05/04/596 yaherera kuri Riziki Nicole kugirango akomeze kuyireramo abana mu rwego rwo kurengera inyungu zabo.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Gusuzuma niba mu kugabanya imitungo, inzu iri mu kibanza UPINo1/03/05/04/596 yaherera kuri Riziki Nicole kugira ngo akomeze kuyireramo abana mu rwego rwo kurengera inyungu zabo.

[13] Kuri iki kibazo, Riziki Nicole asobanura akarengane muri aya magambo:

a. Urukiko rw'Ibanze rwari rwategetse ko umutungo Riziki Nicole afatanyije na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul ugurishwa, rwirengagije ko abana bose bakiri bato bakaba bagomba kugira aho babana n'umubyeyi ubarera;

b. Urukiko Rwisumbuye rwagombaga gukosora ayo makosa rugategeka ko inzu imuhereraho; rukaba rwarirengagije ibikubiye mu ngingo ya 3 y'Amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'umwana ivuga ko ibyemezo byose bifatirwa umwana byaba bifashwe n'inzego zitandukanye cyangwa inkiko hitabwa ku nyungu z'ikirenga ze;

c. iyo ngingo imaze kuvugwa yunganirwa n'ingingo ya 4 y'Amasezerano nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza by'umwana, nayo ivuga ko mu byemezo byose bireba umwana bifashwe n'uwari we wese cyangwa n'urwego urwo arirwo rwose, hitabwa mu nyungu ze. icyemezo cyafashwe n'Inkiko zombi kinyuranye kandi n'ibiteganywa n'ingingo ya 227 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango¹;

¹Uretse igihe abashyingiranywe basezeranye ivangura mutungo risesuye, iyo urukiko rutegetse kuba ahandi, umutungo wimukanwa n'utimukanwa ugabanywa abashyingiranywe mu buryo bw'agateganyo nyuma yo

d. kuba Urukiko rwarategetse ko imitungo igurishwa, bivuze ko hazakoreshwa inzira ya cyamunara, bikaba bibangamiye ituze ry'abana kuko harimo umwe warwaye ihungabana akaba akurikiranwa n'ibitaro bya Ndera. Undi nawe arwaye umutima akaba yarabagiwe i Burayi, kubera iyo mpamvu Urukiko Rwisumbuye rwagombaga guhindura icyemezo cyafashwe n'Urukiko rw'Ibanze rukemeza ko umutungo ugizwe n'inzu iri mu kibanza UPI No1/03/05/04/596, ifite agaciro ka 36 500 000 Frw iherezwa kuri Riziki Nicole, Mubirigi Rwamfizi Jean Paul agahabwa ibibanza bifite agaciro karenze 50.000.000Frw, agasubiza ikinyuranyo;

e. mu mibanire ye na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul yahuye n'ihohotera ryo mu rugo rikabije, ari naryo ryatumye atanga ikirego cy'ubutane, ariko nta butabera yabonye kuko mu guca urubanza Urukiko rwemeje ko ubutane butanzwe ku makosa yabo bombi bituma inzu babagamo itamuhereraho

f. kumuha inzu ntaho binyuranyije n'itegeko, kuko ariwe ubana n'abana kandi bakaba bakiri bato. Avuga ko n'ubwo Singiza Prisca afite imyaka 20 afite ikibazo cy'uburwayi bw'umutima, uwa kabiri ufite imyaka 17 we akaba afite ihungabana, uwarangije kwiga amashuri yisumbuye akaba akiri mu rugo. Inzu babamo igurishijwe mu cyamunara abana bajya mu muhanda, bikabatera ihungabana rirushije iryo bagize amaze gutandukana na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul.

g. Asoza avuga ko indi impamvu y'akarengane ari uko Urukiko rwirengagije ikimenyetso kijyanye n'igenagaciro yatanze ryagaragaje ko agaciro k'inzu iri mu kibanza UPI:1/03/05/04/596 ari 36.523.640Frw, agaciro k'ikibanza UPI: 1/03/05/03/4108

kuwukorera ibarura rishyirwaho umukono n'impande zombi kandi hagomba kwitabwaho inyungu z'umwana n'iz'umwuga w'abashyingiranywe”.

akaba ari 46.426.000Frw, ikindi kibanza kiri kuri UPI: 1/10/04/3037 kikaba gifite agaciro ka 5.096.000Frw, ku buryo harebwe inyungu z'abana, Mubirigi Rwamfizi Jean Paul yagombaga guhabwa ibyo bibanza byose bifite agaciro ka 51.522.000Frw karenze kure agaciro k'inzu, hanyuma we agasigarana inzu kugira ngo arereremo abana.

[14] Me Mukandera Clothilde umwunganira avuga ko ingingo ya 245 y'Itegeko rigenga abantu n'umuryango mu Rwanda itubahirijwe, ko inzu y'ababyeyi igurishijwe abana bajya mu muhanda inyungu zabo zikaba zibangamiwe. Avuga ko ashingiye kuri iyo ngingo, asanga kuba Riziki Nicole ariwe urera abana, yagombye kugumana inzu y'ababyeyi, Mubiligi Rwamfizi Jean Paul akugumana indi mitungo inarusha agaciro inzu Riziki Nicole asaba ko imuherezawaho.

[15] Mubirigi Rwamfizi Jean Paul asubiza ku ngingo Riziki Nicole aburanisha avuga ko:

a. kuba Urukiko rwarategetse ko umutungo bafitanye ugurishwa nta karengane karimo, kuko byubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 8 y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura², ndetse n'inyandiko z'abahanga mu mategeko zikaba zivuga ko ibigabanwa mu gihe cy'ubutane ari imitungo iriho muri icyo gihe, n'imyenda bafitiye abandi bantu (...*La masse à partager se compose des biens existants au jour du divorce, sur base de l'inventaire, tout en déterminant le passif commun*; Alain

² Iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange busheshwe ku mpamvu z'ubutane cyangwa guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo, abari barashyingiranywe kuvanga umutungo bagabana ku buryo bungana cyangwa mu bundi buryo bumvikanye imitungo n'imyenda

Duelz, Le droit du divorce, 3 éd., Bruxelles, De Boeck & Larcier, 2002).

b. abana bamaze gukura, kuko Singiza Prisca afite imyaka 21, Ntwari Peace Arnold 18, bombi bakaba barangije amashuri yisumbuye bategereje kujya muri Kaminuza. Uwa gatatu Mugisha Daniel ufite imyaka 15 agiye kurangiza “Tronc commun”, bityo akaba asanga icyemezo cyafashwe n’Inkiko zombi (TB Nyarugunga na TGI/Nyarugenge) cyo kugurisha imitungo basangiye no kugabana mu buryo bungana cyarakurikije amategeko. Avuga ko mu gihe bagabanye buri wese akabona uruhare rwe, yagura indi inzu, abana bakaba aho bashatse cyane ko bamaze gukura;

c. imitungo asangiye na Riziki Nicole atari imitungo itimukanwa gusa (inzu n’ibibanza bibiri), ko hari n’imitungo yimukanwa basangiye (ibikoresho byo munzu, n’ imodoka) nkuko bikubiye mu cyemezo cy’Urukiko rw’Ibanze rwa Nyarugunga, akaba atumva impamvu Riziki Nicole atsimbaraye gusa ku mutungo utimukanwa cyane cyane inzu;

d. niba Riziki Nicole asanga ibibanza bibiri bafatanyije bifite agaciro kanini karenze inzu, asaba Urukiko rw’Ikirenga ko rwategeka Riziki Nicole ko yagumana ibyo bibanza bibiri, ndetse akagumana n’ibikoresho byose byo mu nzu hamwe n’imodoka, maze we agasigarana inzu gusa kugirango bombi hatagira urengana. Avuga ko ubu afite imyaka 47, akaba asigaje imyaka itatu gusa ngo ajye mu kiruhuko cy’izabukuru, akaba rero akeneye kugira aho asazira;

e. ibyo Riziki Nicole avuga by’uko yahohotewe bikabije ari amarangamutima kubera inzu ashaka, kuko iyo aba yarabikoze yari kubihanirwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuko byaburanyweho Asobanura ko inzu ariwe wayiguze ku ideni yari

yahawe na Zigama CSS, ariko ko iryo deni ryishyuwe kuko yagize amahirwe akajya mu butumwa mu mahanga

f. kuvuga ko inzu igurishijwe abana bahungabana ataribyo kuko abana bameze neza, na Singizwa wigeze kubagwa ku mutima nta kibazo afite ubu, n'ubwo Riziki Nicole yamwohereje muri Canada atamubwiye;

g. n'ubwo atemera igenagaciro Riziki Nicole yakoresheje, kugira ngo ibintu bigende neza, yamuha 50% by'agaciro k'inzu, ibikoresho byose byo mu nzu n'imodoka, hanyuma bakagabana ibibanza bisigaye, abana akabarera nawe kuko abishoboye kandi bakaba ari bakuru. Avuga ko atumva impamvu yanga ko bagurisha bakagabana, mu gihe baramutse bagurishije bakuramo amafaranga menshi akaba yanagura inzu irenze iyo bari bafite.

[16] Me Sebukonoke Emmanuel wunganira Mubirigi Rwamfizi Jean Paul avuga ko mu rubanza rusabirwa gusubirwamo nta karengane karimo, kuko hagendewe ku mategeko. Avuga ko iyo abashakanye batanye bagabana imitungo bari bafitanye ku buryo bungana, bakagira inshingano zo kurera abana babo uko babishoboye, ko ntaho itegeko ryateganyije ko babanza kureba abana mbere y'uko bagabana.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[17] Ingingo ya 242 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango iteganya ko ubutane busesa ishyingirwa n'amasezerano agenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, igabana ry'umutungo rigakorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Naho ingingo ya 8, igika cya mbere, y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano

n'izungura, igateganya ko «iyo uburyo bw'ivangamutungo rusange busheshwe ku mpamvu z'ubutane cyangwa guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo, abari barashyingiranywe kuvanga umutungo bagabana ku buryo bungana cyangwa mu bundi buryo bumvikanye imitungo n'imyenda. icyakora, Urukiko rushobora gutegeka ko agaciro k'ibyangijwe n'umwe mu bashyingiranywe gakurwa mu mugabane we.

[18] Isesengura ry'izi ngingo ryumvikanisha ko iyo abashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo batanye, ihame ari uko bagabana umutungo ku buryo bungana. Itegeko ntirateganyije uburyo bagabanamo, niba ari ukugurisha umutungo bakagabana amafaranga avuyemo, kugabana ibintu uko bimeze hatagize ikigurishwa cyangwa se kuba umwe yaha undi agaciro k'umutungo ubazwe mu mafaranga akawugumana batagombye kugabana. Mu gihe abashakanye batagize icyo bumvikanaho, umucamanza mu bushishozi bwe, akaba ariwe ureba igikwiye kitagize uwo kibangamiye mu bashakanye, kandi abona ko aricyo gitanga ubutabera.

[19] Ku byerekeye uru rubanza, Urukiko rurasanga ababuranyi bari basangiye imitungo igizwe:

- a. n'inzu ifite “annexe” biri mu kibanza gifite UPI: 1/03/05/04/596, gihereye mu Murenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro;
- b. ikibanza kiri kuri UPI: 1/03/05/03/4108 gihereye mu Murenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro;
- c. ikibanza kiri kuri UPI: 1/02/10/04/3037 gihereye mu Murenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo;

d. imitungo yimukanwa inyuranye, n'imodoka Toyota Corolla RAA 864.

[20] Riziki Nicole avuga ko yiteguye guhara ibindi bibanza, akagumana ikibanza kirimo inzu, akarereramo abana. Mubirigi Rwamfizi Jean Paul nawe avuga ko atiteguye guhara iyo nzu, kuko ariwe uyikeneye cyane, kandi ko yiteguye kurera abana kuko ari bakuru, Urukiko rukaba rusanga nta n'umwe mu bashakanye witeguye guharira undi, akaba ariyo mpamvu arirwo rugomba gufata icyemezo rusanga ko gikwiye.

[21] Urukiko rurasanga, nk'uko Urukiko rw'Ibanze n'Urukiko Rwisumbuye zabibonye, icyemezo gikwiye kandi kidateje impaka, kinatuma hadakomeza kubaho imanza za hato na hato, ari uko imitungo Riziki Nicole Mubirigi Rwamfizi Jean Paul bari batunze igurishwa, bakagabana ku buryo bungana amafaranga avuyemo, buri wese agakomeza inshingano za kibyeyi ku bana babyaranye.

[22] Urukiko rurasanga ibyo Riziki Nicole avuga ko inzu iramutse igurishijwe mu cyamunara byagira ingaruka ku bana, bikaba byatuma bahungabana, nta shingiro byahabwa kuko ari ibyiyumviro bidafite ikibyemeza (*hypothétique*). Urukiko rurasanga kandi nta kibuzwa ko nyuma yo kugabana amafaranga avuye mu igurisha ry'imitungo, buri wese yashakamo indi nzu yo guturamo, ku buryo abana batabura aho baba.

[23] Urukiko rurasanga kandi, kuba bagurisha imitungo bakagabana amafaranga avuyemo mu buryo bungana, ari byo byemejwe no mu rubanza RS/REV/INJUST/CIV0029/16/CS rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 01/06/2018, haburana Murayire Marie Aimable na Sindikubwabo Louis.

[24] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, no ku ngingo ya 242 y'Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, n'iya 8 igika cya mbere y'Itegeko N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, imitungo Riziki Nicole na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul bari batunze igomba kugurishwa, bakagabana ku buryo bungana amafaranga avuyemo, nk'uko byari byemejwe n'Inkiko zibanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[25] Rwemeje kwakira ikirego cyatanzwe na Riziki Nicole kigamije gusubirishamo, ku mpamvu z'akarengane, urubanza RCA00110/2017/TGI/NYGE, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 31/05/2018;

[26] Rwemeje ko nta karengane kari mu rubanza RCA 00110/2017/TGI/NYGE, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 31/05/2018;

[27] Rwemeje ko imikirize y'urubanza N° RCA 00110/2017/TGI/NYGE, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 31/05/2018, idahindutse;

[28] Rwemeje ko ikibanza UPI:1/03/05/04/596 kirimo inzu na *annexe* yayo, nabyo bigurishwa, Riziki Nicole na Mubirigi Rwamfizi Jean Paul bakagabana mu buryo bungana amafaranga avuyemo.

UWAMWEZI v RANGHELLA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA –
RS/REV/INJUST/CIV.0012/16/CS (Kayitesi Z, P.J,
Hatangimbabazi na Kanyange, J.) 1 Kamena 2018]

Amategeko agenga umuryango – Umutungo w'abashyingiranwe – Ivangamutungo – Kugabana umutungo – Amasezerano y'ubwumvikane yo kugabana umutungo akozwe hagati y'abashyingiranywe ivangamutungo rusange, nta gaciro aba afite igihe atakozwe hagamijwe guhinduza uburyo bwo gucunga umutungo hagati yabo, kuko ivangamutungo riba rigikomeje igihe cyose batari bahabwa ubutane.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwahereye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, Ranghella arega umugore we Uwamwezi asaba ubutane ngo kuko yamuhozaga ku nkeke, anasaba ko contrat de partage bagiranye yo kugabana umutungo, Urukiko rwayirekera uko babyumvikanyeho. Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko nta butane bahawe kubera ko nta bimenyetso Ranghella yagaragarije Urukiko by'uko Uwamwezi amuhoza ku nkeke, Urukiko rwemeje kandi ko contrat de partage bagiranye, nta gaciro ifite.

Ranghella ntiyishimiye imikirize y'uwo rubanza maze ajuririra Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, rwemeza ko ubwo bujurire bufite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko nta butane butanzwe, ko ariko contrat de partage bagiranye igumana agaciro kayo.

Nyuma y'imyaka ibiri Ranghella yongeye gutanga ikirego mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru asaba nanone ubutane, ku mpamvu y'uko we n'umugore we Uwamwezi bamaze imyaka

itatu batabana, Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko batanye burundu, naho kubijyanye n'umutungo hakurikizwa contrat de partage yemejwe n'urukiko Rwisumbuye mu rubanza RCA0180/08/TGI/GSBO kuko rwabaye itegeko.

Uwamwezi ntiyishimiye imikirize y'urubanza ajuririra mu Rukiko rw'Isumbuye rwa Gasabo avuga ko igabana ry'umutungo ritakurikije amategeko kuko ngo Urukiko rutagombaga gushingira kuri contrat de partage kandi barasezeranye ivangamutungo rusange hagombaga gushingirwa ku itegeko. Urukiko rwemeje ko ubujurire bwe nta shingiro bufite ko iby'uko ayo masezerano adakuraho ivangamutungo nta shingiro byahabwa kuko ari amasezerano yabaye hagati y'ababuranyi, akaba atarateshejwe agaciro.

Uwamwezi ntabwo yishimiye imikirize y'urubanza yandikira Umuvunyi Mukuru agaragaza ko urubanza rurimo akarengane asaba ko rwasubirwamo, Urwego rw'Umuvunyi nyuma yo gusuzuma ubusabe bwe rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko na we yemeza ko urwo rubanza rwongera rukaburanishwa kugirango hasuzumwe akarengane karubayemo.

Mu iburanisha Uwamwezi yagaragaje ko urubanza asubirishamo rugaragaramo akarengane gashingiye kubijyanye n'igabana ry'umutungo aho Urukiko rwashingiye ku masezerano y'igabana nayo batemera kuko yayasinye atazi ibyo asinyiye, avuga ko ayo masezerano atagombaga gushingirwaho kuko adasimbura uburyo bw'ivangamutungo basezeranyemo kandi batigeze bahindura ko rero bakagombye kugabana umutungo hakurikijwe itegeko ry'uko abatandukanye barasezeranye ivangamutungo rusange bagabana umutungo kuburyo bungana.

Ranghella yiregura avuga ko ibyo Uwamwezi avuga ko urubanza rwamurenganiye atari ukuri kuko ntaho Urukiko rwanyuranyije n'itegeko rwemeza ko ibyo kugabana imitungo hagati y'abashakanye byakemuwe mu rubanza rwabaye itegeko, akaba asanga icyo kibazo cy'igabana ry'umutungo kitari gikwiye kugarurwa mu manza, kuko cyasuzumwe mu manza zabanje. Ranghella avuga kandi ko ibyo Uwamwezi avuga by'uko atemera contrat de partagekuko ngo yayishyizeho umukono atazi ibiyikubiyemo, bidakwiye guhabwa agaciro, kuko atagaragaza aho ayo masezerano yamurenganyije cyangwa ngo agaragaze aho anyuranyije n'amategeko.

Incamake y'icyemezo: 1. Amasezerano y'ubwumvikane yo kugabana umutungo akozwe hagati y'abasezeranye ivangamutungo rusange, nta gaciro aba afite igihe atakozwe hagamijwe guhinduza uburyo bwo gucunga umutungo hagati yabo, kuko ivangamutungo riba rigikomeje igihe cyose batari bahabwa ubutane, bityo amasezerano yo kugabana umutungo yakozwe hagati ya Ranghella na Uwamwezi nta shingiro afite, ahubwo igabana ry'umutungo rigomba gushingira kuburyo bw'icungamutungo bahisemo basezerana.

**Gusubirishamo urubanza kumpamvu z'akarengane bifite
ishingiro;**

**Imikirize y'urubanza rwasubirishijwemo irahindutse
kubijyanye no kugabana umutungo.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga

(ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo za 33, 78, 79, 80 na 81

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 9 n'ya 11

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 19 n'ya 24;

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Mu rubanza RC0377/08/TB/KCY rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, Ranghella Giussepe, washakanye na Uwamwezi Joséphine, yareze umugore we asaba ubutane kubera kumuhoza ku nkeke, anasaba ko *contrat de partage* bakoranye ku wa 06/07/2007, Urukiko rwayirekera uko babyumvikanyeho (reba igika cya 7, icya 26, icya 28, n'icya 31 cy'urwo rubanza RC0377/08/TB/KCY).

[2] Mu kwiregura ku bijyanye n'ubutane, Uwamwezi Joséphine yavuze ko ubwo butane atabushaka, naho ku bijyanye na *contrat de partage* avuga ko atayemera kuko Avoka we yayimusinyishije atazi ibiyikubiyemo kubera ko atumva neza igifaransa yanditsemo, byongeye kandi bakaba batarashyizemo

imitungo iri i Burayi, ndetse bakaba baramushyizeho imyenda yose y'urugo, akaba ari kugurisha amazu avugwa muri iyo *contrat de partage* umugabo we yigaramiye (reba igika cya 9, icya 27, icya 29, n'icya 30 cy'urwo rubanza RC0377/08/TB/KCY).

[3] Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rwaciye urubanza RC0377/08/TB/KCY ku wa 28/11/2008, rwemeza ko nta butane bahawe kubera ko nta bimenyetso by'uko Uwamwezi Joséphine ahoza ku nkeke Ranghella Giuseppe yeretse Urukiko, rwemeza kandi ko "contrat de partage" yo ku wa 06/07/2007, nta gaciro kayo.

[4] Ranghella Giuseppe ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ajuririra Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, urubanza rwandikwa kuri RCA0180/08/TGI/GSBO, muri ubwo bujuriye, Ranghella Giuseppe akomeza gusaba ubutane, naho ku bijyanye na *contrat de partage* avuga ko umucamanza atagombaga kuyisenya mu gihe atatanze divorce, kandi Uwamwezi Joséphine atarigeze abisaba (*ultra petita*). Yavuze kandi ko ibyavuzwe na Uwamwezi Joséphine by'uko atayemera kuko atazi igifaransa atari byo, kuko *correspondances* ze ziri mu gifaransa, kandi bikaba bitari na ngombwa ko abana basinya kuri iyo *contrat de partage*, kuko n'ubundi bazazungura aho umutungo wose wajya (reba igika cya 4 n'icya 5 by'urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO).

[5] Mu kwiregura kuri ubwo bujuriye bwa Ranghella Giuseppe, uhagarariye Uwamwezi Joséphine yavuze ko kuvuga ko umucamanza yashenye *contrat de partage* Uwamwezi Joséphine atarigeze abisaba, itari no mu cyaregewe (*ultra petita*), atari byo, kuko ari Ranghella Giuseppe wazanye iyo *contrat de partage* mu Rukiko, iburanwaho, umucamanza akaba atari kubura kuyivugaho. Yongeyeho ko *partage des biens* ku bashakanye,

igomba kwemerwa n'Urukiko igihe cya *divorce par consentement mutuel*, kandi Urukiko rukaba atari yo rwatanze, ari yo mpamvu *contrat de partage* nta gaciro ifite (*nul et nul effet*).

[6] Nyuma yo gusuzuma ibisobanuro by'impane zombi, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, rwaciye urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO tariki ya 07/08/2009, rwemeza ko ubwo bujuriye bwa Ranghella Giuseppe bufite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko nta butane butanzwe, ko ariko “*contrat de partage*” bakoranye igumana agaciro kayo¹. Uru rubanza ntirwigeze rujuririrwa.

[7] Ranghella Giuseppe, nyuma y'uko yimwe ubutane mu rubanza rumaze kuvugwa, yasubiye mu Rukiko rw'ibanze rwa Kacyiru, atanga bundi bushya ikindi kirego muri urwo Rukiko gifite RC0422/10/TN/KCY asaba nanone ubwo butane, ku mpamvu y'uko we n'umugore we Uwamwezi Joséphine bamaze imyaka itatu batahana.

[8] Urukiko rw'ibanze rwa Kacyiru, rwaciye urubanza ku wa 13/02/2012, rwemeza ko Ranghella Giuseppe atandukanye

¹ Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, rwavuze, mu gika cya 33, cy'urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO, ko « Ingingo y'itegeko N° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategako mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura iteganya ko ivangamutungo rusange cyangwa w'umuhahano rirangira ari uko habaye ugutana burundu, kutabana by'agateganyo, guhindura uburyo bw'icungamutungo, bityo igihe cyose Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe batarajya imbere y'Umwanditsi w'irangamimerere ngo bahinduze ubunyo bwo gucunga umutungo wabo, n'ubwo basinyanye kontaro igaragaza ubunyo bagabanye umutungo wabo, ivangamutungo basezeranye riracyaniho »

burundu na Uwamwezi Joséphine, rwemeza kandi ko ikibazo cy'imitungo cyacyemuwe mu rubanza RCA0180/08/TGI/GSBO kuko rwemeje ko *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 igumaho kandi urwo rubanza rukaba rwarabaye Itegeko, bityo buri wese akagumana ibyo yabonye icyo gihe n'inyungu zabyo.

[9] Uwamwezi Joséphine yajuririye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, maze mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 27/01/2014, urwo Rukiko rwemeza ko ubutane butanzwe, kandi ko ku bijyanye n'umutungo, hakurikizwa *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 kuko ari amasezerano ababuranyi bakoranye kandi *contrat de partage* ikaba itarigeze iteshwa agaciro, rusobanura ko ibivugwa na Uwamwezi Joséphine by'uko ayo masezerano adakuraho ay'ivangamutungo nta shingiro byahabwa kuko ari amasezerano yabaye hagati y'ababuranyi, akaba atarateshejwe agaciro nk'uko urubanza RC 0180/08/TGI/GSBO rwabisobanuye.

[10] Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwasobanuye ko ibyo Uwamwezi Joséphine avuga by'uko igabana ry'umutungo ryashingiye ku masezerano yo ku wa 06/07/2007 adakurikije amategeko nta shingiro byahabwa, kuko ntacyo ashingiraho abivuga, rusanga iby'uko ayo masezerano adakuraho ay'ivangamutungo nta shingiro byahabwa kuko ari amasezerano yabaye hagati y'ababuranyi, akaba atarateshejwe agaciro nk'uko n'abahagarariye uregwa babisobanuye.

[11] Uwamwezi Joséphine ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ashidikiriza ikirego cye Urwego rw'Umuvunyi, avuga ko yagiriwe akarengane mu rubanza rumaze kuvugwa RCA0127/12/TGI/GSBO. Yasobanuriye urwo Rwego ko akarengane ke gashingiye ku kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaraciye urubanza rukamutanya n'umugabo we, ariko

rukaba rutarabagabanyije neza umutungo w'abashakanye mu buryo bw'ivangamutungo rusange, ko ibyo binyuranije n'ibiteganywa n'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

[12] Urwego rw'Umuvunyi rumaze gusesengura ikirego rwashyikirijwe, rwasanze mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO ruvuzwe haruguru harimo akarengane, kuko Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine basezeranye mu buryo bw'ivangamutungo rusange, igihe cyo gutanga ubutane, Urukiko rukaba rutarabagabanyije imitungo n'imyenda byabo nk'uko biteganywa n'ingingo ya 24 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru, kandi hatarigeze habaho guhindura uburyo bw'imicungire y'umutungo wabo, ruvuga kandi ko Urukiko rwaciye urubanza rushingiye kuri *contrat de partage* kandi idasimbura amasezerano y'ivangamutungo rusange ababuranyi basezeranye, rusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, na we yemeza ko urwo rubanza rwongera rukaburanishwa kugirango hasuzumwe akarengane karubayemo.

[13] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame, ku wa 26/09/2017, Uwamwezi Joséphine ahagarariwe na Me Ndagijimana Emmanuel, naho Ranghella Giuseppe ahagarariwe na Me Nkurunziza François Xavier, uyu atanga inzitizi yo kutakira ikirego kubera ko hari urubanza RC0180/08/TGI/GSBO rwabaye Itegeko rwagumishijeho amasezerano yo ku wa 06/07/2007 y'igabana ry'umutungo yakozwe hagati ya Uwamwezi Joséphine na Ranghella (*contrat de partage*), avuga ko mu igabana ry'umutungo w'abashakanye nta tegeko

ryirengagijwe, ko rero Uwamwezi Joséphine uregera akarengane nta nyungu afite mu rubanza.

[14] Urukiko rwafashe icyemezo kuri iyo nzitizi rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 78 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, agace ka 4, rutegeka ko iburanisha rikomeza, inzitizi ikazasuzumirwa hamwe n'urubanza mu mizi.

[15] Urukiko rwakomeje iburanisha ry'urubanza, ariko bigeze hagati, rusanga hari ibimenyetso bindi ndetse n'ibisobanuro bikenewe mbere y'uko rusaza iburanisha, rusaba Me Ndagijimana Emmanuel kuzashaka imibare igaragaza ko hari amafaranga yasigaye ku mazu yagurishijwe hishyurwa ideni Uwamwezi Joséphine afitiye Banque Rwandaise de développement (BRD), no kuzerekana *comptes* bwite za Uwamwezi Joséphine n'iza Sosiyete La Comète, kuva igihe urubanza rwatangiraga kugeza ubu, naho Me Nkurinziza François Xavier asabwa kuzagaragaza uburyo ikibanza numero 99 cyageze kuri Sosiyete ya Ranghella Giuseppe yitwa SOGIS n'amafaranga cyagurishijwe; kuzagaragaza ibyangombwa by'inzu ziba mu Bubiligi n'i Roma hamwe na *expertises* yazo no kuzerekana uko *comptes* za Ranghella Giuseppe ku giti cye n'iza Sosiyete SOGIS zihagaze mu gihe nibura cy'inyaka ibiri kuva igihe urubanza rwavuzwe rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane rwacibwaga. Urukiko rwasabye kandi abaturanyi b'impane zombi gushyira muri dosiye imanza bagiye bavuga no kuzatanga ibindi bimenyetso babona ari ngombwa ko byafasha Urukiko.

[16] Ibi byose byatumye Urukiko rufata icyemezo cyo kwimurira iburanisha ry'urubanza tariki ya 05/12/2017, ryongera

kwimurirwa ku wa 06/02/2018, uwo munsu ugeze ababuranyi bose baritabye, bahagarariwe nka mbere, urubanza ruraburanishwa, rurapfundikirwa, isomwa ryarwo rishyirwa ku wa 16/03/2018.

[17] Nyuma y'uko rwiherereye kugira ngo rufate icyemezo, Urukiko rwasanze hari ibigikenewe gusobanuka ku mitungo yimukanwa n'itimukanwa ababuranyi batunze, rusaba ababuranyi ibikurikira:

1. Rangelia Giuseppe agomba kugeza ku Rukiko, mu nyandiko, amateka y'inzu ya SOGIS Ltd iri i mu kibanza numero 2603 ku Kamonyi, ivuye mu igurishwa ry'ikibanza numero 99/Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778/Nyarugenge, kandi akageza ku Rukiko inyandiko zose z'icyo kibanza kuva akikibona, n'izerekeye *mutations* zagiye zigikorwaho;

2. Rangelia Giuseppe agomba kugeza ku Rukiko agaciro mu mafaranga k'imigabane afite muri SOGIS Ltd, umutungo wimukanwa n'utimukanwa wa SOGIS Ltd n'agaciro kawo mu mafaranga;

3. Rangelia Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugeza ku Rukiko, buri wese ku giti cye, agaciro mu mafaranga k'imigabane bafite cyangwa bari bafite muri *La Comète*, umutungo wimukanwa n'utimukanwa wa *La Comète* n'agaciro kawo mu mafaranga, bakanagaragaza konti zayo mu mabanki n'amafaranga ariho;

4. Uwamwezi Joséphine agomba kugeza ku Rukiko urubanza avuga ko yatsindiwe n'uwitwa Kayitesi Monique amafaranga 120.000.000Frw n'ibisobanuro ku isano urwo rubanza rufitanye n'uru rubanza;

5. Uwamwezi Joséphine agomba kugeza ku Rukiko ingano y'amadeni avuga ko agaragazwa n'ianza yatsindiwe mu Rukiko rw'Ikirenga, n'isano afitanye n'uru rubanza;

6. Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugeza ku Rukiko ingano y'amafaranga bafite mu mabanki yo mu Rwanda n'ayo hanze y'u Rwanda, bakanagaragaza numero za konti bafite n'amabanki izo konti zirimo;

7. Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugeza ku Rukiko, buri wese ku giti cye, ibijyanye na Gestion Concession Carlo Mo (Giti cy'inanyi) ivugwa muri uru rubanza.

[18] Tariki ya 09/04/2018 Me Nkurunziza François Xavier uhagarariye Ranghella Giuseppe yatanze inyandiko zikubiyemo ibisobanuro byasabwe ku mitungo, naho tariki ya 12/04/2018, Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine nawe atanga ibisobanuro kuri icyo mitungo, agira n'icyo avuga ku bisobanuro byatanze na Me Nkurunziza François Xavier uhagarariye Ranghella Giuseppe.

[19] Iburanisha ryongeye gusubukurwa tariki ya 17/04/2018 nk'uko byari byategetswe mu rubanza rubanziriza urundi rwo ku wa 16/03/2018, uwo munsu Me Ndagijimana Emmanuel na Uwamwezi Josephine ahagarariye bitaba Urukiko, Me Nkurunziza François Xavier uhagarariye Ranghella Giuseppe nawe aritaba, urubanza ruraburanishwa rurapfundikirwa, isomwa ryarwo rishyirwa tariki ya 01/06/2018.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO.

Kumenya niba inzitizi yatanzwe na Ranghella Giuseppe yo kutakira ikirego cya Uwamwezi Joséphine gisaba gusubirishamo urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO ku mpamvu z'akarengane ifite ishingiro.

[20] Uburanira Ranghella Giuseppe, avuga ko ikirego cy'akarengane cyatanzwe na Uwamwezi Joséphine kidakwiye kwakirwa, kubera ko atagaragaza aho Urukiko rwaciye urubanza RCA 0127/12/TGI/GSBO asabira gusubirwamo rwanyuranyije n'Itegeko. Asobanura ko ikibazo cy'igabana ry'umutungo kitagombaga kugarurwa mu manza, kuko cyasuzumwe mu manza RCA0180/08/TGI/GSBO, RC0422/10/TB/KCY, na RCA 0127/12/TGI/GSBO, zikaba zaragumishijeho amasezerano yo ku wa 06/07/2007 yo kugabana umutungo (*contrat de partage*), akaba asanga ibyo Uwamwezi Joséphine adakwiye kubyita akarengane yagiriwe kuko urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ari rwo rwemeje bwa nyuma iyo *contrat de partage*, rukaba rwarabaye ndakuka, kuko nta rundi rubanza rwigeze rurukuraho.

[21] Uburanira Ranghella Giuseppe avuga ko ibyo Uwamwezi Joséphine avuga by'uko atemera iriya *contrat de partage* ngo kuko yayishyizeho umukono atazi ibiyikubiyemo kubera ko atumva igifaransa bidakwiye guhabwa agaciro, kuko atagaragaza aho ayo masezerano yamurenganyije cyangwa ngo agaragaze aho anyuranyije n'amategeko, byongeye kandi ayo masezerano akaba ateganya mu ngingo yayo ya 5 ko impaka zose zakemurwa binyuze muri *arbitrage*, iyi *arbitrage* ikaba itarigeze ibaho ngo ibe yaratesheje agaciro ayo masezerano.

[22] Uburanira Ranghella Giuseppe avuga ko yemera ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo, ko ariko asanga nta mategeko yirengagijwe, kuko, nk'uko amaze kubivuga haruguru, hari Inkiko zakemuye ku buryo ndakuka ikibazo cy'umutungo Ranguella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine baburana, akaba asanga nta karengane kabaye mu rubanza rusabirwa gusubirwamo, mu gihe kuri icyo kibazo cy'igabana, hari icyemezo cyafashwe cyabaye Itegeko.

[23] Uburanira Uwamwezi Joséphine mu kwiregura ku nzitizi, avuga ko urubanza rwaciwe bwa nyuma, rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ari RCA0127/12/TGI/GSBO, ari na rwo rwahaye Ranguella Giuseppe n'umugore we Uwamwezi Joséphine ubutane bwa burundu, rukavuga ko ikibazo cy'igabana ry'imitungo cyacyemuwe mu rubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwabaye Itegeko nk'uko uburanira Ranghella Giuseppe abivuga, kuko rwemeje ko amasezerano (*contrat de partage*) yo ku wa 07/06/2007 agumaho, ariko ibi bikaba ari byo byatumye Uwamwezi Joséphine arengana, ako karengane kakaba karabonywe n'Urwego rw'Umuvunyi kuko urwo rubanza rutagabanyije ku buryo bungana abashakanye imitungo yabo yimukanwa n'itimukanwa ndetse n'amadeni bafite kandi barashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange, ibyo bikaba binyuranije n'ingingo ya 24 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzwa Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura hamwe n'ingingo ya 3 y'iryo Tegeko, iteganya ko ivangamutungo rusange ari amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo wose, ibyimukanwa n'ibitimukanwa kimwe n'imyenda yabo yose, ndetse n'ingingo ya 4 y'iryo Tegeko iteganya ko iyo

abashyingiranywe bahinduye uburyo bw'ivangamutungo rusange, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 19 y'Itegeko rimaze kuvugwa, bakagabana umutungo rusange n'imyenda ku buryo bungana.

[24] Uburanira Uwamwezi Joséphine asoya avuga ko nta mpamvu ikirego cy'akarengane cya Uwamwezi Joséphine kitakwagirwa kigasuzumwa, mu gihe ako karengane kabonywe n'Urwego rw'Umuvunyi, ko rero inzitizi itangwa n'uburanira Ranghella Giuseppe, nta shingiro ifite, mu gihe avuga ko hari urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwabaye Itegeko, nyamara urwo rubanza rukaba ntacyo rwigeze ruvuga ku butane, ndetse rukaba rwaremeje ko imicungire y'umutungo w'abashakanye ikomeza kuba iy'ivangamutungo rusange.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[25] Ingingo ya 33, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ibikurikira: [...] Urukiko rw'Ikirenga rushobora kandi gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe burundu n'urwo Rukiko cyangwa n'izindi nkiko, hakurikijwe ibiteganywa n'iri Tegeko Ngenga.

[26] Ingingo ya 78, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL rimaze kuvugwa, iteganya ko: Urukiko rw'Ikirenga ni rwo ruburanisha ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma byemejwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

[27] Ingingo ya 79, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL rimaze kuvugwa iteganya ko: Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze uburyo

urubanza rwaciwe birimo akarengane, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rwakongera kuburanishwa. Rumushyikiriza raporo ikubiyemo imiterere y'icyo kibazo n'ibimenyetso bigaragaza ako karengane. Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ntigikorwa ibanzirizasuzuma.

[28] Ingingo ya 80 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL rimaze kuvugwa ko "iyi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko akemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, yohereza dosiye Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ayandike mu bitabo byabugenewe, akanagena kandi n'itariki y'iburanisha n'inteko y'abacamanza bazaruburanisha. Agena kandi muri abo bacamanza uzakora raporo.

[29] Ingingo ya 81 y'iryo Tegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 iteganya mu gika cya kabiri cyayo ko: umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanze n'izidasanze ariko ntabwo mu gihe giteganyijwe n'amategeko ntiyemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo zivugwa muri iki cyiciro.

[30] Ku bijyanye n'impamvu ituma ikirego kitakirwa, ingingo ya 77, igika cya 4, y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012, ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruza, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko: Impamvu ituma ikirego kitakirwa ni ingingo yose isaba kutakira ikirego cy'umuburanyi, hatinjiwe mu mizi yacyo, kubera ko adafite uburenganzira bwo kurega, nko kuba adafite ububasha n'inyungu zo kurega, ubusaze bw'ikirego, kurenza igihe cyo kurega, urubanza rwabaye Itegeko cyangwa kudatanga amagarama.

[31] Ku bijyanye n'urubanza rwabaye Itegeko, ingingo ya 11 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 rimaze kuvugwa, igaragaza ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rudashobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe, iyo inzira yo kurusubirishamo ku mpamvu z'akarengane yarangiye, aho igira iti: Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, n'inzira yo kurusubirishamo ku mpamvu z'akarengane yararangiye, ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe.

[32] Nk'uko byavuzwe haruguru, dosiye y'uru rubanza igaragaza ko nyuma y'uko mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 27/01/2014, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwemeje ko Uwamwezi Joséphine atandukanye n'umugabo we Ranguella Giuseppe, kandi ko ku bijyanye n'umutungo, hakurikizwa *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 kuko ari amasezerano ababuranyi bakoranye kandi *contrat de partage* ikaba itarigeze iteshwa agaciro, nk'uko urubanza RC0180/08/TGI/GSBO rwabisobanuye, Uwamwezi Joséphine yashyikirije ikirego cye Urwego rw'Umuvunyi, avuga ko yagiriwe akarengane mu rubanza rumaze kuvugwa RCA0127/12/TGI/GSBO, kuko rutamugabanyije n'umugabo we imitungo bafitanye ku buryo bungana, Urwego rw'Umuvunyi ruza gusanga mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciwe harimo koko akarengane, rusaba Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ko urwo rubanza rwasubirwamo, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na we yemeza ko urwo rubanza rwongera rukaburanishwa kugirango hasuzumwe akarengane karubayemo.

[33] N'ubwo bigaragara koko, ko urubanza RC0180/08/TGI/GSBO rwaciwe tariki ya 07/08/2009 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaciwe ku rwego rwa nyuma, kuko yaba Uwamwezi Joséphine, yaba Ranguella Giuseppe ntawigeze yiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe cyangwa zidasanzwe, kugirango urwo rubanza ruhinduke nk'uko bivugwa mu ngingo ya 81, igika cya kabiri, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko rurasanga, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 78, iya 79, iya 80, n'iya 81, z'iryo Tegeko Ngenga zibukijwe haruguru, urubanza Urwego rw'Umuvunyi rwasanzemo akarengane, ari RCA0127/12/TGI/GSBO, bityo kuba hari urubanza N° RC0180/08/TGI/GSBO rwaciwe tariki ya 07/08/2009 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uburanira Ranguella Giuseppe avuga rwabaye itegeko kuko rutajuririwe, bitaba impamvu yo kutakira ikirego kirebana n'urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO, ahubwo bigomba gusuzumwa nk'ingingo yo kwiregura (*moyen de défense*) ya Ranguella Giuseppe ku bijyanye n'akarengane Uwamwezi Joséphine avuga yagiriwe.

[34] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga inzitizi yatanzwe na Ranguella Giuseppe yo kutakira ikirego cya Uwamwezi Joséphine gisaba gusubirishamo urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO ku mpamvu z'akarengane nta shingiro ifite.

Kumenya niba Ranguella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bakwiye kugabana umutungo wabo mu buryo bungana, hatitawe kuri "*contrat de partage*".

[35] Uburanira Uwamwezi Joséphine avuga ko akarengane uyu yagiriwe mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO

rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ari uko Urukiko rwahaye Ranguella Giuseppe n'umugore we Uwamwezi Joséphine ubutane bwa burundu, ariko rukavuga ko ikibazo cy'igabana ry'imitungo cyacyemuwe mu rubanza N° RCA 0180/08/TGI/GSBO rwabaye itegeko, rukemeza ko amasezerano (*contrat de partage*) yo ku wa 07/06/2007 agumaho, aho kubagabanya ku buryo bungana imitungo yabo yimukanwa n'itimukanwa ndetse n'amadeni bafite kandi barashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange, ibyo bikaba binyuranije n'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzwa Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

[36] Uburanira Uwamwezi Joséphine akomeza avuga ko ibyo umucamanza yavuze mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane by'uko hari urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwabaye itegeko ku bijyanye no kugabana imitungo, atari ukuri kuko urwo rubanza atari rwo rwatanze ubutane, byongeye kandi rukaba rwaravuze ko imicungire y'umutungo w'abashakanye ikomeza kuba iy'ivangamutungo rusange².

²Byavuzwe mu gika cya 33 cy' urubanza RCA 0180/08/TGI/GSBO, aho kigira giti : « Ingingo ya 24 y'itegeko N° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 [...] rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura iteganya ko ivangamutungo rusange cyangwa w'umuhahano rirangira ari uko habaye ugutana burundu, kutabana by'agateganyo, guhindura uburyo bw'icungamutungo, bityo igihe cyose Uwamwezi na Langhela batarajya imbere umwanditsi w'irangamimerere ngo bahinduze ubunyo bwo gucunga umutungo wabo, n'ubwo basinyanye kontaro igaragaza ubunyo bagabanye umutungo wabo, ivangamutungo basezeranye riracyaniho

[37] Mu kwiregura, uburanira Ranghella Giuseppe, avuga ko urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO Uwamwezi Joséphine avuga ko rwamurenganiye ntaho rwanyuranyije n'itegeko rwemeza ko ibyo kugabana imitungo hagati y'abashakanye byakemuwe mu rubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwabaye itegeko, akaba asanga icyo kibazo cy'igabana ry'umutungo kitari gikwiye kugarurwa mu manza, kuko cyasuzumwe mu manza zose zabanjirije urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO, urwa nyuma, ari rwo RCA0180/08/TGI/GSBO, akaba ari rwo rwagumishijeho amasezerano yo ku wa 06/07/2007 yo kugabana umutungo (*contrat de partage*), akaba asanga rero ibyo Uwamwezi Joséphine aburanisha by'uko yagiriwe akarengane mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO nta shingiro bifite, mu gihe nta rundi rubanza rwigeze rukuraho urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO.

[38] Uburanira Ranghella Giuseppe akomeza avuga ko ibyo Uwamwezi Joséphine avuga by'uko atemera *contrat de partage*, ngo kuko yayishyizeho umukono atazi ibiyikubiyemo kubera ko atumva igifaransa, bidakwiye guhabwa agaciro, kuko atagaragaza aho ayo masezerano yamurenganyije cyangwa ngo agaragaze aho anyuranyije n'amategeko, byongeye kandi ayo masezerano akaba ateganya mu ngingo yayo ya 5 ko impaka zose zakemurwa binyuze muri "arbitrage", iyi "arbitrage" ikaba itarigeze ibaho ngo ibe yaratesheje agaciro ayo masezerano.

[39] Uburanira Ranghella Giuseppe asoya avuga ko yemera ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo, ko ariko asanga nta mategeko yirengagijwe, kuko, nk'uko yabivuze haruguru, hari Inkiko zakemuye ku buryo ndakuka ikibazo cy'umutungo Ranguella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine baburana.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[40] Ingingo ya 19 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura iteganya ko: Bisabwe n'abashyingiranywe cyangwa umwe muri bo igihe bakibana, imicungire y'umutungo wabo ishobora guhindurwa. Ubishaka agomba kugaragaza ko ihinduka rifitiye inyungu urugo cyangwa hari ikintu cyahindutse cyane mu mibereho yabo cyangwa y'umwe muri bo. Ikirego gitangwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa kigashyikirizwa Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'aho abashyingiranywe baba. Iyo iryo saba ritemewe mu cyemezo ntakuka, ikirego gishobora kwongera gutangwa nyuma y'imyaka ibiri gishingiye ku ngingo nshya.

[41] Ingingo ya 24 y'Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 rimaze kuvugwa ivuga ko: Ivangamutungo rusange cyangwa w'umuhahano rirangira ari uko habaye ugutana burundu kw'abashyingiranywe, kutabana by'agateganyo, uguhindura uburyo bw'icungamutungo. Iyo ivangamutungo rirangiye abashyingiranywe bagabana ku buryo bungana umutungo n'imyenda bahuriyeho.

[42] Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko mbere y'uko Ranguella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bahabwa ubutane bwatanzwe mu rubanza RC0422/10/TN/KCY rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru ku wa 13/02/2012, ubwo butane bukaza kwemezwa n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, mu rubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciwe ku wa 27/01/2014, bari baragiranye amasezerano yiswe “contrat de

partage” yo ku wa 07/06/2007 yanditse mu gifaransa, akubiyemo ibikurikira:

Article 1: Les soussignés se conviennent d’une façon de partager les biens en commun de la manière suivante:

a. Les biens suivants reviennent à Mme Uwamwezi Joséphine:

Maison d’habitation parcelle n° 736 Kacyiru;

1. Immeuble ex Eden Garden parcelle n° 533 à Nyarugenge;

2. Parcelle (marché) n° 2270 à Nyarugenge;

3. Société la COMETE S.A.R.L;

4. Gestion Concession Carlo Mo (Giti cy’inyoni) à 90%;

5. Maison de Bruxelles sise 22, Rue de la Sympathie (Anderlecht) à 50%;

b. Les biens suivants reviennent à Monsieur Ranguella Giuseppe:

7. Immeuble sis dans la parcelle n° 99 à Nyarugenge;

8. La Société SOGIS S.A.R.L;

9. Gestion Concession Carlo Mo (Giti cy’inyoni) à 10%;

10. Maison de Bruxelles sise 22, Rue de la Sympathie (Anderlecht) à 50%;

Article 2:

Concernant le crédit de la BRD sur Mme Uwamwezi Joséphine, la partie Ranguella Giuseppe accepte de payer les intérêts encourus jusqu'à concurrence de 30.000.000 Frw par chèque de Fina Bank dont le présent contrat constitue bonne et valable quittance.

Article 3:

Mme Uwamwezi Joséphine reconnaît par la présente convention de partage qu'elle reste seule responsable des engagements pris à la BRD en relation avec l'immeuble sis dans la parcelle n° 533, étant donné qu'elle est unique propriétaire.

Article 4:

Les parties s'engagent d'informer la BRD du retrait de la caution solidaire de Monsieur Ranguella Giuseppe sur le crédit octroyé à Mme Uwamwezi Joséphine, étant donné qu'elle était donnée en sa qualité de co-propriétaire des biens donnés en garantie avant la convention.

En cas de refus du retrait de cette caution par la Banque, les parties trouveront une solution d'apurement de ce crédit par la réalisation des biens donnés en garantie.

Article 5:

En cas de litige ».

[43] Dosiye y'uru rubanza igaragaza kandi ko ayo masezerano yiswe “contrat de partage” yo ku wa 07/06/2007 yemejwe n'imanza zavuzwe haruguru (RC 0422/10/TN/KCY na RC0127/12/TGI/GSBO) ko ari yo agomba gukurikizwa hagati ya

Ranguella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine ku bijyanye no kugabana imitungo basangiye ngo kuko ari amasezerano ababuranyi bakoranye kandi *contrat de partage* ikaba itarigeze iteshwa agaciro nk’uko urubanza RC0180/08/TGI/GSBO rwabisobanuye.

[44] Isuzumwa ry’urubanza RC0180/08/TGI/GSBO rumaze kuvugwa, uhagarariye Ranghela yita ko rufite agaciro k’itegeko ku kibazo cya “*contrat de partage*” yo ku wa 07/06/2007, rigaragaza ko n’ubwo Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwemeje, mu gika 37, ko *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 ihamyeho, ariko mu gika cya 33 cy’urwo rubanza (RCA0180/08/TGI/GSBO), rwasobanuye ko igihe cyose Uwamwezi Joséphine na Ranghela batarajya imbere y’umwanditsi w’irangamimerere ngo bahinduze uburyo bwo gucunga umutungo wabo, n’ubwo basinyanye kontaro igaragaza uburyo bagabanye umutungo wabo, ivangamutungo basezeranye riracyariho, ibyo kandi rubivuga rushingiye ku ngingo ya 24 y’Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 [...] rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashakanye, impano n’izungura iteganya ko ivangamutungo rusange cyangwa w’umuhahano rirangira ari uko habaye ugutana burundu, kutabana by’agateganyo, guhindura uburyo bw’icungamutungo, ibi bikumvikanisha ko n’urwo Rukiko rwari rwemeye ko iyo ngingo ari yo igomba gukurikizwa, mu gihe abashakanye mu buryo bw’ivangamutungo batanye burundu, bikumvikanisha rero ko icyemezo rwafashe cy’uko *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 ihamyeho, kinyuranije n’imyumvire rwari rumaze kugaragaza, kandi ihura n’ingingo ya 24 y’Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 rwashingiyeho.

[45] Urukiko rurasanga rero kuba mu rubanza N° RCA0127/12/TGI/GSBO Uwamwezi Joséphine asubirishamo ku mpamvu z'akarengane, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaravuze ko ikibazo cya *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 cyakemuwe ku buryo budasubirwaho mu rubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwabaye Itegeko, nk'uko na Me Nkurunziza François Xavier uburanira Ranghella Giussepe abyuririraho, atari ukuri, kubera ko nk'uko byari bimaze gusobanurwa, Urukiko rwerekanye mu gika 33 cy'urwo rubanza RCA 0180/08/TGI/GSBO, ko ivangamutungo rigikomeje ku bashakanye batari bahabwa ubutane burundu, bikumvikanisha rero ko hakurikijwe ingingo ya 24 y'Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 yibukijwe haruguru, iyo ivangamutungo rirangiye kubera ubutane bahawe, icyo gihe ari ho abashyingiranywe bagomba kugabana ku buryo bungana umutungo n'imyenda bahuriyeho, bityo ibyo kugabana byabaye mbere nk'uko bikubiye muri “*contrat de partage*” yo ku wa 07/06/2007, bikaba nta gaciro bigomba guhabwa kuko binyuranije n'amategeko, cyane cyane ko iyo *contrat de partage* itakozwe mu rwego rwo guhindura ivangamutungo rusange, Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giussepe bari basanganywe, kuko ibyo bikorwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 19 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 yavuzwe haruguru.

[46] Hakurikijwe ingingo z'amategeko n'ibisobanuro bimaze gutangwa, kuba urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaranze kugabanya Ranghella Giussepe na Uwamwezi Joséphine ku buryo bungana umutungo n'imyenda bahuriyeho, ahubwo rukemeza ko *contrat de partage* yo ku wa 07/06/2007 ihamyeho, Urukiko rurasanga urwo rubanza rwararenganije ku buryo bugaragarira buri wese Uwamwezi Joséphine wabitangiye ikirego, kuko ikibazo cya

“contrat de partage” kitigeze kiba itegeko (*autorité de la chose jugée*) nk’uko byasobanuwe haruguru.

[47] Urukiko rurasanga rero mu rwego rwo kuvanaho akarengane kari mu rubanza RC0127/12/TGI/GSBO, ibyemejwe muri urwo rubanza ku bijyanye n’igabana ry’imitungo y’abashakanye « ivangamutungo rusange », bigomba guhindurwa, hakemezwa ko abatandukanye barashakanye muri ubwo buryo bagabana ku buryo bungana imitungo yabo yose harimo n’imyenda (*actif et passif*), nk’uko biteganywa n’ingingo ya 24 y’Itegeko N 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 yibukijwe haruguru.

c. Ku bijyanye no kumenya imitungo Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugabana nyuma yo gutana burundu.

[48] Me Ndagijimana Emmanuel, uhagarariye Uwamwezi Joséphine, mu mwanzuro we wo gutanga ikirego, ndetse no mu ibaruwa ye yo ku wa 29/01/2018 ashyikiriza Urukiko ibimenyetso byasabwe mu iburanisha ryo ku wa 08/02/2018, hamwe n’ibisobanuro yatanze muri iryo buranisha no mu ryabaye ku wa 17/04/2018, avuga ko umutungo rusange n’imyenda Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bari basangiye nk’abashyingiranywe ivangamutungo bagomba kugabana, ugizwe n’umutungo utimukanwa, uwimukanwa n’imyenda.

[49] Ku bijyanye n’umutungo utimukanwa, Me Ndagijimana Emmanuel avuga ko ugizwe n’ibikurikira:

A. Umutungo utimukanwa

1. Inzu iri mu kibanza numero 533 Nyarugenge (ifite agaciro ka 395.000.000Frw) yagurishijwe mu cyamunara kuri 301.000.000

Frw, hishyurwa umwenda wa BRD, ikagurwa na Nduwumwami Victor;

2. Ikibanza cyubatsemo isoko mu Gakinjoro gifite n° 2270 Nyarugenge, nacyo cyagurishijwe mu cyamunara hishyurwa umwenda wa BRD;

- Me Ndagijimana Emmanuel asobanura mu ibaruwa ye yo ku wa 29/01/2018 yavuzwe haruguru, ko amazu ari muri ibyo bibanza byombi bya Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine byagurishijwe ku wa 22/11/2012 kuri 610.622.000Frw kugirango hishyurwe umwenda wa BRD, kandi ko nyuma yo kwishyura, Uwamwezi Joséphine yasubijwe 65.926.589 Frw, yemera kugabana na Ranghella Giuseppe, buri wese agatwara icya kabiri cyayo kingana na 33.790.794Frw.

3. Inzu iri mu kibanza n° 99 Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778 Nyarugenge, ikaza kugurishwa, amafaranga avuyemo akagurwa indi nzu ku Kamonyi, mu kibanza gifite n° 2603;

- Me Ndagijimana Emmanuel asobanura mu ibaruwa ye yo ku wa 29/01/2018 yavuzwe haruguru, ko iyo nzu ifite agaciro ka 571.262.000Frw hakurikijwe igenagaciro bashyikirije Urukiko, ariko ko iyo nzu yari yanditse kuri Ranghella Giuseppe, uyu yaje kuyihindurira muri Sosiyete SOGIS Ltd, nyuma ayigurisha Rugenera Marc mu mwaka wa 2014, amafaranga avuyemo Ranghella Giuseppe ayaguramo indi nzu ku Kamonyi, mu kibanza gifite n° 2603, nayo akomeza kuyandika kuri Sosiyete SOGIS Ltd, ihagarariwe na Ranghella Giuseppe n'umukobwa we, Ranghella Giuseppe akaba afitemo imigabane ya 99, 03%, umukobwa we akagira 0,07%, akaba asanga kandi amasezerano y'ubugure bw'inzu n° 778 Nyarugenge Ranghella Giuseppe agaragaza ko yayigurishije Rugenera Marc kuri 120.000.000 frw,

atari ukuri, kuko bidahuye n’agaciro kayo kavuzwe ka 571.262.000Frw hakurikijwe igenagaciro bashyikirije Urukiko .

- Me Ndagijimana Emmanuel asaba ko iyo nzu yanditse kuri Sosiyete SOGIS Ltd mu buryo butemewe, ngo kuko byakozwe hakurikijwe ya “contrat de partage” itemewe n’amategeko, yagurishwa bakagabana amafaranga azayivamo hakurikijwe imigabane ya 99,03%, Ranghella Giussepe afite muri iyo Sosiyete. Yongeraho ariko ko ubugure bwa Rugenera Marc batabwemera, ari yo mpamvu hari urubanza rukiburanwa mu Rukiko.

4. Inzu yari ku Kacyiru yashenywe n’umuhanda mu kibanza n° 736;

- Me Ndagijimana Emmanuel asobanura ko Uwamwezi Joséphine yahawe kuri iyo nzu 161.273.432Frw, akaba yemera kuyagabana na Ranghella Giussepe, buri wese agatwara icya kabiri cyayo kingana na 80.636.716Frw.

5. Amazu agizwe na “dépôts” 3 akomoka kuri *Gestion Concession Carlo Mo* (Giti cy’inyoni) ;

- Me Ndagijimana Emmanuel asobanura ko n’ubwo mu nyandiko yashyikirije Urukiko, yavugaga ko ayo mazu ari aya Uwamwezi Joséphine, asanga adakwiye kujya mu mitungo itimukanwa igomba kugabanwa, kuko ayo mazu ari ay’undi muntu (Carlo Mo), akaba yisigura ku kuba harabaye kwibeshya mu byanditse mu nyandiko imaze kuvugwa.

- Inzu iri Bruxelles mu gihugu cy’Ububiligi kuri Rue de la Sympothesie, n°22, Anderlecht;

6. Inzu iri i Roma mu gihugu cy’Ubutaliyani Via Casali du Vallera n°18 Roma.

[50] Kuri iki kibazo cy'umutungo utimukanwa, uburanira Ranghella Giuseppe avuga mu mwanzuro we wo kwiregura, ko nta mutungo utimukanwa wa Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe ukiraho, bitewe n'uko inzu yari ku Kacyiru yashenywe n'umuhanda mu kibanza n° 736, Uwamwezi Joséphine agahabwa amafaranga ya “expropriation”, amazu ari mu kibanza n° 533 na n° 2270 agatezwa cyamunara kugirango hishyurwe umwenda wa BRD, Concession Carlo Mo” akaba atari umutungo wa Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe, ahubwo bawucunga, inzu iri i mu kibanza n° 2603 ku Kamonyi, (ivuye mu igurishwa ry'ikibanza n° 99 Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778 Nyarugenge) ikaba ari iya Sosiyete SOGIS Ltd.

[51] Uburanira Ranghella Giuseppe avuga ko inzu iri Bruxelles impande zombi zumvikanye kuyigabana kuri 50%, naho inzu y'i Roma ikaba itagabanywa kubera ko hatarabaho izungura, akaba asanga rero igihe ikibazo cy'izungura kikiri aho, kuyigabana haba harimo imbogamizi.

B. Umutungo wimukanwa

[52] Ku bijyanye n'umutungo wimukanwa, Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine avuga ko ugizwe n'ibikurikira:

1. Amafaranga yari kuri konti za Banki ya Kigali n'i Burayi, ariko Uwamwezi Joséphine akaba adashobora kuyamenya kuko ari kuri konti y'umugabo we, ko Urukiko rwasaba *situation bancaire* yazo, by'umwihariko izo muri I&M Bank.
2. Amafaranga 65.926.589Frw yasigaye ku mazu yagurishijwe bishyura imyenda, nk'uko yavuzwe haruguru, Uwamwezi Joséphine yemera kugabana na Ranghella Giuseppe;

3. Amafaranga yavuye ku nzu iri mu kibanza n° 736 cya Kacyiru Uwamwezi Joséphine yahawe angana na 161.273.432Frw, na yo yemera kuyagabana na Ranghella Giuseppe, buri wese agatwara icya kabiri cyayo kingana na 80.636.716Frw.

4. Imodoka Sosiyete SOGIS Ltd yari itunze, ikaba itakigaragara.

[53] Mu iburanisha ryo ku wa 17/04/2018, Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine yongeraho ko uyu yamuhaye "extrait bancaire " ya Banki ya Kigali igaragaza ko ku wa 29/01/2018, Uwamwezi Joséphine yari afite kuri konti 182.000.000Frw akubiyemo ayo yasubijwe n'ayavuye muri *expropriation*. Naho Uwamwezi Joséphine avuga ko nyuma y'uko hari amafaranga yakoresheje avuye kuri konti ye, asigaranye 253.000.000Frw.

[54] Ku bijyanye na Sosiyete *La Comete*, Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine avuga ko iyo Sosiyete yahombye itakibaho, Uwamwezi Joséphine akaba yarakorewe *constat de stock mort*, ko n'inzu yakoreragamo yatejwe cyamunara nk'uko bigaragazwa n'inyandiko mvugo y'iyi cyamunara yashyikirije Urukiko, amafaranga 14.000.000Frw iyo Sosiyete yari ifite kuri konti, Rwanda Revenue Authority ikaba yarayatawaye.

[55] Kuri iki kibazo cy'umutungo wimukanwa, uburanira Ranghella Giuseppe avuga mu mwanzuro we wo kwiregura, ko amafaranga yari mu mabanki y'i Kigali ni Burayi, adashobora kuyamenya kuko Ranghella arwariye mu gihugu cy'Ubutaliyani, Uwamwezi Joséphine uyavuga akaba ari we ugomba kuyatangira ibimenyetso kuko we adafite uburyo yagera kuri konti za Ranghella Giuseppe.

[56] Uburanira Ranghella Giuseppe akomeza avuga ko imigabane ya Ranghella Giuseppe muri Sosiyete SOGIS ari yo Ranguella Giuseppe yagabana na Uwamwezi Joséphine, kuko Sosiyete ubwayo idashobora kugabanywa, ibyo bikaba ari kimwe n'imigabane iri muri Sosiyete La Comete, kuko iyo Sosiyete nayo idashobora kugabanywa, Uwamwezi Joséphine akaba agomba gutegekwa n'Urukiko kugaragaza imigabane afite muri Sosiyete La Comete. Mu iburanisha ryabaye ku wa 17 /04/2018, yongeyeho ko niba Urukiko rwemeje ko Uwamwezi Joséphine agabana n'umugabo we Ranghella Giuseppe, ibyo umuburanira avuga by'uko Sosiyete *La Comete* nta mutungo igira kuko yahombye atabyemera, kuko iyo biba byarabaye, iba itarashyizwe mu mitungo igaragara muri “contrat de partage”, byongeye kandi ikaba itarigeze yandukurwa mu bitabo by'ubucuruzi, ndetse no kugurisha inzu mu cyamunara na byo bikaba bidasobanuye ko Sosiyete La Comete idafite indi mitungo, mu gihe batagaragaza aho ”stock” n'ibindi bikoresheho byagiye.

[57] Avuga nanone ko atemera ko ibyo Uwamwezi Joséphine avuga by'uko afite gusa 253.000.000 Frw, kuko ayongayo ari agaragara gusa kuri konti yo muri Banki ya Kigali, nyamara ahisha amafaranga ari ku zindi konti afite.

C. Imyenda

[58] Ku bijyanye n'imyenda Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bafite bagomba kugabana, Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine avuga ko igizwe n'ibikurikira:

1. Umwenda wa BRD ungana na 363.757.476 Frw agaragara mu rubanza RCOM0161/09/HCC- RCOM0165/09/HCC;

2. Umwenda ungana na 120.000.000 Frw yatsindiwe mu rubanza n'uwitwa Kayitesi Monique;
3. N'indi myenda igaragazwa n'imanza yatsindiwe mu Rukiko rw'Ikirenga.

[59] Me Ndagijimana Emmanuel uhagarariye Uwamwezi Joséphine asobanura ko ikigaragaza ko umwenda wa 120.000.000Frw ari uw'umuryango, ari uko waguzwe imashini ababuranyi bakibana, ko rero bwari ubucuruza bari bahuriyeho bombi. Mu iburanisha ryabaye ku wa 17/04/2018, yongeraho ko n'ubwo yakomeje gusaba uwo ahagarariye kumuzanira imanza zijyanye n'iyi myenda, kugeza kuri iyi tariki atashoboye kuzimuzanira, ko ariko kopi y'urubanza ahawe ari iy'urwo mu Rukiko Rukuru rugaragaza icyo Uwamwezi Joséphine yaciriwe 120.000.000Frw.

[60] Ku kibazo cyo kumenya icyo Uwamwezi Joséphine ashaka, mu gihe asaba ko hagabanwa imitungo yari ahuriyeho n'umugabo we, nyamara avuga ko atazi agaciro k'imitungo bari bafite, Me Ndagijimana Emmanuel umuhagarariye avuga ko bavuze ko hari imitungo ifitwe n'umugabo adafitiye uburenganzira bwo kumenya, ko ariko Urukiko rubifasheho icyemezo yabona uburyo bwo kumenya agaciro kayo, ibyo bikaba bijyanye by'umwihariko n'inzu iri i Roma hamwe n'ri mu Bubiligi bigoye kumenya agaciro kazo kuko ntawabasha kuzikorera *expertise* urubanza rutaracibwa ngo habeho *exequatur*.

[61] Kuri iki kibazo cy'imyenda, uburanira Ranghella Giuseppe avuga mu mwanzuro we wo kwiregura, ko Uwamwezi Joséphine agomba kugaragaza ikimenyetso cy'umwenda wa BRD wasigaye utishywe. Yongeraho ko urubanza rwo mu

Rukiko Rukuru rumaze kuvugwa haruguru rutaragaza icyo Uwamwezi Joséphine yaburanaga, akaba asanga nta cyo rwafasha Urukiko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[62] Ingingo ya 24 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura iteganya ko: "Ivangamutungo rusange cyangwa w'umuhahano rirangira ari uko habaye ugutana burundu kw'abashyingiranywe, kutabana by'agateganyo, uguhindura uburyo bw'icungamutungo. Iyo ivangamutungo rirangiye abashyingiranywe bagabana ku buryo bungana umutungo n'imyenda bahuriyeho".

[63] Ingingo ya 9 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ko: "Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda [...].

[64] Hakurikijwe ibisobanuro by'impane zombi, byagaragajwe haruguru, Urukiko rurasanga Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe bagomba kugabana imitungo yose basangiye, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 24 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 yibukijwe haruguru, ariko bakagabana iyo bagaragarije Urukiko ibimenyetso byayo nk'uko biteganywa n'ingingo ya 9 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu nayo yibukijwe haruguru.

[65] Hashingiwe rero ku byasobanuwe haruguru, ikigaragarira Urukiko ni uko ku bijyanye n'imitungo itimukanwa, impande zombi zigaragaza ko nta mutungo utimukanwa ukibaho mu Rwanda kuko inzu yari ku Kacyiru mu kibanza n° 736 yashenywe n'umuhanda, Uwamwezi Joséphine agahabwa amafaranga ya *expropriation*, amazu ari mu bibanza n° 533 na n° 2270 agatezwa cyamunara kugirango hishyurwe umwenda wa BRD, *concession Mo Carlo* akaba koko atari umutungo wa Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe nk'uko impande zombi zibyemeranyaho.

[66] Ikindi kigaragarira Urukiko, ni uko inzu iriho, kandi yahoze mu mutungo w'abashakanye nk'uko impande zombi zibyemeranyaho, ari iyubatse mu kibanza N° 2603 ku Kamonyi, ikaba yaravuye mu igurishwa ry'ikibanza n° 99 Nyarugenge Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe bari basangiye nk'abashakanye, ndetse nk'uko uburanira Uwamwezi Joséphine yabyibukije haruguru, hakaba hari urubanza rukiburanwa mu Nkiko rujyanye n'ubugure bw'iyi nzu iri mu kibanza n° 99 Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778 Nyarugenge.

[67] Urukiko rusanga ubwo hari urubanza rukiburanwa mu Nkiko rujyanye n'ubugure bw'inzu imaze kuvugwa, Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kuzagabana ku buryo bungana, agaciro mu mafaranga kazava muri urwo rubanza rujyanye n'iyi nzu, Uwamwezi Joséphine aramutse arutsinze.

[68] Ku bijyanye n'inzu iri Bruxelles mu Bubiligi, Urukiko rusanga impande zombi zirugaragariza ko n'ubundi zumvikanye kuyigabana, buri wese akagira 50% by'iyi nzu.

[69] Naho ku bijyanye n'inzu iri Roma mu Butaliyani, Urukiko rurasanga nta kimenyetso Uwamwezi Joséphine

agaragariza Urukiko ko iyo nzu ari iya Ranghella Giuseppe, mu gihe uburanira Ranghella Giuseppe avuga ko ikiri mu izungura, Uwamwezi Joséphine akaba atagaragaza ko hari umugabane wagenewe Ranghella Giuseppe kuri iyo nzu ku buryo washyirwa mu mutungo bagomba kugabana.

[70] Ku bijyanye n'imitungo yimukanwa, Urukiko rusanga impande zombi zirugaragariza ko zemera kugabana 65.926.589Frw yasigaye ku mazu yabo yari mu bibanza n° 533 na n° 2270 yatejwe cyamunara bishyura imyenda ya BRD, zikaba zinemera kugabana amafaranga yavuye muri “expropriation” y'inzu yabo iri mu kibanza n° 736 ku Kacyiru Uwamwezi Joséphine yahawe angana na 161.273.432Frw, yose hamwe akaba 227.200.021Frw, bityo rero nk'uko na Uwamwezi Joséphine wahawe ayo mafaranga yose yemera kuyagabana na Ranghella Giuseppe, buri wese akaba agomba gutwara icya kabiri cyayo kingana na 113.600.011Frw.

[71] Ku wundi mutungo wimukanwa ugizwe n'amafaranga Ranghella Giuseppe yaba afite mu mabanki yo mu Rwanda, cyangwa i Burayi nk'uko bivugwa na Uwamwezi Joséphine, Urukiko rurasanga uyu atarashoboye kurugaragariza ibimenyetso rwaheraho rubagabanya amafaranga na we ubwe atazi, mu gihe uburanira Ranghella Giuseppe avuga ko atashoboye kumenya amafaranga uwo uhagarariye afite. Ibi bikaba ari kimwe no ku modoka Sosiyete SOGIS Ltd yaba yari itunze, Uwamwezi Joséphine avuga ko itakigaragara, bikumvikanisha ko Urukiko ntaho rwahera rubagabanya ikintu kitagaragara.

[72] Ku bijyanye n'imyenda impande zombi zigomba kugabana, Urukiko rurasanga Uwamwezi Joséphine ari we uvuga « umwenda wa BRD ungana na 363.757.476 Frw » agaragara mu rubanza RCOM0161/09/HCC-RCOM0165/09/HCC, hamwe

n’umwenda ungana na 120.000.000 Frw yatsindiwe mu rubanza n’uwitwa Kayitesi Monique, ndetse ngo n’indi myenda igaragazwa n’imanza yatsindiwe mu Rukiko rw’Ikirenga.

[73] Urukiko rurasanga ariko nk’uko byavuzwe haruguru, umwenda wa BRD ungana na 363.757.476Frw » agaragara mu rubanza RCOM0161/09/HCC-RCOM0165/09/HCC, ujyanye n’ibibanza 533 na 2270 byatejwe cyamunara hishyurwa umwenda wa BRD, bikaba kandi byagaragajwe ko BRD yishyuwe, hagasigara ahubwo 65.926.589Frw impande zombi zigomba kugabana nk’uko byavuzwe haruguru, bikaba byumvikana ko ubwo ayo mazu bari bayafatanyije, agatezwa cyamunara, banafatanyije bombi kwishyura BRD umwenda uvugwa.

[74] Ku bijyanye n’umwenda wa 120.000.000 Frw Uwamwezi Joséphine avuga ko yatsindiwe mu rubanza n’uwitwa Kayitesi Monique, Urukiko rurasanga ibyo umuhagarariye avuga, by’uko hari amafaranga Kayitesi Monique yamutsindiye mu rubanza RC0070/07/TGI/NYGE-RC00754/07/TGI/NYGE nta kuri kurimo, kubera ko kopi y’urubanza RCA0040/09/HC/KIG-RC0047/09/HC/KIG rwaciwe n’Urukiko Rukuru, Uwamwezi Joséphine yerekanye mu iburanisha ryo ku wa 17/04/2018, igaragagaza ko abatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu rubanza rwavuzwe RC0070/07/TGI/NYGE-RC00754/07/TGI/NYGE, ari Nshimiyimana Callixte na Uwantege Jeannine, bakaba ari bo baregaga Kayitesi Monique basaba ko Urukiko rwategeka ko amasezerano bagiranye na Kayitesi Monique yo kugura imashini zo kumesa yakubahirizwa, muri urwo rubanza hakagobokamo undi muburanyi witwa Nyirandamira Valérie ku bushake bwe, naho Uwamwezi Joséphine agahatirwa kugobokamo, Kayitesi Monique na

Uwamwezi Joséphine bagatsindwa, bakajuririra Urukiko Rukuru.

[75] Kuba Uwamwezi Joséphine atarigeze ashaka gushyikiriza Urukiko kopi y'urwo rubanza RC0070/07/TGI/NYGE-RC00754/07/TGI/NYGE rumaze kuvugwa, kandi yarabisabwe mu iburanisha ryabaye ku wa 26/09/2017, yongera kubisabwa mu rubanza rubanziriza urundi rwasomwe tariki ya 16/03/2018, byose bigamije kumenya isano uwo mwenda ufitanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga ntaho rwahera rufata icyemezo kuri uwo mwenda.

[76] Ku bijyanye n'indi myenda Uwamwezi Joséphine avuga ko igaragazwa n'imanza yatsindiwe mu Rukiko rw'Ikirenga, Urukiko rurasanga nk'uko byari bimaze kuvugwa, atarigeze ashyikiriza Urukiko kopi y'izo manza uburanira Ranghella Giuseppe atigeze abona ngo zigibweho impaka, nyamara yari yarabisabwe mu iburanisha ryabaye ku wa 26/09/2017, ndetse no mu rubanza rubanziriza urundi rwasomwe tariki ya 16/03/2018, ngo anerekane umubare w'amafaranga impande zombi zigomba kugabana, n'aho izo manza zihuriye n'uru rubanza, rukaba rero ntaho rwahera rufata icyemezo kuri iyo myenda yindi idasobanutse ku bijyanye n'isano zifitanye n'uru rubanza.

[77] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe haruguru no ku ngingo z'amategako yagaragajwe haruguru, Urukiko rurasanga imitungo Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugabana ku buryo bungana hakurikijwe ingingo ya 24, y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzwa Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategako mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura iteye mu buryo bukurikira:

1. Imigabane ya Ranghella Giuseppe muri Sosiyete SOGIS Ltd ingana na 99, 03%: Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe bagomba kuyigabana, buri wese akagira icya kabiri cyayo kingana na 49.50%;
2. Inzu iri Bruxelles mu Bubiligi, bagomba kuyigabana nk’uko bari babyumvikanye, buri wese akagira 50% by’iyo nzu.
3. Amafaranga 65.926.589 Frw yasigaye ku mazu yabo ari mu kibanza n° 533 na n° 2270 yatejwe cyamunara bishyura imyenda ya BRD, buri wese akaba agomba gutwara icya kabiri cyayo kingana na 33.790.794 Frw
4. Amafaranga yavuye muri “expropriation” y’inzu iri mu kibanza n° 736 cya Kacyiru angana na 161.273.43 Frw, buri wese akaba agomba gutwara icya kabiri cyayo kingana na 80.636.716Frw.

[78] Urukiko rurasanga kandi Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kuzagabana ku buryo bungana, agaciro kazava mu rubanza rujyanye n’inzu iri mu kibanza n° 99 Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778 Nyarugenge, ikaza kugurishwa, amafaranga avuyemo akagurwa indi nzu ku Kamonyi, mu kibanza gifite n° 2603, Uwamwezi Joséphine aramutse arutsinze.

d. Amafaranga y’indishyi, ay’ikurikiranarubanza ay’igihembo cy’Avoka asabwa muri uru rubanza.

[79] Uburanira Uwamwezi Joséphine, avuga mu mwanzuro we, ko Ranghella Giuseppe akwiye gutegekwa kumuha 10.000.000Frw y’indishyi y’akababaro, 1.000.000 Frw y’ikurikiranarubanza na 5.000.000 Frw y’igihembo cy’Avoka

[80] Uburanira Ranghella Giuseppe mu kwiregura, avuga na we mu mwanzuro we, ko uyu ari we ahubwo ukwiye guhabwa na Uwamwezi Joséphine amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka angana na 1.000.000Frw.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[81] Urukiko rurasanga amafaranga y'indishyi, ay'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka asabwa n'ababuranyi muri uru rubanza adakwiye gutangwa, ahubwo mu rwego rwo kubahiriza ihame ryibukijwe haruguru ry'uko bagomba kugabana ku buryo bungana, buri wese akwiye guherezwaho ibyo yatakaje akurikiranye uru rubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[82] Rwemeje ko inzitizi yatanzwe na Ranghella Giuseppe yo kutakira ikirego cya Uwamwezi Joséphine gisaba gusubirishamo urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO ku mpamvu z'akarengane nta shingiro ifite;

[83] Rwemeje ko ikirego cya Uwamwezi Joséphine gisaba gusubirishamo urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro;

[84] Rwemeje ko Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kugabana imitungo yabo ku buryo bungana mu buryo bukurikira:

1. Imigabane ya Ranghella Giuseppe muri Sosiyete SOGIS Ltd ingana na 99, 03%: Uwamwezi Joséphine na Ranghella Giuseppe bayigabana, buri wese akagira icya kabiri cyayo kingana na 49.50%;
2. Inzu iri Bruxelles mu Bubirigi, bagomba kuyigabana nk’uko bari babyumvikanye, buri wese akagira 50% by’iyo nzu.
3. Amafaranga 65.926.589 Frw yasigaye ku mazu yabo ari mu bibanza n° 533 na n° 2270 yatejwe cyamunara bishyura imyenda ya BRD, buri wese akaba agomba gutwara icya kabiri cyayo kingana na 33.790.794Frw
4. Amafaranga yavuye muri “expropriation” y’inzu iri mu kibanza n° 736 cya Kacyiru angana na 161.273.432Frw, buri wese akaba agomba gutwara icya kabiri cyayo kingana na 80.636.716Frw.

[85] Rwemeje ko Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine bagomba kuzagabana ku buryo bungana, agaciro kazava mu rubanza rujyanye n’inzu iri mu kibanza n° 99 Nyarugenge, cyaje guhinduka ikibanza n° 778 Nyarugenge, ikaza kugurishwa, amafaranga avuyemo akagurwa indi nzu ku Kamonyi, mu kibanza gifite n° 2603, Uwamwezi Joséphine aramutse arutsinze;

[86] Rutegetse Ranghella Giuseppe na Uwamwezi Joséphine gufatanya kwishyura amagarama y’uru rubanza angana na 100.000 Frw, buri wese agatanga icya kabiri cyayo kingana na 50.000Frw;

[87] Ruvuze ko imikirize y’urubanza RCA0180/08/TGI/GSBO rwaciwe n’Urukiko Rwisumbuye rwa

Gasabo ku wa 07/08/2009 n'urubanza RCA0127/12/TGI/GSBO rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 27/01/2014 ihindutse ku bijyanye n'igabana ry'imitungo y'abashakanye mu buryo bw'ivangamutungo rusange.

IMANZA Z'UBUCURUZI

RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD (RAB)

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA
00026/2018/CA – (Karimunda, P.J, Munyangeri na Kanyange,
J.) 08 Gashyantare 2019]

Amategako agenga amasoko ya Leta – Amafaranga ahabwa uwatsindiye isoko rya Leta kugirango atangire imirimo (Avansi) – Isubizwa rya avansi ntirireberwa ku gaciro k'imirimo imaze gukorwa kuko Avansi ubwayo atari ubwishyu, Itegeko N° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko N° 05/2013 ryo ku wa 13/2/2013, ingingo ya 89.

Incamake y'ikibazo: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) cyagiranye amasezerano na ETECO (Entreprise de Construction, Commerce, Mines et Carrières) yo kubaka laboratoire, maze RAB iha iyo sosiyete avansi yo gutangira imirimo. Radiant Insurance Company Ltd nayo yishingira iyo avansi. RAB yaje gusesa amasezerano y'isoko, avansi yatanze itararangira kwishyurwa hanyuma impande zombi zikora ihwanyamyenda hagati ya avansi yari isigaje kwishyurwa n'agaciro k'imirimo yakozwe ariko avansi yatanzwe ntiyashiramo, ibi byatumye RAB ivuga ko asigaye agomba kwishyurwa na Radiant Insurance Company Ltd ariko yo ikavuga ko imirimo ETECO yakoze ifite agaciro karuta avansi yatanzwe. Ibyo byatumye RAB irega Radiant Insurance Company mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba ko Radiant Insurance Company Ltd iyishyura amafaranga ETECO

iyigomba. Urwo Rukiko rwemeje ko ikirego cya RAB gitite ishingiro rutegeka Radiant Insurance Company kuyishyura amafaranga yasigaye kuri avansi yahawe ETECO ndetse n'indishyi zinyuranye.

Radiant Insurance Company ntiyishimiye imikirize y'urubanza maze ijuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruza ivuga ko itagomba gutegekwa kwishyura avansi yo gutangira imirimo kuko yakoreshejwe imirimo yose yari yatangiwe. Urwo Rukiko rwemeje ko ubujurire bwa Radiant Insurance Company bufite ishingiro, ko ingwate yo gutangira imirimo yari yarahaye RAB yakoreshejwe yose ku mirimo ijyanye n'isoko yari yaratangiwe.

RAB yajuririye Urukiko rw'Ikirenga ariko ubwo bujurire bwimurirwa mu Rukiko rw'Ubujurire nyuma y'ivugururwa ry'amategeko. Mu bujurire bwayo, RAB ivuga ko amasezerano yabaye hagati yayo na Radiant yavugaga ko ingwate izasaza ari uko avansi yose yishyuwe, bityo ko icyari kigambiriwe ari uko uwatanze avansi ayigaruza yose, ikavuga rero ko isanga hatagomba kurebwa gusa ko avansi yakoreshejwe imirimo runaka, ahubwo hakwiye no kwitabwa ku kuba mu masezerano barumvikanye ko ubwishyu buzakatwa kuri buri facture, hitabwa ko ingwate izasaza avansi imaze kwishyurwa, hakanitabwa ko mu byo ingwate iba igamije harimo nuko avansi yose yishyurwa.

Radiant yo yiregura ivuga ko icyo yishingiye ari uko avansi yose yo gutangira imirimo ikoreshwa icyo yatangiwe, ntihagire ibindi ikoreshwa, ko ingwate ifatirwa gusa igihe yose cyangwa igice cyayo bikoreshejwe ibitajyanye n'isoko yatangiwe, ko rero nta handi RAB yashingira isaba kwishyurwa ingwate.

Incamake y’icyemezo: Isubizwa rya avansi ntirireberwa ku gaciro k’imirimo imaze gukorwa kuko Avansi ubwayo atari ubwishyu, bityo Radiant Insurance Company Ltd igomba kwishyura RAB avansi yari isigaje kwishyurwa.

**Ubujurire bufite ishingiro;
Ubujurire bwuririye ku bundi, nta shingiro bufite;
Urubanza rwaciwe n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi
ruhindutse mu ngingo zarwo zose;
Uregwa agomba gusubiza uwajuriye ingwate y’amagarama
yatanze ajurira.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk’uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n’Itegeko N° 05/2013 ryo ku wa 13/2/2013 (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo 89.

Imanza zifashishijwe:

Forest Company Volcanoes Gorillas (FCVG) Ltd v Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro (RRA), RCOMAA
00055/2016/SC rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 29/9/2017

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ikibazo kiri muri uru rubanza gishigiye kuri avansi yo gutangira imirimo Rwanda Agriculture Board (RAB) yahaye ETECO (*Entreprise de Construction, Commerce, Mines et Carrières*), ishingiye ku masezerano yo kubaka *laboratoire* yo ku wa 20/10/2014, Radiant Insurance Company Ltd yishingira iyo avansi nk'uko bigaragazwa n'inyandiko y'ingwate N° RD001RCOA140815/03695 yo ku wa 11/09/2014, ariko ayo masezerano y'isoko aseswa na RAB ku wa 22/12/2015, ETECO itararangiza kwishyura avansi yahawe bitewe nuko yayishyuraga kuri buri fagitire yakoraga hakatwa amafaranga angana na 20%, kuri fagitire eshatu (3) ETECO yari imaze gukora, RAB ikaba yari yiyishyuye avansi ingana na 60.239.971Frw, hasigara avansi ingana na 107.796.028Frw.

[2] Bitewe nuko nyuma ya fagitire ya gatatu ETECO yakoze imirimo ifite agaciro ka 53.878.560Frw, hakoze ihwanyamyenda hagati ya avansi yari isigaje kwishyura n'agaciro k'iyi mirimo (107.976.028Frw – 53.878.560Frw), hasigara 54.017.468Frw, RAB ivuga ko agomba kwishyurwa na Radiant Insurance Company Ltd kuko amasezerano yari ifitanye na ETECO yasheshwe itararangiza kwishyura avansi yahawe, naho Radiant Insurance Company Ltd ikavuga ko itakwishyura iyo avansi kuko yakoreshejwe mu mirimo y'isoko kandi iyo mirimo ikaba irenze avansi yatanzwe

[3] Nyuma yo kutumvikana ku iyishyurwa rya avansi ETECO yari itararangiza kwishyura, RAB yareze Radiant Insurance Company Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa

Nyarugenge, isaba ko yategekwa kwishyura 54.0170.468Frw ETECO iyigomba, n'indishyi zo gushorwa mu manza. Urwo Rukiko rwaciye urubanza RCOM 531/2017/TC/NYGE ku wa 27/7/2017, rwemeza ko ikirego cya RAB gifite ishingiro, rutegeka Radiant Insurance Company Ltd kwishyura 54.0170.468Frw yasigaye kuri avansi yahawe ETECO, ikanishyura 500.000Frw y'indishyi zo gushorwa mu manza, 500.000Frw y'igihembo cya Avoka, no gusubiza RAB 50.000Frw yatanzeho ingwate y'amagarama.

[4] Radiant Insurance Company Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ivuga ko itagombaga gutegekwa kwishyura avansi yo gutangira imirimo kuko yakoreshejwe imirimo yose yari yatangiwe, mu rubanza RCOMA 0055/2017/CHC/HCC rwaciye ku wa 28/12/2017, urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwa Radiant Insurance Company Ltd bufite ishingiro, ko ingwate yo gutangira imirimo yari yarahaye RAB yakoreshejwe yose ku mirimo ijyanye n'isoko yari yaratangiwe, ari nayo mpamvu y'ukubaho k'ubwishingizi, ko Radiant Insurance Company Ltd nta kindi igomba kwishyura RAB gikomoka kuri ubwo bwishingizi. Rwategetse RAB kwishyura Radiant Insurance Company Ltd indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka ku rwego rubanza n'urw'ubujurire, zingana na 1.000.000Frw no kuyisubiza 75.000Frw yatanzeho ingwate y'amagarama ijurira, rutegeka kandi ko imikirirze y'urubanza RCOM 00531/2017/NYGE rwaciye ku wa 27/07/2017 ihindutse.

[5] RAB yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga, isaba Urukiko gusuzuma niba iyo avansi yo gutangira imirimo yakoreshejwe imirimo ijyanye n'isoko itagomba kwishyurwa yose, inasaba gusuzuma niba yaragombaga gucibwa indishyi kandi Radiant

Insurance Company Ltd ariyo yishe amasezerano. Radiant Insurance Company Ltd yo ivuga ko icyo yishingiye ari uko avansi yo gutangira imiromu ikoreshwa icyo yatangiwe, kandi ko byari ngombwa ko RAB icibwa indishyi kuko yayishoye mu rubanza bitari ngombwa.

[6] Nyuma y'ivugururwa ry'amategeko, ubujurire bwa RAB bwimuriwe mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 105 y'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, urubanza ruburanishwa mu ruhame ku wa 9/1/2019, Radiant Insurance Company Ltd ihagarariwe na Me Ruzindana Ignace na Me Twagiramungu Joseph, RAB ihagarariwe na Me Kayiranga Rukumbi Bernard, Me Kabibi Spéciose na Me Umwali Munyentwari Claire.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

- 1. Kumenya niba kuba avansi yo gutangira imirimo yarakoreshejwe mu mirimo y'isoko, bivanaho inshingano za Radiant Insurance Company Ltd zo kwishyura igice cya avansi ETECO itishyuye.**

[7] Mu mwanzuro wa RAB, ivuga ko Radiant Insurance Company Ltd yishingiye avansi yahawe ETECO, mu masezerano bakaba barateganyije uburyo iyo avansi yagombaga kugenda yishyurwa, ko hashingiwe ku ngingo ya 89 y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta, RAB yagiye yiyishyura kuri fagitire ETECO yayihaga ariko ntiyarangiza kwishyura avansi yose bitewe nuko amasezerano yasheshwe imirimo itarangiye, ko ariyo mpamvu Radiant Insurance Company Ltd igomba kwishyura amafaranga

ya avansi yasigaye havuyemo ayo RAB igomba ETECO nkuko yagaragajwe muri raporo y'isozwa ry'imirimo.

[8] Ikomeza ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwagombaga kwita ku bikubiye mu nyandiko ya Radiant Insurance Company Ltd yo kwishingira avansi yo gutangira imirimo, ivuga ko *The maximum amount of this guarantee shall be progressively reduced by the amount of the advance payment repaid by the contractor as indicated in copies of interim statements or payment certificates which shall be presented to us. This guarantee shall expire after the complete reimbursement of the advance amount. Consequently, any demand for payment under this guarantee must be received by us at that time*, bivuze ko inshingano y'umwishingizi itagarukira gusa ku gukoresha avansi mu mirimo y'isoko ahubwo hari n'inshingano yo kugarurira avansi urwego rwayitanze, ko kandi uretse itegeko rigenga amasoko ya Leta, n'ingingo ya 64 y'itegeko rigenga amasezerano ivuga ko amasezerano akozwe mu buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye.

[9] Ivuga kandi ko imyumvire yayo ihuye n'ibyemejwe mu rundi rubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi (N° RCOMA 00254/2017/CHC/HCC) hagati y'Akarere ka Bugesera na Radiant Insurance Company Ltd, kandi Radiant ikaba itararujuriye.

[10] Mu bindi bisobanuro ababuranira RAB batanze, bavuga ko ibyo abahagarariye Radiant Insurance Company Ltd bavuga ko ntacyo igomba kwishyura kuko avansi yose yakoreshejwe imirimo y'isoko, ko ingwate ifatirwa iyo idakoreshejwe imirimo y'isoko, atari byo, ahubwo ko RAB yari kwishyurwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 89 y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta

aho kuba iya 88, kuko ingwate igomba kugarukira urwego rwatanze isoko.

[11] Bavuga kandi ko mu masezerano yabaye hagati ya RAB na Radiant Insurance Company Ltd ahavugwa ko ingwate izasaza ari uko avansi yose yishyuwe, icyari kigambiriwe ari uko uwatanze avansi ayigaruka yose, kandi ko ayo masezerano ari hagati yabo bombi gusa, rwiyezamazirimo we akaba ntaho yasinye. Basanga hatagomba kurebwa gusa ko avansi yakoreshejwe imirimo runaka, ahubwo hakwiye no kwitabwa ku kuba mu masezerano barumvikanye ko ubwishyu buzakatwa kuri *facture*, ko ingwate izasaza avansi imaze kwishyurwa, hakanitabwa ko mu byo ingwate iba igamije, harimo n'uko avansi yose yishyurwa.

[12] Radiant Insurance Company Ltd yo ivuga ko icyo yishingiye, ari uko avansi yose yo gutangira imirimo ikoresheya icyo yatangiwe, ntihaire ibindi ikoresheya (ingingo ya 88 y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta), ko ingwate ifatirwa gusa igihe yose cyangwa igice cyayo bikoreshejwe ibitajyanye n'isoko yatangiwe, ko rero nta handi RAB yashingira isaba kwishyurwa ingwate, yirengagije ibiteganywa n'iyi ngingo ya 88.

[13] Isobanura ko RAB yemera ko ETECO yakoze akazi karenze agaciro k'ingwate kuko yakoze imirimo ingana na 355.361.917 Frw, bivuze ko avansi yose yahawe yakoreshejwe icyo yatangiwe, ko ibivugwa na RAB by'uko isoko ryasheshwe ETECO itararangiza kwishyura avansi yahawe, itabishingiraho isaba Radiant Insurance Company Ltd kwishyurwa iyo avansi itarishyuwe kuko atari byo yishingiye, kuko avansi yose yagombaga kwishyurwa ari uko isoko ridasheshwe, rikarangira, ko ahubwo kuba isoko ryarasheshwe imirimo itarangiye, bivuze ko na rwiyezamazirimo atarangije kwishyura avansi, ariyo

mpamvu Radiant Insurance Company Ltd yishyujwe ingwate yo kurangiza neza imirimo ingana na 84.018.000Frw, ayo mafaranga akaba arenze kure ayo RAB yishyura angana na 54.017.468Frw, kandi iyo isoko ridaseswa, ingwate yo kurangiza imirimo ntiyari kwishyuzwa.

[14] Ikomeza ivuga ko ikibazo Rwanda Agriculture Board yibaza cyo kumenya niba iyo avansi yo gutangira imirimo yarakoreshejwe mu mirimo ijyanye n'isoko, itagomba kwishyurwa yose, kitareba umwishingizi, kuko icyo umwishingizi yishingira ari uko avansi yo gutangira imirimo ikoreshwa yose icyo yagenewe, bitaba ibyo igafatirwa n'urwego rwatanze isoko, ko kandi ingingo ya 89 y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta ivuga uburyo ingwate yishyurwa na rwiyemezamirimo, ireba uwatanze isoko n'uwarihawe, ikaba itareba umwishingizi.

[15] Isobanura kandi ko kuba yarishingiye ko avansi yo gutangira imirimo izakoreshwa ibyo yagenewe, RAB yagombye kugaragaza ko avansi yakoreshejwe ibindi bitarebana n'isoko, akaba aribwo isaba Radiant Insurance Company Ltd kwishyura nk'uko biteganywa n'ingingo ya 88 y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[16] Ikibazo kigomba gusuzumwa, ni icyo kumenya niba mu gihe avansi yo gutangira imirimo yakoreshejwe mu mirimo y'isoko, bivanaho inshingano z'uwayishingiye zo kwishyura avansi itarishyuwe n'uwatsindiye isoko.

[17] Ku birebana na avansi yo gutangira imirimo, ingingo ya 89 y'Itegeko n° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko N° 05/2013 ryo ku wa 13/2/2013, iteganya ko “Avansi yahawe uwegukanye isoko isubizwa hakoreshejwe ikatwa ry'umubare runaka w'amafaranga ku nyemezabuguzi zatanzwe kandi zemejwe. Igitabo cy'Amabwiriza agenga ipiganwa giteganya ijanisha ry'amafaranga azagenda akatwa kugeza igihe avansi yose yishyuriwe. Ingwate ya avansi isubizwa uwegukanye isoko mu minsi mirongo itatu (30) uhereye igihe avansi yose yatanzwe yishyuriwe”.

[18] Iyi ngingo ivuga ibyerekeye uburyo avansi yishyurwa nk'uko umutwe wayo ubigaragaza ‘iyishyurwa rya avansi’, yumvikanisha ko iyo rwiyezamirimo watsindiye isoko ahawe avansi, bidasobanura ko ari ubwishyu aba ahawe, ahubwo ko ari amafaranga aba agomba gusubiza urwego rwatanze isoko, agenda akatwa kuri fagitire zemejwe, yamara gusubizwa yose, akaba aribwo ingwate nayo isubizwa. Ibimaze kuvugwa ni nako byasobanuwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCOMAA 0055/2016/SC rwaciwe ku wa 29/9/2017, aho rwavuze ko avansi yo gutangira imirimo ari amafaranga ahabwa uwatsindiye isoko kugira ngo abashe gutangira gushyira mu bikorwa isoko yatsindiye, ko nta gice cy'umurimo runaka aba yishyuriwe ku buryo yafatwa nk'ubwishyu, ahubwo uko uwatsindiye isoko agenda yishyura agaciro k'imirimo yakoze, agenda avanamo (déduction) ingano runaka ya avansi nk'uko byumvikanyweho n'impande zagiranye amasezerano, akazarangiza kwishyura imirimo yakoze yose, avansi yose isubijwe uwamuhaye isoko, ko rero kuba avansi isubizwa uwatanze isoko, itafatwa nk'ubwishyu kuri iryo soko.

[19] Inyandiko y'ingwate ya avansi yo gutangira imirimo “Advance payment guarantee RD 001RCOA 1408157/0395 ” Radiant Insurance Company Ltd yatanze ku wa 11/9/2014, ivuga ko yemeye kwishingira igiteranyo cy'amafaranga atarenga 168.035.999RWF, izishyura imaze kugaragarizwa ubusabe bwanditse buherekejwe n'inyandiko igaragaza ko rwiyezamezimirimo atubahirije inshingano ziri mu masezerano, akoresha avansi yahawe mu zindi nyungu zinyuranye n'imirimo yasezeranye gukora irebana n'isoko¹. Muri iyi nyandiko kandi, mu gika cya nyuma havugwamo ko amafaranga atangiwe ingwate azagenda agabanurwa n'ubwishyu bwa avansi buzajya bukorwa na rwiyezamezimirimo, kandi ko ingwate izareka kugira agaciro igihe avansi yose izaba imaze kwishyurwa².

[20] Urukiko rurasanga ibivugwa mu nyandiko y'ingwate, hari igice kimwe gihura n'ibiteganywa n'ingingo ya 88 y'Itegeko N° 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 ryavuzwe haruguru, ivuga ko iyo uwegukanye isoko akoresheje avansi yose cyangwa igice cyayo mu bikorwa bindi bidafite aho bihuriye n'isoko, iyo avansi ihita

¹ “At the request of the Contractor, we RADIANT INSURANCE COMPANY LTD, P.O.BOX 1861 KIGALI, hereby irrevocably undertake to pay you any sum or sums not exceeding in total amount of ONE HUNDRED SIXTY EIGHT MILLION THIRTY FIVE THOUSAND NINE HUNDRED NINETY NINE RWANDAN FRANCS (168,035,999 RWF) upon receipt by us of your demand in writing accompanied by a written statement stating that the Contractor is in breach of its obligation under the Contract because the Contractor used the advance payment for purposes other than the costs of mobilization in respect of the works”.

² “The maximum amount of this guarantee shall be progressively reduced by the amount of the advance payment repaid by the Contractor as indicated in copies of interim statements or payment certificates which shall be presented to us. This guarantee shall expire after the complete reimbursement of the advance amount. Consequently, any demand for payment under this guarantee must be received by us at this office on or before that date”.

ifatwa nk'umwenda ugomba kwishyurwa hafatiriwe ingwate yose cyangwa igice, ikindi gice kikaba gihura n'ibivugwa mu ngingo ya 89 (in fine) yavuzwe haruguru, kuko nayo iteganya ko ingwate ya avansi isubizwa uwegukanye isoko mu minsi mirongo itatu (30) uhereye igihe avansi yose yatanzwe yishyuriwe”.

[21] Urukiko rurasanga kuba mu nyandiko y'ingwate, havugwamo ko inyandiko yishyura ingwate igomba kuba iherekejwe n'indi igaragaza ko rwiyezamirimo yakoresheje avansi mu yindi mirimo itajyanye n'isoko, bidakwiye gufatwa ko ariyo mpamvu yonyine yatuma urwego rwatanze isoko rusubizwa avansi, kuko ako ari agace kamwe mu tugize inyandiko y'ingwate, kakaba kadakwiye kurebwa konyine, kuko mu gace ka nyuma k'iyo nyandiko Radiant Insurance Company Ltd yanemeye ko ingwate izaba itagifite agaciro mu gihe avansi izaba yarangije kwishyurwa, bivuze ko mu gihe itarishyurwa rero, ingwate iba igifite agaciro, na avansi ikaba igomba kwishyurwa, nk'uko binateganywa mu ngingo ya 89 yavuzwe haruguru, kandi bikaba binahura n'ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku birebana na avansi yo gutangira imirimo nk'uko byagaragajwe.

[22] Ku bivugwa na Radiant Insurance Company Ltd by'uko imirimo ETECO yari imaze gukora ifite agaciro karenze avansi yatanzwe bityo ko ntacyo RAB igomba kwishyura, Urukiko rurasanga nta shingiro bifite, kuko nk'uko byasobanuwe haruguru, avansi si ubwishyu ku buryo isubizwa ryayo ryareberwa ku gaciro k'imirimo yari imaze gukorwa, ahubwo igomba gusubizwa urwego rwatanze isoko nk'uko ingingo ya 89 y'Itegeko ryavuzwe haruguru ibiteganya, bikaba byaranumvikanyweho mu gika cya nyuma cy'inyandiko y'ingwate yo gutangira imirimo. Byongeye kandi, ibivugwa na

Radiant Insurance Company Ltd ko imirimo ETECO yakoze ifite agaciro karenze avansi yahawe, ibivuga yirengagije ko ETECO itahawe avansi gusa ahubwo ko yanahawe amafaranga y'ubwishyu bw'imirimo yari imaze gukora.

[23] Urukiko rurasanga rero, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutaragombaga gushingira ku mpamvu irebana no kuba avansi isubizwa gusa iyo itakoreshejwe imirimo itajyanye n'isoko, ngo ruyirutishe irebana no kuba ingwate izareka kugira agaciro igihe avansi yose izaba imaze kwishyurwa, kandi izo mpamvu zombi ziri mu nyandiko imwe Radiant Insurance yasinye, zikaba zinahura n'ibiteganywa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta.

[24] Urukiko rushingiye ku ngingo z'amategeko zagaragajwe haruguru no ku bisobanuro byatanzwe, rurasanga Radiant Insurance Company Ltd igomba kwishyura RAB avansi yari isigaje kwishyurwa ihwanye na 54.0170.468Frw.

2. Kumenya niba RAB yaragombaga gucibwa indishyi

[25] Ababuranira RAB bavuga ko Urukiko rwayitegetse kwishyura Radiant Insurance Company Ltd indishyi zingana na 1.000.000Frw yo gushorwa mu manza na 75.000 Frw y'amagarama yatanzwe, kandi ariyo itarubahirije amasezerano bakoranye, bigatuma ijya mu manza kugira ngo irenganurwe. Basanga ahubwo Radiant Insurance Company Ltd ariyo ikwiye kwishyura indishyi kuko kutubahiriza amasezerano bakoranye byatumye RAB ijya mu manza, ikaba isaba Urukiko rw'Ubujurire kubona ko nta ndishyi yari ikwiye gucibwa.

[26] Ababuranira Radiant Insurance Company Ltd bavuga ko byari ngombwa ko RAB icibwa indishyi kuko yayishoye mu rubanza rutari ngombwa, ko yo yari yishingiye ko avansi yahawe

ETECO ikoreshwa icyo yayihereye kandi ko yabikoze kuko RAB igaragaza ko yakoze imirimo ihwanye na 355.361.917Frw, bivuga ko yakoze imirimo ikubye inshuro zirenga ebyiri agaciro k'ingwate yatanze, ko rero ntacyo RAB yagombaga gusaba gusubizwa kuko ibyo yari yishingiye byakozwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[27] Urukiko rurasanga nk'uko byasobanuwe haruguru, Radiant Insurance Company Ltd yaragombaga gusubiza RAB avansi yatanze, kuko isoko ryasheshwe itararangiza kwishyurwa, kandi Radiant Insurance Company Ltd ikaba ariyo yari yarishingiye avansi yose yahawe ETECO, bivuze ko indishyi RAB yaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi nta shingiro zifite, bityo izo yaciwe zingana na 1000.000Frw yo gushorwa mu manza na 75.000 Frw y'amagarama ikaba itagomba kuzitanga.

3. Ibirebana n'indishyi Radiant Insurance Company Ltd isaba

[28] Mu bujurire bwuririye ku bundi, Radiant Insurance Company Ltd ivuga ko RAB ikomeje kuyikurura mu manza zitari ngombwa, ikaba isaba ko yacibwa indishyi zingana na 2.000.000Frw hamwe na 800.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka kuri uru rwego.

[29] Ababuranira RAB bavuga ko izo ndishyi nta shingiro zifite kuko ifite uburenganzira bwo kwiambaza inzira y'ubujurire, usibye ko n'indishyi zisabwa ari umurengera kandi Radiant Insurance Company Ltd ikaba itagaragaza akababaro yagize

UKO URUKIKO RUBIBONA

[30] Urukiko rurasanga indishyi Radiant Insurance Company Ltd isaba idakwiye kuzihabwa, kuko, nk’uko byasobanuwe haruguru, ariyo yagombaga kwishyura avansi yo gutangira imirimo RAB yahaye ETECO nk’uko yabyiyemeje, ariko ikaba itarayishyuye bigatuma RAB yiyambaza inkiko, kuba itsindwa n’uru rubanza, byumvikana ko n’indishyi isaba nta shingiro zifite.

III. ICYEMEZO CY’URUKIKO

[31] Rwemeje ko ubujurire bwa Rwanda Agriculture Board (RAB) bufite ishingiro;

[32] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Radiant Insurance Company Ltd, nta shingiro bufite;

[33] Rutegetse Radiant Insurance Company Ltd kwishyura Rwanda Agriculture Board (RAB) 54.017.468 Frw yasigaye kuri avansi yahawe ETECO;

[34] Rwemeje ko indishyi Rwanda Agriculture Board (RAB) yaciwe n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi zivanyweho;

[35] Ruvuze ko urubanza RCOMA 00553/2017/CHC/HCC rwaciwe n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi ku wa 28/12/2017 ruhindutse mu ngingo zarwo zose.

[36] Rutegetse Radiant Insurance Company Ltd gusubiza Rwanda Agriculture Board 100.000 Frw y’ingwate y’amagarama yatanze ijurira.

RWAGASANA v BANKI YA KIGALI (BK LTD)

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA
0056/15/SC-RCOMAA 00025/2017/SC-RCOM 0003/17/CS-
RCOM 00004/2017/SC (Mutashya, P.J., Rugabirwa na
Nyirinkwaya, J.) 26 Mutarama 2018]

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Inshingano zo kwishyura inyungu zikomoka ku masezerano yo kurangiza neza imirimo z'amafaranga yishyuwe na banki mu mwanya w'uwahawe umwenda – Nta kosa banki iba ikoze iyo yishyuje inyungu ku mafaranga yishyuriye rwiyezeza mirimo nk'ingwate yo kurangiza neza imirimo (performance guaranty) ku rwego rwatanze isoko iyo uwaritsindiye atarangije imirimo neza – Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Kudahakana umwenda umwishingizi yasinyiye – Umwishingizi washakanye n'uwahawe umwenda na banki ntiyahakana umwenda wafashwe n'uwo bashakanye yitwaza ko atawusinginye kandi basangiye uwo mutungo mu gihe bigaragaye ko imyenda yose yafashwe n'uwo bashakanye yayishyizeho umukono.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Igihembo cy'avoka – Amafaranga y'ikurikiranarubanza, n'igihembo cya avoka agenwa mu bushishozi bw'urukiko n'ubwo impande zombi zaba zarabyumvikanyeho mu masezerano iyo bigaragaye ko ari ukwihesha indonke ikabije kandi n'uyasaba ntagaragaze ikimenyetso cy'uburyo yayakoresheje.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Igihembo cy'umuhanga – Iyo igihembo cy'umuhanga cyishyurwa na banki mu mwanya w'umukiliya wayo, ategukwa kucyishyura mu gihe atsinze urubanza.

Incamake y'ikibazo: Rwagasana yahawe inguzanyo zitandukanye na Banki ya Kigali (BK LTD) Ltd, azihabwa mu bihe bitandukanye. Muri izo nguzanyo hiyongereyeho iy'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko (Bank Guarantee), hamwe n'aya *ligne de credit*, n'ayo banki yaguriye Rwagasana inguzanyo yari afite muri ECOBANK (rachat credit).

Impande zombi zikorana amasezerano y'inguzanyo, ay'ubwishingizi n'ay'ingwate, bumvikana ko natishyura nkuko bikwiye baziyamabaza inkiko. Mu masezerano bumvikanye kandi ko igipimo cy'inyungu umwenda uzabarirwaho ari 17.25 % ku kwezi, ariko ko azayishyura 2 % y'inyungu z'ubukererwe ziyongera kuri 17.25 % zikaba iza 19,25 % mu gihe atishyuye inguzanyo y'ingwate yo kurangiza neza imirimo.

Rwagasana yananiwe kwishyura bituma banki isesa amasezerano, inamushyira mu cyicyiro cya 5 cy'abatishyura neza inguzanyo bahawe (classe 5).

Ibi byatumye Rwagasana arega BK mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge umugore we nawe Mukakimenyi Marie Rose arugobokamo basaba ko inzu ze yatanzeho ingwate zitatezwa cyamunara, basaba kutishyura amafaranga atandukanye ajyanye n'inguzanyo yahawe, basaba kandi banki kudakomeza kubara inyungu z'ubukererwe nyuma y'iseswa ry'amasezerano y'inguzanyo, asaba n'indishyi zinyuranye.

Urukiko rwemeje ko ikirego cyabo gifite ishingiro kuri bimwe, kandi ko ingwate y'inzu itatezwa cyamunara, banki igahabwa

indishyi z'igihombo yagize, urukiko rwemeza kandi ko inyungu zari zazamuwe nyuma y'iseswa ry'amasezerano zigomba gusubizwa ku gipimo zumvikanyweho n'impande zombi mu masezerano bagiranye.

BK Ltd na Rwagasana na Mukakimenyi bajuririye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwemeza ko ubujurire bwa BK bufite ishingiro, naho ubujurire bwa Rwagasana nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse mu ngingo zayo zose.

Rwagasana yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko inkiko zibanza zemeje ko agomba kwishyura ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko BK Ltd yamwishyuriye hamwe n'inyungu zayo zisanzwe n'iz'ubukererwe kandi BK itagaragaje aho yishyuriye.

Yavuze kandi ko raporo y'umuhanga itahabwa agaciro kuko itagaragaza imyenda yose aregwa na BK Ltd, uburyo yayifashe n'uburyo bwo kuyishyura bari barumvikanyeho mu masezerano bagiranye.

Yarongeye avuga kandi ko yishyuzwa amafaranga y'umurenge y'igihembo cya Avocat n'amafaranga y'ikurikirana rubanza kuko arimo urwunguko rwinshi kandi na BK itagaragaza uburyo yayakoresheje.

Mukakimemyi nawe yajuririye avuga ko hari umwenda atemera kuko atigeze awusinyira kandi ari umugore wa Rwagasana Thomas ufite 50% by'imitungo bashakanye.

BK Ltd yireguye ivuga ko yaguriye Rwagasana inguzanyo zitandukanye, ivuga ukuntu iyo myenda yagiye yiyongera ku yindi myenda yagiye imuha kuko atayishyuraga nk'uko bikwiye, ivuga kandi ko izo nguzanyo zose zigomba kwishyurwa hamwe n'inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ku gipimo cyumvikanywe mu masezerano y'inguzanyo.

Yavuze kandi ko raporo y'umuhanga yahabwa agaciro kuko igaragaza uburyo imyenda yose yafashwe na Rwagasana Thomas n'ubwo idahura n'igiteranyo cy'amafaranga yaregeye. Kubijyanye n'amafaranga y'igihembo cya Avocat n'ay'ikurikirana rubanza, BK yavuze ko bayishyura kuko ateganyijwe mu masezerano y'ingwate bagiranye.

Ku ngingo ya Mukakimenyi yo guhakana ko atakwishyura umwenda yitwaje ko hari uwo atasinyiye, BK yireguye ivuga ko nta shingiro byahabwa kuko imyenda yose yahaye Rwagasana Thomas bayisinyiye bose imbere ya noteri.

Incamake y'icyemezo: 1. Nta kosa banki iba ikoze iyo yishyuje inyungu ku mafaranga yishyuriye rwiyezeza mirimo nk'ingwate yo kurangiza neza imirimo (performance guaranty) ku rwego rwatanze isoko iyo uwaritsindiye atarangije imirimo.

2. Amafaranga y'ikurikiranarubanza, n'igihembo cya avoka agenwa mu bushishozi bw'urukiko kabone nubwo hari ikigero cyayo (pourcentage) cyateganyijwe mu masezerano y'inguzanyo iyo ari umurenge kandi nuyasabye ntagaragaze uko yayakoresheje.

3. Uwashakanye n'uwahawe umwenda na banki ntiyahakana umwenda wafashwe n'uwo bashakanye yitwaza ko atawusinginye kandi basangiye uwo mutungo mu gihe bigaragaye ko imyenda yose yafashwe n'uwo bashakanye yayishyizeho umukono.

4. Amafaranga ya raporo y'umuhanga yishyurwa n'uwatsinzwe urubanza.

**Ubujurire nta shingiro bufite.
Ubujurire bwuririye ku bundi bufite kuri bimwe.**

**Ikirego cya Bank ya Kigali gifite bufite ishingiro kuri
bimwe;
Nta gihindutse ku rubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru
rw'Ubucuruzi;
Abareze bagomba gufatanya kwishyura umwenda remezo
n'inzungu z'ubukererwe;
Amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu
rubanza.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga N°08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 34 na 35.

Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 9.

Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 64.

Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 76.

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 21.

Itegeko-Teka ryo ku wa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa (ryakoreshwaga icyo gihe), ingingo ya 258.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, Rwagasana Thomas arega BK Ltd asaba ko inzu ze ziri mu kibanza N° 322/324 kiri mu Karere ka Nyagatare zitategurwa cyamunara kuko amasezerano bagiranye ateganya ko mu gihe ananiwe kwishyura inguzanyo yamuhaye haziyambazwa inkiko, ko atakwishyura 9% ya frais judiciaires, mise à exécutions, commissions et frais non privilégiés kuko ari clauses abusives, kandi ko igipimo cy'inyungu (taux d'intérêt) kitagomba kuva kuri 17, 25% ngo kube 19,5% bitewe n'uko Rwagasana Thomas yashyizwe mu cyicyiro cya 5 (classe 5) cy'abatishyura neza inguzanyo bahawe, ndetse ko BK Ltd itakomeza kubara inyungu z'ubukererwe nyuma y'iseswa ry'amasezerano y'inguzanyo ryabaye ku wa 06/12/2012, anasaba ko yamuha indishyi zinyuranye. Mukakimenyi Marie Rosine, umugore wa Rwagasana Thomas, yagobotsemo ku bushake muri urwo rubanza.

[2] Mu miburanire ye, Rwagasana Thomas yasabye kandi ko atakwishyura BK Ltd umwenda w'ikirenga imwishyura ungana na 879.296.362Frw ubazwe kugeza ku wa 09/08/2013 kuko igipimo cy'inyungu cya 19,5%, uwo mwenda wabariweho, kidateganyijwe mu masezerano bagiranye, kandi ko izo nyungu zitagomba gukomeza kubarwa nyuma y'iseswa ry'amasezerano y'inguzanyo. Naho uburanira BK Ltd avuga ko itishyura Rwagasana Thomas umwenda w'ikirenga, ko ahubwo akwiye kuyishyura amafaranga yose ayibereyemo arimo 879.296.362Frw y'umwenda na 261.864.547Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko (Bank Guarantee), ariko ko

inyungu zawo z'ubukererwe zigomba gukomeza kubarwa kugeza igihe azayishyurira umwenda wose.

[3] Urwo rukiko rwaciye urubanza RCOM 0774/13/TC/Nyge ku wa 28/11/2013, rwemeza ko ikirego cya Rwagasana Thomas n'icya Mukakimenyi Marie Rosine bifite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko inzu iri mu kibanza N°322/324 kiri mu Karere ka Nyagatare itagurishwa muri cyamunara binyuze ku Mwanditsi Mukuru wa RDB, rwemeza ko 9% abariwe ku mwenda-remezo ya frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés atahabwa agaciro kuko ari «clauses abusives», rutegeka ko BK Ltd ihabwa indishyi nyakuri zijyanye n'igihombo yagize.

[4] Urwo Rukiko rwemeje kandi ko 261.864.547Frw ya Bank Guarantee (y'ingwate yo kurangiza imirimo) agomba kuvanwa mu mwenda Rwagasana Thomas yishyuzwa na BK Ltd kuko atigeze atangwa, kandi ko inyungu zazamuwe nyuma y'iseswa ry'amasezerano zikaba 19,5% zigomba gusubizwa kuri 17,25% kuko arizo zumvikanyweho n'impande zombi mu masezerano bagiranye.

[5] Urwo Rukiko rwasobanuye na none ko Rwagasana Thomas atakwishyura BK Ltd 91.016.449Frw kuko nta kimenyetso yatanze kigaragaza ko imwishyuza ayo mafaranga, ariko ko 665.248.503Frw atavanwa mu myenda imwishyuza kuko itayamugeretseho nk'uko Rwagasana Thomas ashaka kubyumvikanisha, kubera ko igihe BK Ltd yamwandikiraga ibaruwa yo ku wa 07/09/2012 yamwihanangirizaga bwa nyuma yiswe Last warning, konti ye N° 040-0293075-71, yari iriho umwenda ungana na 717.157.248Frw, kandi ko Rwagasana Thomas atigeze awuhakana mbere hose.

[6] BK Ltd, Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ruca urubanza RCOMA 0591/13/HCC-RCOMA 0007/14/HCC ku wa 03/07/2014, rwemeza ko ubujurire bwa BK Ltd bufite ishingiro, ko ubujurire bwa Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse mu ngingo zayo zose, rutegeka Rwagasana Thomas gufatanya na Mukakimenyi Marie Rosine guha BK Ltd 500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka na 500.000Frw y'indishyi zo gukomeza kuyishora mu rubanza, rutegeka Rwagasana Thomas guha Habineza Emmanuel, 350.000Frw y'igihembo cy'umuhanga washinzwe n'urukiko kugira ngo akore igenzura mu ibaruramari n'ibindi byose byafasha kwerekana uko imyenda Rwagasana Thomas yahawe ingana.

[7] Urwo Rukiko rwasobanuye ko 9% y'ikurikiranarubanza, ay'igihembo cy'Avoka, ayo guhamba umuhesha w'inkiko n'ay'irangizarubanza (frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés), atari clauses abusives kuko mu masezerano y'inguzanyo impande zombi zagiranye, hateganyijwe ko mu gihe Rwagasana Thomas atishyuye BK Ltd umwenda ayibereyemo, azayishyura 2% y'inyungu z'ubukererwe ziziyongera kuri 17.25% y'igipimo cy'inyungu zisanzwe, zikaba 19.25%.

[8] Urwo Rukiko rwasobanuye kandi ko 240.994.500Frw ya Bank Guarantee agomba gushyirwa mu mwenda Rwagasana Thomas yishyuzwa na BK Ltd kuko yayamwishyuriye muri Minisiteri y'Ubuzima. Ikindi n'uko ko nta kimenyetso Rwagasana Thomas yatanze kigaragaza ko hari amafaranga BK Ltd yamugeretseho nk'uko ashaka kubyumvikanisha, ariko ko

kugira ngo hamenyekane ingano y’umwenda nyakuri ayibereyemo, hagomba gushyirwaho umuhanga mu by’ibaruramari nk’uko Rwagasana Thomas yabisabye ku rwego rwa mbere no mu bujurire, nyamara kubera ko Rwagasana Thomas yanze kumwishyura kugira ngo akore iyo raporo, akwiye gucibwa 350.000Frw y’igihembo cy’umuhanga washyizweho n’urukiko gihwanye n’imirimo y’ibanze yakoze, maze urubanza rwe rugacibwa hashingiwe ku myanzuro yatanze, aho gushingira ku buhamya bw’umuhanga.

[9] Rwagasana Thomas yajuririye urubanza RCOMA 0591/13/HCC-RCOMA 0007/14/HCC mu Rukiko rw’Ikirenga, ubujurire bwe bwandikwa kuri RCOMAA 0056/15/SC – RCOMAA 00025/2017/SC.

[10] BK Ltd imaze kubona ko amafaranga yavuye muri cyamunara y’inzu za Rwagasana Thomas atarangije umwenda wose yari ayifitiye, byatumye itanga ikirego mu Rukiko Rukuru rw’Ubucuruzi isaba ko Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine bayishyura umwenda wasigaye uhwanye na 2.174.151.697 agizwe na 888.923.978 Frw “en principal” + 1.285.719 Frw “pour les agios” abazwe kugeza ku wa 17/08/2001, ariko ko icyo kirego kitaburanishijwe ahubwo cyoherejwe muri uru rukiko, aho cyanditswe kuri RCOM 0003/17/CS - RCOM 00004/2017/SC kinahuzwa n’ubujurire bwa Rwagasana Thomas bwanditswe RCOMAA 0056/15/SC – RCOMAA 00025/2017/SC kubera ko izo manza zombi zifitanye isano, n’ababuranyi ari bamwe.

[11] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 25/07/2017, Rwagasana Thomas yunganiwe na Me Mutabazi Abayo Claude, Mukakimenyi Marie Rosine yunganiwe na Me

Rwinikiza Félix, naho BK Ltd ihagarariwe na Me Rusanganwa Jean Bosco.

[12] Iburanisha ry'urubanza ritangiye, uburanira BK Ltd yavuze ko aretse inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yari yaratanze mu nama ntegurarubanza yo ku wa 25/01/2017, aho yavugaga ko agaciro k'ikiburanwa katageze kuri 50.000.000Frw, maze urubanza ruburanishwa mu mizi.

[13] Ku wa 26/07/2017, uru rukiko rwashyizeho Ayinkamiye Spéciose nk'umuhanga muri uru rubanza kugira ngo agaragaze by'umwihariko ingano y'umwenda-remezo n'inyungu ziwukomokaho, Rwagasana Thomas agomba kwishyura BK Ltd.

[14] Ku wa 30/10/2017, Ayinkamiye Spéciose yatanze raporo ikubiyemo ibisubizo by'ibibazo binyuranye yari yarabajijwe n'urukiko, n'ababuranyi batanga indi myanzuro y'inyongera bagira icyo bayivugaho. Iburanisha ry'urubanza ryasubukuwe ku wa 13/12/2017, maze Ayinkamiye Spéciose asobanura iyo raporo ye n'abandi baburanyi bagira icyo bayivugaho.

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

1.Kumenya ingano y'umwenda-remezo n'inyungu ziwukomokaho Rwagasana Thomas agomba kwishyura BK Ltd

[15] Rwagasana Thomas n'umwunganira bavuga ko BK Ltd yamuhaye inguzanyo zitandukanye no mu bihe bitandukanye kugira ngo yubake amazu y'ubucuruzi, amashuri, ibitaro n'ibindi bikorwa nk'uko bigaragazwa n'amasezerano bagiranye, ariko ko

BK Ltd yamwishyuye 668.248.503Frw nk'uko bigaragazwa na historique bancaire mu buryo bukurikira: 100.000.000Frw yo ku wa 23/08/2010, 189.452.100 Frw yo ku wa 02/07/2010, 119.740.499Frw yo ku wa 04/12/2012, 256.055.904Frw yo ku wa 27/08/2010, na 409.192.599 Frw, kandi ko BK Ltd yakomeje kuyabarira inyungu z'ubukererwe nyuma y'iseswa ry'amasezerano, kandi nta masezerano yanditse bagiranye agaragaza ko yamuhaye iyo myenda.

[16] Bavuga kandi ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko agomba kwishyura BK Ltd 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko (Bank Guarantee) hiyongereyeho n'inyungu zayo, kandi ko ayo mafaranga agomba kwiyongera ku zindi nguzanyo ayifitiye, rwirengagije ko ayo mafaranga atari inguzanyo kubera ko nta masezerano yihariye bagiranye ayigenga. Bavuga ko indi mpamvu ituma Rwagasana Thomas atakwishyura BK Ltd ayo mafaranga, ari uko nta kimenyetso yatanze kigaragaza ko yamwishyuriye uwo mwenda muri MINISANTE, ko ariko iramutse itanze icyo kimenyetso, yayishyura 240.994.500Frw yumvikanyweho n'impande zombi, atabariyemo inyungu kuko zitumvikanyweho n'impande zombi.

[17] Bakomeza basobanura ko guhera ku wa 07/09/2012, igihe BK Ltd yandikiraga Rwagasana Thomas imwishyura umwenda ayibereyemo, kugeza ku wa 11/03/2015, yayishyuye uwo mwenda mu buryo bukurikira: ku wa 15/01/2013 yayishyuye 46.572.417Frw na 32.072.857Frw, ku wa 20/06/2013 ayishyura 879.083.831Frw, ku wa 14/01/2014 ayishyura 89.730.282Frw, ku wa 14/03/2014 ayishyura 126.728.540Frw, naho ku wa 11/03/2015 ayishyura 40.000.000Frw, yose hamwe akaba 1.214.187.927Frw, ko kuba ku wa 07/09/2012, BK Ltd yarandikiye Rwagasana Thomas imwishyura 1.164.321.782Frw,

kandi yarayishyuye 1.214.187.927Frw, basanga ahubwo ariyo igomba kumusubiza 49.866.145Frw y'ikinyuranyo cy'ayo mafaranga. Basaba ko Urukiko rw'Ikirenga rwakwemeza ko Rwagasana Thomas yishyuye BK Ltd imyenda yose yamuhaye ku buryo igomba kumusubiza 1.000.000.000Frw irenga yayishyuye bitari ngombwa.

[18] Ku bijyanye n'agaciro ka raporo y'umuhanga, Me Mutabazi Abayo Claude wunganira Rwagasana Thomas avuga ko iyo raporo itahabwa agaciro kuko itagaragaza imyenda yose Rwagasana Thomas aregwa na BK Ltd, uburyo yayifashe n'uburyo bwo kuyishyura bari barumvikanyeho mu masezerano bagiranye, kandi ko umuhanga atagaragaje umubare w'amafaranga Rwagasana Thomas yayishyuye mbere na nyuma ya cyamunara y'inzu ye kuko atagaragaje uburyo 40.000.000Frw yavuye muri iyo cyamunara yagabanyije umwenda we.

[19] Avuga kandi ko umuhanga yagaragaje ko Rwagasana Thomas asigaje kwishyura BK Ltd 1.668.645.757Frw abariyemo inyungu zingana na 786.948.623Frw zabariwe ku gipimo cy'inyungu kingana na 19.25 %, ariko ko batamenye aho yakuye iryo janisha ry'inyungu kuko ritigeze ryumvikanwaho n'impande zombi mu masezerano bagiranye, ko ahubwo igipimo cy'inyungu yagombaga gukoresha mu kubara inyungu ari 17.25 % kuko aricyo cyumvikanyweho n'impande zombi mu masezerano bagiranye yasinyiwe imbere ya Noteri.

[20] Avuga na none ko umuhanga atagaragaje niba 786.948.623Frw ari inyungu zisanzwe cyangwa z'ubukererwe kuko inyungu zisanzwe zagombaga guhagarara guhera ku itariki y'iseswa ry'amasezerano cyangwa ry'isibwa ry'umwenda mu bitabo bya BK Ltd, uretse ko inyungu z'ubukererwe zo zagombaga gukomeza kubarwa kugeza urubanza ruciwe nk'uko

byemejwe mu mwiherero w'Abacamanza wabereye mu Karere ka Rubavu, ariko ko bitumvikana ukuntu izo nyungu zajya kungana n'umwenda yishyuzwa ungana na 881.697.134Frw.

[21] Ku byerekeranye n'agaciro ka raporo y'umuhanga, Mukakimenyi Marie Rosine n'umwunganira bavuga ko iyo raporo itahabwa agaciro kubera ko itagaragaza imyenda agomba gufatanya n'umugabo we n'iyo batagomba gufatanya bitewe n'uko hari amasezerano y'inguzanyo n'ay'ingwate Mukakimenyi Marie Rosine atasinye. Ikindi n'uko bitumvikana ukuntu umwenda wishyuzwa ungana na 881.697.134Frw ujya kungana n'inyungu zawo zingana na 786.948.623 Frw zibariwe ku ijjanisha rya 19.25 % ritumvikanyweho n'impande zombi mu masezerano bagiranye.

[22] Me Rusanganwa Jean Bosco avuga ko BK Ltd yaguriye Rwagasana Thomas inguzanyo zitandukanye mu bihe bitandukanye kuva mu mwaka wa 2010 kugeza 2012 nk'uko bigaragazwa n'amasezerano bagiranye kuko ku wa 02/03/2010, yamuguriye 294.775.152Frw arimo 94.775.152 Frw yakoresheje mu kumugurira umwenda yari afitiye ECOBANK inamuha ligne de crédit ya 200.000.000Frw, kandi ko iyo myenda yagiye yiyongera ku yindi myenda yagiye imuha kuko atayishyuraga nk'uko bikwiye ku buryo ku wa 31/01/2012, iyo myenda yose yanganaga na 1.048.187.160Frw nk'uko bigaragazwa n'amasezerano yo ku wa 31/01/2012.

[23] Avuga kandi ko ku wa 11/06/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imusaba kuyishyura byibuze 1.055.701.542Frw akomoka ku mwenda wanganaga na 1.118.645.689Frw habariwemo na 63.244.147Frw ya mortgage loan, ariko ko atabikoze, bituma ku wa 07/09/2012, imuha integuza (last warning letter) imusaba kuyishyura

1.164.321.782Frw, bigeze ku wa 06/12/2012, ihagarika amasezerano bagiranye inamusaba kuyishyura 1.211.614.537Frw y'umwenda yari ayibereyemo.

[24] Asobanura ko historique ya konti isanzwe (compte courant) N° 00293075-71 ya Rwagasana Thomas igaragaza ko yashyizweho amafaranga yavuye muri cyamunara y'inzu ye, maze agabanya umwenda we ku buryo wavuye kuri 927.581.853Frw ukaba 887.581.853Frw ku wa 11/03/2015 habariwemo 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko, BK Ltd yamwishyuriye muri MINISANTE ku wa 10/06/2014 hashingiwe ku masezerano y'ubwishingire bagiranye, ariko ko uwo mwenda utabariwemo inyungu z'ubukererwe (agios) zabazwe kuwa ku wa 01/01/2013 nk'uko bigaragazwa na historique ya konti yazo ifite N° 09860175-36, ko kubera ko amafaranga yavuye muri cyamuna atarangije umwenda wose wa Rwagasana Thomas, ariyo mpamvu yatumye imurega mu rukiko imusaba kuyishyura 888.923.978Frw y'umwenda-remezo hiyongereyeho 1.285.227.719Frw y'inyungu z'ubukererwe (agios)zibazwe kugeza ku wa 17/08/2016, yose hamwe akaba 2.174.151.697Frw, ariko ko inyungu z'ubukererwe zikwiye kubarwa kugeza umwenda wose wishyuwe.

[25] Akomeza asobanura ko igipimo cy'inyungu cyumvikanyweho mu masezerano ari 17.25 % ku kwezi n'ubwo umuhanga yabariye izo nyungu ku mwaka, ariko ko icyo gipimo cyazo cyabaye 19,25 % kubera ko muri ayo masezerano, no muri Règlement des Ouvertures de Crédit yahawe na BK Ltd, Rwagasana Thomas yemeye anasinyira ko azayishyura 2% y'inyungu z'ubukererwe ziyongera kuri 17.25 % mu gihe atishyuye inguzanyo yahawe.

[26] Ku byerekeye 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko (Bank Guarantee), avuga ko hashingiwe ku ngingo ya 64 y'Itegeko rigenga amasezerano, Rwagasana Thomas akwiye kuyishyura ayo mafaranga hiyongereyeho n'inyungu zayo kubera ko bayumvikanyeho mu masezerano y'ubwishingire bagiranye ku wa 31/01/2012, kandi ko BK Ltd yamwishyuriye 240.994.500Frw muri Minisitari y'Ubuzima ku wa 10/06/2014, inyanyujije kuri konti yayo iri muri BNR bitewe n'uko Rwagasana Thomas atarangije isoko BK Ltd yari yishingiye, maze ayo mafaranga yiyongera ku myenda yamuhaye, kandi ko agomba kubyara inyungu kuko BK Ltd ikora akazi ko gucuruza amafaranga.

[27] Ku byerekeranye n'agaciro ka raporo y'umuhanga, Me Rusanganwa Jean Bosco, avuga ko iyo raporo ikwiye guhabwa agaciro kuko umuhanga yemeje ko Rwagasana Thomas agomba kwishyura BK Ltd 881.697.134Frw y'umwenda-remezo na 786.948.623Frw y'inyungu z'ubukererwe (agios), yose hamwe akaba 1.668.645.757Frw n'ubwo aya mafaranga adahuye n'ayo BK Ltd yari yararegeye mbere angana na 2.174.151.697 abazwe kugeza ku wa 17/08/2001.

[28] Umuhanga asobanura ko igipimo cy'inyungu zisanze kigaragara mu masezerano ari 17.25%, ariko ko cyiyongereyeho 2% y'inyungu z'ubukererwe, gihinduka 19.25% nk'uko kigaragarira mu ibaruwa yo ku wa 06/12/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imumenyesha ko igipimo cy'inyungu cyahindutse kikaba 19.25% bitewe n'uko yananiwe kuyishyura imyenda ayibereyemo, kandi ko uyu yabonye iyo baruwa arayisinye ku wa 27/03/2013, nyamara ntiyagira icyo ayivugaho, bivuze ko yemeye ibiyikubiyemo, kandi ko igipimo cy'inyungu cya 19.25%, aricyo kimufitiye akamaro kuko iyo atabona iyo

baruwa, yari kubarira inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ku gipimo cy'inyungu cya 41% ku mwaka.

[29] Avuga kandi ko amafaranga yose y'ubwishyu yaciye kuri konti ya Rwagasana Thomas arimo ayavuye muri za cyamunara y'inzu ze yagabanyije imyenda ye nk'uko yabisobanuye muri raporo ye. Yongeraho ko Mukakimenyi Marie Rosine yasinye amasezerano yose Rwagasana Thomas yagiranye na BK Ltd.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[30] Ku byerekeranye n'agaciro ka raporo y'umuhanga, ingingo ya 76 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko: "Ubuhamya bw'abahanga ni ubugamije guha urukiko ibisobanuro bishingiye ku bumenyi kimwe n'umwanzuro urenze ubumenyi busanzwe bw'Umucamanza mu kazi ke bitewe n'uko ibiburanwa bishingiye ku buhanga bwihariye", naho ingingo ya 98 y'iryo Tegeko, igateganya ko "Urukiko ntirukurikiza byanze bikunze ibitekerezo by'abahanga mu gihe binyuranye n'imyumvire y'abacamanza".

[31] Hashingiwe kuri iyo ngingo, Urukiko rurasanga iyo raporo ikwiye gushingirwaho mu guca uru rubanza kuko yakozwe n'umuhanga mu mbibi z'inshingano yari yarasabwe n'urukiko, kandi rubona ibiyikubiyemo bihuje n'ukuri.

[32] Ku birebana n'umwenda-remezo, ingingo ya 64 y'Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, iteganya ko "Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko

babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kubahirizwa nta buriganya”.

[33] Naho ku byerekeranye n'inyungu z'ubukererwe, ingingo ya 7, igika cya 2, y'Amabwiriza rusange N°02/2011 ku ishyirwa mu byiciro by'imyenda no guteganya ingoboka, iteganya ko “Inyungu zose ku myenda itishyurwa neza zabariwe mbere mu mutungo ariko ntizakirwe zigomba guhindurwa kandi zikandikwa kuri konti y'inyungu zahagaze kugeza igihe zishyuriwe n'uwafashe umwenda”.

[34] Ku birebana n'uru rubanza, inyandiko ziri muri dosiye na raporo yakozwe n'umuhanga washyizweho n'uru rukiko yo ku wa 30/10/2017, bigaragaza ko ku wa 09/04/2009, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd asaba ko yamuha découvert ya 700.000.000Frw izamufasha kurangiza ku gihe imirimo yo kubaka ishuri rya Fawe Girl's School riri i Kayonza, kandi ko azishyura ayo mafaranga mu gihe cy'amezi atatu (3). Ku wa 14/04/2009, BK Ltd, Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine basinye amasezerano yiswe Ouverture de crédit avec constitution d'hypothèque bari imbere ya Noteri. Ayo masezerano agaragaza ko BK Ltd yemereye Rwagasana Thomas inguzanyo ya 700.000.000Frw yayisabye, kandi ko azayishyura mu gihe cy'imyaka 3 ku gipimo cy'inyungu kingana na 17.25 % ku mwaka, ko agaciro k'ingwate atanze kangana na 120.000.000Frw na 10.800.000Frw ya frais judiciaires, et de mise à exécution, commissions et frais privilégiés, ko aya mafaranga angana na 130.800.000Frw. Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine batanze ingwate y'iyo nguzanyo igizwe n'inzu yabo iri mu kibanza gifite N°322/324 kiri i Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba.

[35] Ku wa 20/04/2009, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas ibaruwa imumenyesha ko imuguriye (mise en place du crédit) 700.000.000Frw yo kubaka ishuri rya FAWE GIRL'S SCHOOL riri i Kayonza, izishyurwa mu gihe cy'amezi 3 ku gipimo cy'inyungu cya 17.25 % ku mwaka, kandi ko ingwate y'iyo nguzanyo ari inzu yavuzwe haruguru.

[36] Ku wa 01/09/2009, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba découvert ya 100.000.000Frw yo kubaka ikigega cy'amazi gifite 100 m3 n'imishahara yo guhamba abakozi bubakaga ishuri rya FAWE GIRL SCHOOL ryavuzwe haruguru.

[37] Ku wa 02/12/2009, Rwagasana Thomas yandikiye BK asaba ko yamwongerera igihe cy'amezi 3 kugeza muri Gashyantare 2010 kugira ngo azayishyure iyo nguzanyo kuko nyir'ibikorwa ataramwishyura amafaranga amusigayemo.

[38] Ku wa 08/12/2009, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba ko yamuguriza 79.902.927 Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko (Caution de Bonne Fin) ahwanye na 10 % y'isoko yatsindiye rya 799.029.271Frw ryo kubaka umuhanda w'itaka: Nyamata – Musenyi - Shyara, uri mu Karere ka Bugesera, ufite uburebure bw'ibilometero 27.

[39] Ku wa 02/12/2009, Rwagasana Thomas yandikiye na none BK Ltd ayisaba ko yamuguriza 298.260.45Euros ahwanye na 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko ry'ibitaro bya Bushenge biri mu Karere ka Nyamasheke, mu Ntara y'Iburengerazuba.

[40] Ku wa 25/01/2010, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba inguzanyo yo mu bwoko bwa découvert ya

200.000.000Frw yo kugura ibikoresho byo kubaka ibitaro bya Bushenge byavuzwe haruguru n'imishahara y'abakozi.

[41] Ku wa 25/01/2010, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba ko yamugurira umwenda afitiye ECOBANK ungana na 94.779.152Frw, BK Ltd ikanahabwa ingwate z'uwo mwenda zose kugira ngo imyenda ye yose iherere muri BK Ltd.

[42] Ku wa 02/03/2010, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas ibaruwa imumenyesha ko imuguriye 94.775.152Frw azishyurwa mu gihe cy'imyaka itanu (5), ibazwe guhera ku wa 31/03/2010, ku gipimo cy'inyungu kingana na 17.25 % ku mwaka.

[43] Ku wa 29/06/2010, BK Ltd yakoranye na Rwagasana Thomas amasezerano y'inguzanyo n'ingwate (Loan agreement with creation of a mortgage), agaragaza ko imuguriye 933.590.963 Frw, ko agaciro k'igwate atanze kangana na 400.000.000Frw, kandi ko azayishyura 36.000.000 Frw ya frais judiciaires, et de mise à exécution, commissions et frais privilégiés aya mafaranga akaba 436.000.000Frw. Ayo masezerano yasinyiwe imbere ya Noteri w'Akarere ka Gasabo na BK Ltd, Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine.

[44] Ku wa 16/09/2011, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imumenyesha ko imwemereye facility ya 69.000.000Frw yo guhamba abakozi (The Bank has agreed to extend an overdraft facility of Rwf 69.000.000 has been granted fo cater for employees's salary)

[45] Ku wa 13/12/2011, Rwagasana Thomas yongeye kwandikira BK Ltd ayisaba kumwongerera igihe cy'amezi 3 kugira ngo azayishyure inguzanyo (découvert) ya 200.000.000

Frw yo kurangiza imirimo isigaye yo kubaka ibitaro bya Bushenge byavuzwe haruguru (The expression need of money is 200 million which is equivalent to the cost of remaining works for reconstruction of Bushenge Hospital).

[46] Ku wa 21/12/2011, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imumenyesha ko imwemereye découvert ya 100.000.000Frw (The Bank has agreed to grant an overdraft facility of Rwf 100.000.000 has been granted fo facilitate your daily operations expense), inamwibutsa indi myenda ayibereyemo ibazwe kugeza ku wa 21/12/2011.

[47] Ku wa 22/12/2011, BK Ltd yagiranye na Rwagasana Thomas amasezerano y'ingwate (Loan agreement with creation of a mortgage) ya 1.050.929.051Frw (The Bank offers tot he Client, who accepts, a loan of Rwf 1.050.929.051 to be drawn on Bank of Kigali. Muri ayo masezerano yasinyiwe imbere ya Noteri w'Akarere ka Gasabo na BK Ltd, Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine, hateganyijwe ko BK Ltd ihawe ingwate igizwe n'inzu iri mu kibanza gifite N°1584/KIC/MAS kiri Masaka, mu Karere ka Kicukiro, ifite agaciro ka 13.000.000Frw, kandi ko azayishyura 1.170.000Frw ya frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés, yose hamwe akaba 14. 170.000Frw.

[48] Ku wa 05/01/2012, BK Ltd yagiranye na Rwagasana Thomas amasezerano y'ingwate (Constitution of mortgage) N°15329 igizwe n'inzu iri mu kibanza N°319 kiri Nyarutarama, mu Karere ka Gasabo ifite agaciro kangana na 250.000.000Frw, kandi ko azayishyura 22.500.000Frw ya frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés, yose hamwe akaba 272.500.000Frw. Ayo masezerano yasinyiwe imbere ya

Noteri w'Akarere ka Gasabo na BK Ltd, Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine.

[49] Ku wa 26/01/2012, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba kumwongerera igihe cy'amezi 3 kugira ngo azayishyure inguzanyo zose yamuhaye zigaragara mu bitabo byayo, cyane cyane *découvert* yamuhaye yakoresheje mu kubaka ibitaro bya Bushenge mu gihe agitegereje ko MINISANTE itanga uburenganzira bwo kumwishyura.

[50] Ku wa 31/01/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imumenyesha ko imwemereye *découvert* ya 404.293.881 Frw agomba kuzishyura mu mezi 3 mu gihe agitegereje kwishyurwa. (The Bank has agreed to grant an overdraft limit for the debit balance on your account of Rwf 404.293.881 for a period of 3 months awaiting payments).

[51] Ku wa 20/04/2012, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayisaba ko yamuguriza 68.000.000Frw yo guhamba abakozi bubakaga ibitaro bya Bushenge.

[52] Ku wa 11/06/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imusaba ko yayishyura 1.118.645.689Frw y'umwenda ayibereyemo ubazwe kugeza ku wa 11/06/2012, ariko ko agomba kuyishyura nibura 1.055.701.542Frw bitarenze ku wa 11/06/2012.

[53] Ku wa 07/09/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imuha integuza (Last warning letter) imusaba ko yayishyura 1.164.321.782Frw, kandi ko natabikora mu gihe cy'iminsi 30 y'akazi, BK Ltd izatangira imihango yo kugurisha amazu ye yayihayeho ingwate, ndetse ko izamushyirisha mu

bakiriya batajya bishyura inguzanyo zabo neza, Rwagasana Thomas yabonye iyo baruwa ku wa 18/09/2012, arabisinyira.

[54] Ku wa 25/09/2012, Rwagasana Thomas yandikiye BK Ltd ayitakambira asaba ko yamwongerera igihe cyo kuyishyura inguzanyo yamuhaye kugeza igihe Minisiteri y'Ubuzima izamwishyurira amafaranga imusigayemo.

[55] Ku wa 06/12/2012, BK Ltd yandikiye Rwagasana Thomas imumenyesha ko isheshe amasezerano bagiranye (Termination of your repayment program), imusaba ko yayishyura 1.211.614.537Frw akubiyemo umwenda-remezo, inyungu, commission n'andi mafaranga ayibereyemo (charges), ariko ko inyungu z'ubukererwe zizakomeza kubarirwa ku gipimo cy'inyungu kingana na 19.25 % kugeza igihe azayishyurira imyenda yose ayifitiye, maze zigashyirwa kuri konti itandukanye n'amakonti asanganwe. Rwagasana Thomas yabonye iyo baruwa ku wa 27/03/2012, aranabisinyira.

[56] Raporo yo ku wa 22/12/2013 n'iyiyo ku wa 28/02/2014 zakozwe na Me Kanyana Bibiane na Me Habimana Védaste, bari bashinzwe kugurisha ingwate, zigaragaza ko nyuma yo kugurisha amazu ari mu bibanza N°1/02/13/02/319 na N°1/02/13/02/619 biri Nyarutarama, mu Karere ka Gasabo, ya Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine bari baratanzeho ingwate muri BK Ltd, hari amafaranga yakoreshejwe muri izo cyamunara ku buryo hasigaye 85.480.282 Frw ku nzu imwe, hanasigara 118.456.988Frw ku yindi nzu, yashyizwe kuri konti N°00040-0293075-71 ya Rwagasana Thomas, maze agabanya découvert yari ayifitiye nk'uko bivugwa muri raporo y'umuhanga wavuzwe haruguru.

[57] Avis de crédit yo ku wa 10/06/2014 iri muri dosiye, igaragaza ko BK Ltd yishyuriye Rwagasana Thomas 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko yo kubaka ibitaro bya Bushenge muri Minisiteri y'Ubuzima iyanyujije kuri konti yayo N°1201176 iri muri BNR nk'uko bari barabyumvikanyeho mu masezerano y'ubwishingire N°98469 (Performance Guarantee N° 98469) yo mwaka wa 2009, noneho BK Ltd irangije kumwishyurira ayo mafaranga, yayongereye ku myenda Rwagasana Thomas yari ayibereyemo kuko ku wa 10/06/2014, BK Ltd yashyize konte ye N° 040-0293075-71 muri solde négatif nk'uko bigaragazwa n'inyandiko iri muri dosiye kuri cote ya 207 na Accusé de reception d'ordre de virement immédiat N° 345023 iri kuri cote ya 208.

[58] Ku bijyanye n'imyenda BK Ltd yaguriye Rwagasana Thomas, umuhanga washyizweho n'uru rukiko yasesenguye amasezerano y'inguzanyo yavuzwe haruguru, atanga raporo yo ku wa 30/10/2017, igaragaza ko BK Ltd yaguriye Rwagasana Thomas imyenda ikurikira: 700.000.000Frw ku wa 20/04/2009, 240.994.500 Frw ku wa 02/12/2009, 94.775.152 Frw ku wa 02/03/2010, 200.000.000 Frw ku wa 02/03/2010, 110.000.000 Frw ku wa 02/03/2010 na 933.590.963 Frw ku wa 29/06/2010.

[59] Iyo raporo y'umuhanga igaragaza kandi ko muri iyo myenda-remezo, Rwagasana Thomas yarangije kwishyura BK Ltd 700.000.000Frw gusa mu mpera z'ukwezi kwa munani 2009, kandi ko kuri mortgage loan facility ingana na 94.775.152Frw, yayishyuye gusa 56.940.552Frw na 2.719.204 y'inyungu zayo z'ubukererwe, hasigara 73.341.651Frw yiyongereye ku zindi za découverts yamuhaye, ko nyuma yo guteza cyamunara amazu ye abiri ari mu bibanza N° 1/02/13/02/319 na N° 1/02/13/02/619 biri Nyarutarama byavuzwe haruguru, amafaranga avuyemo

(85.480.282 Frw + 118.456.988 Frw) yashyizwe kuri konti ye N° 00040-0293075-71 iri muri BK Ltd agabanya imyenda ye, ariko ko iyo myenda yongeye kwiyongeraho 240.994.500Frw y'ingwate yo kurangiza neza imirimo y'isoko yamwishyuriye muri MINISANTE nk'uko byasobanuwe haruguru.

[60] Amasezerano y'inguzanyo na raporo y'umuhanga byavuzwe haruguru biri muri dosiye, bigaragaza ko imyenda Rwagasana Thomas yagurijwe na BK Ltd yavuzwe haruguru izishyurwa hiyongereyeho inyungu zayo zisanzwe zibariwe ku gipimo cy'inyungu kingana na 17.25 %, uretse Bank Guarantee iziyongeraho inyungu zibariwe ku gipimo cy'inyungu kingana na 3.5 %, ariko ko mu gihe atayishyuye umwenda ayibereyemo, azawishyura hiyongereyeho inyungu zawo z'ubukererwe zizabarirwa ku gipimo cy'inyungu kingana na 19.25 % nk'uko bivugwa mu ibaruwa BK Ltd yamwandikiye ku wa 06/12/2012, igihe yasesaga amasezerano bagiranye (Termination of your repayment program).

[61] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze kuvugwa haruguru, Urukiko rurasanga imvugo y'uburanira Rwagasana Thomas y'uko inyungu z'ubukererwe zitagombaga kubarirwa ku gipimo cya 19.25 %, nyuma y'iseswa ry'amasezerano y'inguzanyo nta shingiro ifite, kubera ko BK Ltd yamwandikiye ibaruwa yo ku wa 06/12/2012 yavuzwe haruguru, imumenyesha ko azayishyura inyungu z'ubukererwe zibariwe ku gipimo cya 19.25 %, kandi Rwagasana Thomas yabonye iyo baruwa ku wa 27/03/2012, arabisinyira, ariko ntiyagira icyo ayivugaho icyo gihe, bigaragara ko yemeye icyo gipimo cy'inyungu.

[62] Urukiko rurasanga ikindi kimenyetso kigaragaza ko inyungu z'ubukererwe zikwiye kubarirwa ku gipimo kingana na 19.25 %, ari uko BK Ltd yagiye yandikira Rwagasana Thomas

amabaruwa atandukanye yo ku wa 21/12/2011, ku wa 31/01/2012, 11/06/2012 no ku wa 07/09/2012, imumenyesha ko natayishyura ibirarane ayibereyemo bikurikira: 7.235.903Frw; 12.256.453Frw; 4.869.120Frw na 12.340.276Frw, azabyishyurira inyungu z’ubukererwe zibariwe ku gipimo cya 19.25 %, ariko ko Rwagasana Thomas atagize icyo akinenga icyo gihe cyose, bivuze rero ko nta kosa umuhanga yakoze ubwo yabariraga inyungu z’ubukererwe ku gipimo cya 19.25 %.

[63] Ku birebana na 240.994.500Frw y’ingwate yo kurangiza neza imirimo y’isoko, Urukiko rurasanga, kuba BK Ltd yarishyuriye Rwagasana Thomas ayo mafaranga muri MINISANTE ku wa 10/06/2014 nk’uko bigaragazwa n’ibimenyetso birimo na Avis de crédit yo ku wa 10/06/2014 biri muri dosiye byavuzwe haruguru, nta kosa Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwakoze ubwo rwemezaga ko ayo mafaranga agomba kwiyongera ku zindi nguzanyo yamuhaye akanayishyurira inyungu zingana na 3.5% ku mwaka nk’uko byanemejwe n’umuhanga washyizweho n’uru rukiko kubera ko BK Ltd ari ikigo cy’imari gishinzwe gucuruza amafaranga.

[64] Urukiko rurasanga imvugo y’uburanira Rwagasana Thomas y’uko atakwishyura BK Ltd 668.248.503Frw (ariko mu by’ukuri ni 665.248.503 Frw) agizwe na 100.000.000Frw + 189.452.100 Frw + 119.740.499 Frw + 256.055.904 Frw agaragarira kuri historique bancaire ya BK Ltd ngo kuko yayageretsweho na BK Ltd nta shingiro ifite, kuko nta kimenyetso yatanze kigaragaza ukuri kw’ibyo aburana nk’uko biteganywa n’ingingo ya 9 y’Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano, iz’ubucuruzi, iz’umurimo n’iz’ubutegetsi, iteganya ko “Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by’ibyo

aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda, kubera ko BK Ltd yagiye imwandikira amabaruwa atandukanye yavuzwe haruguru imumenyesha ingano y'imyenda ayibereyemo, ariko ntagire icyo ayinenga, ahubwo agakomeza kuyisaba izindi nguzanyo nk'uko byasobanuwe haruguru.

[65] Hashingiwe ku ngingo ya 64 y'Itegeko ryavuzwe no kuri raporo y'umuhanga byavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga Rwagasana Thomas agomba kwishyura BK Ltd 881.697.134Frw y'umwenda-remezo na 786.948.623Frw y'inyungu z'ubukererwe, yose hamwe akaba 1.668.645.757Frw kuko Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine n'ababunganira nta bimenyetso batanze bivuguriza ibyashingiweho n'umuhanga byavuzwe haruguru.

2. Kumenya niba hari amasezerano Mukakimenyi Marie Rosine atasinye ku buryo atafatanya na Rwagasana Thomas kwishyura BK Ltd imyenda yamuhaye atayishyuye

[66] Mukakimenyi Marie Rosine n'umwunganira bavuga ko atafatanya na Rwagasana Thomas kwishyura BK Ltd imyenda yose yamuguriye kuko atasinye amasezerano y'inguzanyo n'ay'ingwate umugabo we yagiranye na BK Ltd.

[67] Basobanura ko muri ayo masezerano harimo amasezerano y'inguzanyo yo ku wa 31/01/2012 ya 404.293.881Frw akwiye guteshwa agaciro kuko iyo nguzanyo yatanzweho ingwate y'imitungo yose y'umuryango, ariko ko Mukakimenyi Marie Rosine atayasinye kandi nawe afite uburenganzira bungana na 50 % kuri iyo mitungo y'umuryango nkuko biteganywa n'ingingo ya 34 na 35 z'Itegeko Ngenga N°08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda , hamwe n'ingingo ya 21

y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, iteganya ko "Uko imicungire y'umutungo n'uburyo bawucunga byaba biri kose, ubwumvikane bw'abashyingiranywe ni ngombwa mu gutanga ikitimukanwa bwite n'umutungo bahuriyeho no kubitangaho ubundi burenganzira bwose"

[68] Me Rusanganwa Jean Bosco, uburanira BK Ltd, avuga ko Mukakimenyi Marie Rosine akwiye gufatanya na Rwagasana Thomas kwishyura imyenda yose uyu yahawe na BK Ltd kuko yasiye ku masezerano yose y'inguzanyo n'ay'ingwate bagiranye.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[69] Ingingo ya 9 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko "Urega agomba kugaragaza ibimenyetso by'ibyo aregera. Iyo abibuze, uwarezwe aratsinda".

[70] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Mukakimenyi Marie Rosine yasinyiye imbere ya Noteri w'Akarere ka Gasabo amasezerano y'inguzanyo n'ay'ingwate yo ku wa 14/04/2009, ku wa 29/06/2010, no ku wa 22/12/2011, ndetse n'amasezerano y'ingwate (Constitution of mortgage) yo ku wa 05/01/2012 yavuzwe haruguru.

[71] Urukiko rurasanga, nk'uko n'umuhanga yabisobanuye muri raporo ye yavuzwe haruguru, nta masezerano y'inguzanyo cyangwa y'ingwate Rwagasana Thomas yagiranye na BK Ltd,

Mukakimenyi Marie Rosine atasinye, bityo uyu akaba agomba kubitsindirwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 9 y'Itegeko ryavuzwe haruguru, bivuze rero ko Mukakimenyi Marie Rosine agomba gufatanya na Rwagasana Thomas kwishyura BK Ltd umwenda-remezo n'inyungu z'ubukererwe nk'uko byasobanuwe haruguru.

3. Kumenya niba amasezerano y'inguzanyo Rwagasana Thomas yagiranye na BK Ltd arimo clauses abusives ku birebana na frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés

[72] Rwagasana Thomas n'umwunganira bavuga ko atakwishyura BK Ltd 9% y'umwenda-remezo wose imwishyura urenga miriyari y'ikurikiranarubanza, ay'igihembo cya Avoka, yo kwishyura amatangazo ya cyamunara, yo guhamba umuhesha w'inkiko n'ay'irangizarubanza (frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés) kubera ko ingingo zose z'amasezerano bagiranye ari muri position de faiblesse zimutegeka kuyishyura ayo mafaranga, ari clauses abusives kuko ziteganyiriza BK Ltd urwunguko rwinshi cyane kuko 9% y'amafaranga arenga miriyari yishyuzwa ashobora kugera kuri 160.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka, kandi ko nta kimenyetso BK Ltd yatanze kigaragaza ko yakoresheje ayo mafaranga mu gukurikirana no kuburana uru rubanza.

[73] Bavuga ko ahubwo Rwagasana Thomas yarangije kwishyura amafaranga ya frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés, igihe inzu ze zatezwaga cyamunara kuko abaziteje cyamunara bishyuye amafaranga y'amatangazo ya cyamunara, ay'igihembo cy'umuhesha w'inkiko n'andi yose yasabwaga, barangije, bayamubaraho,

ariko ko iyo umuhanga agaragaza amafaranga yose Rwagasana Thomas yishyuye icyo gihe, yari gusanga hasigaye amafaranga y'igihembo cya Avoka gusa.

[74] Me Rusanganwa Jean Bosco, uburanira BK Ltd, avuga ko 9% ya frais judiciaires, mise à exécution, commissions et frais non privilégiés, agaragarira mu masezerano y'ingwate, atari clauses abusives, kuko adashingiye ku mwenda-remezo wose yishyuzwa, kandi ko ayo mafaranga atagombye kumutera impungenge mu gihe BK Ltd imwishyuza gusa 10.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka na 50.000Frw y'ingwate y'igarama yatanze.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[75] Amasezerano y'inguzanyo n'ay'ingwate yo ku wa 14/04/2009, ayo ku wa 29/06/2010, ayo ku wa 22/12/2011 n'ayo ku wa 05/01/2012 yavuzwe haruguru, agaragaza ko mu gihe Rwagasana Thomas atishyuye inguzanyo yamuhaye, azishyura 10.800.000Frw, 36.000.000Frw, 1.170.000Frw na 22.500.000 Frw ya frais judiciaires, et de mise à exécution, commissions et frais privilégiés.

[76] Ku birebana n'amafaranga ya frais judiciaires, et de mise à exécution, commissions et frais privilégiés, Urukiko rurasanga rukwiye kuyagera BK Ltd mu bushishozi bwawo, aho gushingira ku gipimo cya 9% cy'imyenda yahawe kivugwa muri ayo masezerano kuko kwaba ari kuyihesha indonke ikabije (enrichissement sans cause) kandi bitemewe n'amategeko, kuko nta kimenyetso BK Ltd yatanze kigaragaza ingano y'amafaranga yakoresheje ikurikirana uru rubanza, cyane cyane ko

n'uyiburanira muri uru rubanza yiyemereye ko icyo gipimo kitashingirwaho mu kuyigenera ayo mafaranga.

4. Kumenya niba Rwagasana Thomas atakwishyura 350.000Frw y'igihembo cy'umuhanga wo ku rwego rwa mbere

[77] Rwagasana Thomas n'umwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutagombaga kumutegeka kwishyura Habineza Emmanuel 350.000Frw nk'igihembo cy'umuhanga, kandi nta raporo ya expertise yakoze.

[78] Me Rusanganwa Jean Bosco, uburanira BK Ltd, avuga ko Rwagasana Thomas akwiye kwishyura ayo mafaranga kubera ko uwo muhanga yashyizweho n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ariwe ubisabye nk'uko bigaragarira mu gika cya 17 cy'urubanza rujuririrwa, kandi ko uwo muhanga yakoze imirimo y'ibanze kugeza ubwo yatanze fagitire, ariko ko atakoze raporo bitewe n'uko Rwagasana Thomas yanze kumuha avance yari gutuma ayikora.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[79] Urukiko rurasanga nk'uko n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabisobanuye mu gika cya 18 cy'urubanza rwajuririwe muri uru rukiko, kuba Rwagasana Thomas yaremeye ko hashyirwaho umuhanga mu by'ibaruramari kugira ngo atange raporo igaragaza ingano nyakuri y'umwenda abereyemo BK Ltd, kandi umuhanga washyizweho n'urwo rukiko akaba yarakoze imirimo y'ibanze ijyanye no gusuzuma uburemere bw'imirimo yari yahawe kugeza ubwo yatangaga inyemezabwishyu facture igaragaza ingano y'amafaranga azishyurwa, ariko iyo raporo ikaba itarakozwe bitewe n'uko Rwagasana Thomas

atamwishyuye ayo mafaranga, nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze ubwo rwamutegekaga kwishyura uwo muhanga 350.000Frw ahwanye n'imirimo y'ibanze yari amaze gukora, bityo ubujurire bwe kuri iyi ngingo nta shingiro bufite.

5. Kumenya niba Rwagasana Thomas yahabwa indishyi asaba no kumenya niba ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na BK Ltd bufite ishingiro

[80] Rwagasana Thomas n'umwunganira bavuga ko BK Ltd ikwiye kumuha 20.000.000Frw y'indishyi z'akababaro z'uko itubahirije amasezerano bagiranye, 500.000Frw y'ikurikiranarubanza na 10.000.000Frw y'igihembo cy'Avoka, ariko ko ataha BK Ltd indishyi isaba kubera ayo makosa yamukoreye.

[81] Me Rusanganwa Jean Bosco, uburanira BK Ltd, avuga ko itaha Rwagasana Thomas indishyi asaba kuko atubahirije amasezerano y'inguzanyo bagiranye, ko ahubwo atanze ubujurire bwuririye ku bundi, asaba ko Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine bafatanya kuyiha 2.000.000Frw y'indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu, 10.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka.

[82] Me Rwinikiza Félix, uburanira Mukakimenyi Marie Rosine, avuga ko ataha BK Ltd indishyi isaba kubera ko atasinye amasezerano yose y'inguzanyo n'ay'ingwate BK Ltd yakoranye na Rusanganwa Jean Bosco, kandi nawe yari afite uruhare ku mutungo w'umuryango wabo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[83] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano, iteganya ko "Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse".

[84] Hashingiwe kuri iyo ngingo, Urukiko rurasanga Rwagasana Thomas atahabwa indishyi z'akababaro, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kubera ko atsinzwe.

[85] Ku birebana n'amafaranga BK Ltd isaba mu bujuriye bwuririye ku bundi, Urukiko rurasanga itahabwa indishyi z'akababaro zo gushorwa mu manza nta mpamvu kuko nta kigaragaza ko Rwagasana Thomas yayireze nkana agamije kuyangiriza, ariko agomba kuyiha 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yo kuri uru rwego agenewe n'urukiko mu bushishozi bwawo kuko ayo isaba ari menshi.

6. Kumenya ugomba kwishyura igihembo cy'umuhanga wo kuri uru rwego

[86] Inyemezabwishyu (reçu) yo ku wa 04/01/2017 iri muri dosiye, igaragaza ko Rwagasana Thomas yishyuye Ayinkamiye Spéciose, umuhanga washyizweho n'uru rukiko, 2.000.000Frw y'igihembo kugira ngo ategure raporo igaragaza ingano y'umwenda abereyemo BK Ltd. Na none bordereau de versement yo ku wa 01/12/2017 iri muri dosiye, igaragaza ko BK Ltd yishyuye uwo muhanga igihembo kingana na 2.000.000Frw kugira ngo abashe gukora iyo raporo.

[87] Urukiko rurasanga Rwagasana Thomas akwiye gusubiza BK Ltd 2.000.000Frw y'igihembo cy'umuhanga wakoze raporo igaragaza ingano y'umwenda ayibereyemo kubera ko atsinzwe urubanza.

[88] Hakurikijwe ibisobanuro byavuzwe haruguru, Urukiko rurasanga rero igiteranyo cy'amafaranga Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine bagomba kwishyura BK Ltd ari: 881.697.134Frw y'umwenda-remezo + 786.948.623Frw y'inyungu z'ubukererwe + 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yo kuri uru rwego, yose hamwe akaba 1.669.645.757Frw, bakanayisubiza 2.000.000Frw y'igihembo cy'umuhanga wakoze raporo igaragaza ingano y'umwenda ayibereyemo, ayo mafaranga akaba agomba kwiyongera kuyo yaciwe mbere.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[89] Rwemeje ko ubujurire bwa Rwagasana Thomas nta shingiro bufite;

[90] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na BK Ltd bufite ishingiro kuri bimwe;

[91] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na BK Ltd gifite ishingiro kuri bimwe;

[92] Rwemeje ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza RCOMA 0591/13/HCC-RCOMA 0007/14/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 03/07/2014;

[93] Rutegetse Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine gufatanya guha BK Ltd 881.697.134 Frw y'umwenda-remezo na 786.948.623 Frw y'inyungu z'ubukererwe, yose hamwe akaba 1.668.645.757Frw;

[94] Rutegetse Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine gufatanya guha BK Ltd 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yo kuri uru rwego;

[95] Rutegetse Rwagasana Thomas na Mukakimenyi Marie Rosine gufatanya guha BK Ltd 2.000.000Frw y'igihembo cy'umuhanga wakoze raporo igaragaza ingano y'umwenda bayibereyemo;

[96] Rutegetse ko ingwate y'amagarama yatanzwe na Rwagasana Thomas ajurira ingana na 100.000 Frw ihwanye n'ibyakoze muri uru rubanza.

**RWANDA LAW
REPORTS**

ENGLISH VERSION

TABLE OF CONTENTS

| | |
|--|------|
| TEAM OF EDITORS..... | iii |
| I. LAW REPORTING TEAM..... | iii |
| II. MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE | v |
| PREFACE | ix |
| SCOPE OF THE REPORTS | xi |
| CITATION | xi |
| LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED..... | xiii |
| LIST OF CASES CONSIDERED..... | xv |
| SUBJECT INDEX..... | xvii |
| NDITIRIBAMBE v GATERA ET AL | 1 |
| SALIMINI v GOVERNMENT OF RWANDA (MINISANTE) | 33 |
| MUKANKUBITO v NABIMANA..... | 55 |
| RIZIKI v. MUBIRIGI | 87 |
| UWAMWEZI v RANGHELLA | 103 |
| RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD..... | 143 |
| RWAGASANA v BANK OF KIGALI (BK) LTD..... | 159 |

TEAM OF EDITORS

I. LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

II. MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

| | |
|---|--|
| Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse | : President of the Committee, Judge of the Court of Appeal |
| Dr. MUHIRE G. Yves | : Vice President of the Committee, Lecturer in the School of Law/UR |
| NSENGIYUMVA Jean Claude | : Secretary of the Committee, Inspector of Courts |
| RUKUNDAKUVUGA F. Regis | : President of Court of Appeal |
| Dr. KARIMUNDA M. Aimé | : Judge at Supreme Court |
| NDAHAYO Xavier | : President of High Court |
| RUTAZANA Angeline | : Inspector General of Courts |
| KALIWABO Charles | : Judge of the Court of Appeal |
| Dr. KAYIHURA Didas | : Rector of ILPD |
| BURAYOBERA UMUZAYIRE Bibiane | : Vice-Chairman of Rwanda Law Reform Commission |
| BWIZA N. Blanche | : Inspector of Courts |
| KIBUKA Jean Luc | : Judge at Commercial High Court |

| | |
|-----------------------------------|--|
| HABARUREMA Jean Pierre | : Prosecutor at National Level |
| BUNYOYE Grace | : Prosecutor at National Level |
| KABIBI Specioza | : State Attorney |
| MUREREREHE Saouda | : Judge at High Court |
| Lt. Col. MADUDU A. Charles | : Judge at Military Court |
| Dr. NSHIMIYIMANA Didace | : Chief Registrar of Court of Appeal |
| GIRANEZA Clémentine | : Judge of the Intermediate Court |
| BAGABO Faustin | : Advocate at Rwanda Bar Association |
| GAPARAYI Idi | : Lecturer at the University of Kigali |
| Dr. SHEMA Pierre | : Lecturer at ULK |
| KARAKE Canisius | : Lecturer at UNILAK |
| HABIMANA Pie | : Advocate at Rwanda Bar Association |

RWIGEMA Royck : Judge of Commercial Court

YANKURIJE Dorothée : President of the Primary Court

PREFACE

Dear Readers,

We are pleased to present to you the Law Reports Volume 3 [2021]. As usual, we select cases that solve some of the legal issues you encounter, either in your career or in your daily life.

This volume contains seven (7) cases, which includes; six (6) cases in merit; one (1) administrative case, three (3) civil cases, two (2) commercial cases and one (1) procedural case.

These cases can be accessed on the website of the judiciary:
<http://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
President of the Supreme Court and
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court and the Court of Appeal.

CITATION

The Reports in this volume are cited as:
[2021] 3 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

a. Existing laws

| | |
|---|------------|
| <i>Law N° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure;</i> | |
| <i>articles 9 and 63.....</i> | <i>4</i> |
| <i>Law N° 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family as modified and complemented to date, article 8 and 242.....</i> | <i>89</i> |
| <i>Law N°45/2011 of 25/11/2011 governing contracts, article 64.....</i> | <i>163</i> |
| <i>Law N°15/2004 of 12/05/2004 relating to evidence and its production;</i> | |
| <i>article 11.....</i> | <i>58</i> |
| <i>article 76.....</i> | <i>167</i> |
| <i>Presidential Order N° 65/01 of 04/03/2014 determining modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants, articles 5 and 15.....</i> | <i>36</i> |

b. Laws which were inforce when the disputed issue arose but nolonger in existance

| | |
|---|------------|
| <i>Constitution of 20/12/1978, articles 25 and 98.....</i> | <i>58</i> |
| <i>Constitution of 24/11/1962, article 28.....</i> | <i>58</i> |
| <i>Organic Law N° 03/2012/OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, article 81.....</i> | <i>4</i> |
| <i>articles 33, 78, 79, 80 and 81.....</i> | <i>105</i> |

| | |
|--|------------|
| <i>Organic law N° 08/2005 of 14th July 2005 Determining the Use and Management of Land in Rwanda, article 34 and 35.....</i> | <i>163</i> |
| <i>Law N° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statute governing public servants articles 76, 77 and 97.....</i> | <i>36</i> |
| <i>Law N° 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure;</i> | |
| <i>articles 9 and 11.....</i> | <i>105</i> |
| <i>article 9.....</i> | <i>16</i> |
| <i>article 11 and 81.....</i> | <i>4</i> |
| <i>Law N° 12/2007 of 27/03/2007 governing Public Procurement as modified and complemented by the Law N° 05/2013 of 13/2/2013, article 89.....</i> | <i>145</i> |
| <i>Law N° 22/99 of 12/11/1999 supplementing Book I of the Civil Code and instituting Part Five regarding matrimonial regime, liberalities and successions;</i> | |
| <i>articles 19 and 24.....</i> | <i>105</i> |
| <i>article 21.....</i> | <i>163</i> |
| <i>Decree N°01/81 of 16 January 1981 relating to population's survey, Identification card, articles 5,6 and 7.....</i> | <i>58</i> |
| <i>Decree of 04/05/1895 instituting title one of civil code, book one, articles 18, 20 and 117.....</i> | <i>58</i> |
| <i>Decree N° 30/07/1888 relating to contract or obligation;</i> | |
| <i>article 258.....</i> | <i>36</i> |
| <i>article 258.....</i> | <i>163</i> |

LIST OF CASES CONSIDERED

| | |
|--|------------|
| <i>Forest Company Volcanoes Gorrillas (FCVG) Ltd v Rwanda Revenue Authority (RRA) RCOMAA 00055/2016/SC rendered by the Supreme Court on 29/9/2017.....</i> | <i>145</i> |
| <i>Murayire v Sindikubwabo, RS/REV/INJUST/CIV 0029/16/CS rendered by the Supreme Court on 01/06/2018.....</i> | <i>89</i> |

SUBJECT INDEX

- 1. Administrative procedural law** – Sanctions against a public servant – Disciplinary faults – When a public servant commits a fault which is not sanctioned by the disciplinary sanctions provided for by the statute governing public servants the head of his/her institution, upon recommendation of internal disciplinary committee, shall determine the sanction in relation to the gravity of the fault committed – The Presidential Order N° 65/01 of 04/03/2014 determines modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants, article 15.

SALIMINI v GOVERNMENT OF RWANDA (MINISANTE).....33

Disciplinary sanctions – A decision on the criminal charges against a public servant doesn't prevent him/her from being sanctioned on the disciplinary level because those sanctions can be levied against him/her even when he/her was not found guilty.

SALIMINI v GOVERNMENT OF RWANDA (MINISANTE).....33

- 2. Commercial procedure law** – Counsel fees – Procedural fees and counsel fees are awarded in Court discretion though their percentage was stipulated in contract when it is found that it is an act of appropriation of excess illegal benefit and the applicant fails to prove its use.

RWAGASANA v BANK OF KIGALI LTD.....159

Expert fees – When an expert fee is paid by the bank instead of its client, the latter is obliged to refund it in case he/she loses the case.

RWAGASANA v BANK OF KIGALI LTD.....159

3. Contract law – Sale agreement – Obligations of the seller –

The seller guarantees the buyer peaceful possession (garantie contre l'éviction).

NDITIRIBAMBE v GATERA ET AL.....1

Insurance law – Advance payment – Obligations of the insurer in case the latter is asked to pay the party who offered the tender – The security for the advance payment for the start of work remains valid until that advance is entirely refunded, it is not invalidated by the fact that the completed works are worth or exceed the advance paid, as it is not the payment.

RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v RWANDA AGRICULTURE BOARD.....143

Loan agreement – Borrower's obligations of paying interests stipulated in the performance contract – A bank does not err if it claims interests from payment done as performance guaranty on behalf of a borrower when the latter fails to perform the tender – Law N°21/2012 of 14/06/2012 relating to civil, commercial, labour and administrative procedure, article 9, Law N°45/2011 of 25/11/2011 governing contracts, article 64

RWAGASANA v BANK OF KIGALI LTD.....159

Loan agreement – Non-repudiation of the loan the insurer agreed to secure – An insurer married to the bank's borrower cannot repudiate the loan offered to his/her spouse on the grounds that he/she did not sign for it while they share that property in case it is proven that he/she signed for all loans taken by his/her spouse – Law N°45/2011 of 25/11/2011, article 64

RWAGASANA v BANK OF KIGALI LTD.....159

- 4. Family Law** – Civil marriage – A marriage certificate is the conclusive evidence for proving that the couples are married – In case of its loss or unavailability of the registers of marriage, it relies on testimony evidence – The fact that one of the partner is written on her or his cohabitants identity card as a wife or husband, does not consist of reliable evidence to prove that they are legally married.

MUKANKUBITO v NABIMANA.....55

Divorce – Sharing spouse's property due to divorce – If spouses married under community property regime divorce, the principle is that, they have to share equally the property whereby they either sell their property and then share the proceed of sale, or share the property in its state or again one of the spouse can pay the other the equivalent of property's value in money in order to keep it without sharing. In case the spouses fail to reach an agreement on any means of sharing, it is up to the judge to establish the fair sharing procedure for the couple.

RIZIKI v MUBIRIGI.....87

Divorce – Community of property – A consent agreement of sharing properties made between spouses married under community property regime, is void if its purpose is not to modify matrimonial regime between the spouses, because they are still under community property regime as long as they are not yet divorced.

UWAMWEZI v RANGHELLA.....103

- 5. Public procurement** – The advance received by the successful bidder – In case the tender is cancelled before the procuring entity deducted the entire amount of the advance it paid, the fact that the work which was done is equivalent or more than the advance paid is not a ground for the guarantee to

refuse to pay the remaining amount of the advance which was not deducted because that advance is not the price of the work or service rendered.

**RADIANT INSURANCE COMPANY LTD v
RWANDA AGRICULTURE BOARD.....143**

6. Procedure for review of a judgment due to injustice – Scope of the subject matter of the case under review due to injustice – The rulings of a final judgment cannot be reversed through the review due to injustice of another judgment of which they are not in the same sequence.

NDITIRIBAMBE v GATERA ET AL.....1

Scope of the subject matter of the case review due to injustice – New claims which were not litigated upon at the first instance or issues which were not raised in the case which is being reviewed due to injustice.

NDITIRIBAMBE v GATERA ET AL.....1

PROCEDURAL CASES

**CASE RELATING TO THE
PROCEDURE FOR REVIEW OF A
JUDGMENT DUE TO INJUSTICE**

NDITIRIBAMBE v GATERA ET AL

[Rwanda SUPREME COURT – RS/ INJUST/RC
00007/2018/SC (Mukamulisa, P.J, Nyirinkwaya, Cyanzayire,
Rukundakuvuga and Hitiyaremye, J.) 13 March 2020]

Review of a judgment due to injustice – Scope of the subject matter of the case under review due to injustice – The rulings of a final judgment cannot be reversed through the review due to injustice of another judgment of which they are not in the same sequence.

Review of a judgment due to injustice – Scope of the subject matter of the case review due to injustice – New claims which were not litigated upon at the first instance or issues which were not raised in the case which is being reviewed due to injustice.

